

IKINYARWANDA

IGITABO CY'UMWARIMU

**Umwaka wa gatanu- Amashuri yisumbuye
Amashami Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo
rusange**

Expermental version

Kigali, 2022

© 2022 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze,

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y' u Rwanda

***Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu
rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)***

Ishakiro

Ijambo ry'ibanze

Mwarimu murezi,

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbenezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunarwanda hashyirwa mu bikorwa imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura uko bikwiye ibitekerezo bumvise cyangwa basomye, bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa mu buryo bukurikira:

- Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu kandi batanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruzwa ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi twakoreshejwe.
- Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo kandi bigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo.
- Gusesengura no gutandukanya imyandiko, kumva imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijwemo imitwe itandatu ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, umuco w'amahoro, gukunda igihugu n'iterambere.

Iki gitabo gihera ku ngingo zishingiye kuri izo nsanganyamatsiko kikagenda kerekana amasomo akurikizwa kugira ngo umwarimu ayobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa ahereye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Ayo masomo ni yo afasha umwarimu kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko, ndetse no kwiga

ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganyijwe mu nteganyanyigisho. Nyuma ya buri kigwa na nyuma ya buri mutwe hari imyitoto n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho. Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu, iki gitabo kizagufasha kugeza ku banyeshuri ubundi bushobozi bukenewe mu buzima, nko kwikemurira ibibazo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana, kugirana ubufatanye n'abandi, ndetse no kwiyigisha bo ubwabo no guhora bihugura. Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitoto cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora.

Muri iki gitabo, hari imbonerahamwe ifasha umwarimu kumenya ibyigwa n'amasomo ari muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko. Hanateganijwe kandi urutonde rw'ayo magambo ku mpera y'igitabo aho atonetse akurikije itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda kugira ngo bigufashe kubona vuba ijamba wifuza.

Iki gitabo ni ingenzi cyane ku mwarimu kuko kimwereka uko yakwigisha amasomo y'Ikinyarwanda yifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Gikangurira umwarimu kwita ku banyeshuri bese hibandwa ku bafite ibibazo byihariye mu myigire kugira ngo bajyane n'abandi.

Nubwo imyitoto yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero umwarimu yakwifashisha. Ikindi kandi, iyo myitoto nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, umwarimu ashobora kubategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda.

Dr. MBARUSHIMANA Nelson
Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugararije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho no kuyihuza n'Iteka rya Minisitiri n° 002/MINEDUC/2021 ryo ku wa 20/10/2021 rishyiraho integanyanyigisho mu mashuri y'uburezi bw'ibanze bw'inyigisho rusange, mbonezamwuga n'iz'imyuga n'ubumenyi ngiro.

Ndashimira kandi abarimu bigisha mu mashuri abanza n'ayisumbuye bitanze batizigamye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gusubirwamo. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

Intangiriro

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi.

Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Ubu buryo bw'imyigishirize busaba umunyeshuri uruhare

runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

Imiterere y'iki gitabo n'imikoreshereze yacyo.

a) Imbonerahamwe igaragaraza ibikubiye muri buri mutwe n'ubushobozi bw'ingenzi buteganyijwe kugerwaho.

Iyo mbonerahamwe itanga ishusho y'igitabo n'ibigikubiyemo. Igaragaraza buri mutwe n'ibiwukubiyemo, n'imyitozo igomba gukorwa kuri buri kigwa kugira ngo umunyeshuri agende yiyubakamo ubushobozi uko atera intambwe n'uko ava ku mutwe ajya ku wundi. Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu kandi buri mutwe ufite umubare w'amasomo agomba kwigwa. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha isomo ku rindi, hashingiwe ku ngingo ziteganyijwe zisabwa mu nteganyanyigisho.

Izo ntera ni izi zikurikira:

1. Igice cya mbere: Gusoma n'inyunguramagambo

1.1. Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iki gice ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo atari asobanukiwe, bagakora umwitozo w'inyunguramagambo. Imbonezamasomo muri iki gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko, umwarimu ayyobora mu byiciro bitatu: intangiriro, gusoma umwandiko bucece no gusomera mu matsinda bagerageza gushaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe.

1.2. Intangiriro

Muri iki kiciro k'intangiriro, umwarimu ahera ku mashusho aiyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

1.3. Gusoma

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu byiciro bibiri ari byo: gusoma bucece no gusoma baranguruye

1.3.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

1.3.2. Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baranguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho badasoma neza. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anagenzura ubukeshu bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Ni ngombwa gukora ku buryo buri munyeshuri agira umwanya wo gusoma, ari abitabira gutera urutoki cyangwa abatabyitabira. Iyo umwandiko urangiye bese batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo buri wese ashobore gusoma. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Agomba kandi kubibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

1.4. Gukorera mu matsinda

Iyo gusoma baranguruye birangiye, umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi

ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Agomba kuba arimo abanyeshuri batandukanye; abahungu n’abakobwa, ab’intege nke n’abafata vuba ibyo bigishwa. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w’itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b’amatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda umwarimu agenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha akabubaha.

1.5. Ibikorera mu matsinda

1.5.1. Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bakagerageza gushakisha ibisobanuro by’amagambo badasobanukiwe banditse. Babishakisha bahereye ku bivugwa mu mwandiko, byabananira bakifashisha inkoranyamagambo n’urutonde rw’amagambo ruri mu gitabo cy’umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo. Muri icyo gihe, umwarimu akomeza gukurikirana ibikorera mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama. Icyo gikorwa gikurikirwa no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku kibaho. Bitangwa n’abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinonosora. Iyo hari amagambo batashoboye kubonera inyito umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro byaba ngombwa akabunganira.

1.5.2 Umwitozo w’inyunguramagambo

Iyo abanyeshuri barangije kubona ibisobanuro by’amagambo badasobanukiwe, umwarimu abasaba kongera kujya mu matsinda kugira ngo bakore imyitozo y’inyunguramagambo iteganijwe mu gitabo cy’umunyeshuri. Iyo igihe cyateganijwe kigeze bongera guhuriza hamwe ibisubizo bayobowe n’umwarimu.

2. Igice cya kabiri : Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo iri muri iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk’abirirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n’umubare wabyo.

Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w’itsinda agaragaza ibisubizo byakorewe mu itsinda rye. Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda Umuyobozi w’itsinda ajya imbere akandika cyangwa akavuga ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Igisubizo gitanzwe n’itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanywa n’abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo, amagambo yasobanuwe n’itsinda ryabanje andi

matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyatanzwe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukorehwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorewa mu matsinda.

3. Igice cya gatatu: Kwitoza gusoma

Kwitoza gusoma bikorwa harebwa imisomere ya buri munyeshuri ukwe. Bisaba rero ko buri munyeshuri ahabwa umwanya wo gusoma, akayoborwa kandi agakosorwa mu buryo bwo gusoma adategwa, atagemura amagambo, yubariza utwatuzo n'iyitsa, asesekaza. Uyu mwitozo ugomba kwibandwaho cyane mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa gatandatu, kugira ngo ubushobozi bwo gusoma bwagezweho mu myaka itatu ibanza bushimangirwe. Mu gihe bigaragaye ko abanyeshuri bose bamaze kubikeneka, uyu mwitozo wagenda uza rimwe na rimwe, kandi umwarimu akibanda cyane ku bagifite ingorane mu gusoma uko bikwiye.

4. Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, byibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Nyamara bagomba no kumenya imiterere ya buri mwandiko mu yo biga, bakamenya ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

5. Igice cya gatanu: Ubumenyi ngiro

Kuri buri bwoko bw'umwandiko bize, abanyeshuri bakwiye guhambwa imyitozo y'ubumenyi ngiro itandukanye hashingiwe ku bikorwa biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Hagenda hasimburana ibikorwa bikurikira: guhanga, gukina, gusoma umwandiko, kungurana ibitekerezo, gukora inshamake... Abanyeshuri bahabwa umukoro bakazagaruka barawukoze hanyuma bagahabwa umwanya wo gusangiza bagenzi babo ibyo bakoze.

6. Igice cya gatandatu: Ikibonezamvugo

Ikibonezamvugo giteganyijwe muri iyi nteganyanyigisho, mu rwego rwo gufasha umunyeshuri kumenya amahame agenderaho anozza imvugo n'inyandiko bye. Ariko rero bigomba kumvikana neza ko amategeko y' ikibonezamvugo atagomba gufatwa mu mutwe nk'amasengesho, ahubwo agomba gutahurwa n'abanyeshuri ubwabo bahereye ku mwandiko cyangwa interuro yakoreshejwemo.

7. Isuzuma

Amasuzuma agomba gukorwa kenshi haba mu gutanga isomo, cyangwa kubaza abanyeshuri ibyo baheruka kwiga, ndetse no kubabaza icyo bungutse nyuma ya buri somo. Ku buryo bw'umwihariko, hateganyijwe isuzuma rusange risoza buri mutwe, kugira ngo

umwarimu asuzume niba koko abanyeshuri bageze ku bushobozi bwa ngombwa buteganyijwe. Iyo bigaragaye ko ibyo bitagezweho, umwarimu agomba

guteganya indi myitozo nshimangirabushobozi ya ngombwa, kugira ngo adakomereza ku bindi kandi ibibibanziriza batarabikeneka.

8. Uburyo bwo kwimakaza insanganyamatsiko nsanganyamasomo

Muri iki gitabo insanganyamatsiko nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe.

9. Uburyo bwihariye bwo kwita ku myigire y'abanyeshuri

Iki gitabo cyanditse ku buryo gifasha umwarimu gufasha umunyeshuri mu buryo bwihariye kugira ngo atere imbere mu kunguka amagambo, mu gusoma no mu kwandika. Mu rwego rwo kugira ngo yiyungure amagambo, iki gitabo kibimufashamo by'umwihariko kubera ko gikubiyemo imyitozo n'ibisubizo bituma umunyeshuri yiyungura amagambo nk'imyitozo yo kuzaza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo akoresheje akambi, gushaka amagambo mu kinyatuzu, gukoresha amashusho agaragaza ibyo asoma, kugaragaza neza amagambo yabugenewe atsindagirwa no kwirinda gukoresha amagambo menshi atamenyerewe.

Muri iki gitabo kandi harimo imyitozo ifasha umunyeshuri kumva ibyo asoma n'ibyo asabwa gukora kuko abanza guhabwa urugero rw'ibyo asabwa gusubiza, guhuza amafoto n'amagambo... Byongeye kandi iki gitabo giteguwe ku buryo hagenda hakoreshwamo uburyo bw'imbonezamasomo bunyuranye; gukorera mu matsinda manini y'abanyeshuri nka bane, gukorera mu matsinda ya babiribabiri, gukora umuntu ku giti ke, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, gukora ubushakashatsi kuri murandasi, gukorera hamwe ishuri ryose...

III.IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE

UMUTWE WA MBERE: UMUCO NYARWANDA

I.1.Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura igitekerezo k'ingabo.
- Gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyabami.

I.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda bwo muri rubanda n'ibitekerezo byo muri rubanda.

I.3. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu arasaba abanyeshuri bicaranye ku ntebe gusubiza ibibazo bibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'ibibazo :

1. Iyo bavuze ibitekerezo byo muri rubanda, indirimbo, ibisakuzo imigani wumva ibihangano byo mu kihe gice cy'amasomo?
2. Wakwita ute ibikorwa, imigirire imitekerereze n'imyifatire by'Abanyarwanda?

Umwarimu arasaba bamwe mu banyeshuri gusubiza ibyo bibazo, hanyuma afatanye n'abandi kunoza ibisubizo byabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

1. Iyo bavuze ibitekerezo byo muri rubanda, indirimbo, ibisakuzo imigani numva ibihangano byo mu buvanzozo?
2. Ibikorwa, imigirire imitekerereze n'imyifatire by'Abanyarwanda nabyita umuco nyarwanda.

I.4. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe

Umutwe wa mbere: Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 18
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Igitero k'i Butembo		

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya kabiri: gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Kugaragaza ingaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda.	Amasomo 2
Ubuvinganzu nyabami		
Isomo rya kane: Inshoza y'ubuvinganzu nyabami	Gutahura no gusobanura inshoza y'ubuvinganzu nyabami.	Isomo 1
Isomo rya gatanu: Ingeri z'ubuvinganzu nyabami	Kugaragaza no gusobanura ingeri z'ubuvinganzu nyabami n'uturango twazo.	Amasomo 2
Umwandiko: Ibyivugo		
Isomo rya gatandatu: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Isomo 2
Isomo rya karindwi: Gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Amasomo 1
Isomo rya munani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Guhanga ibyivugo byo mu gihe tugezemo no kwivugira mu ruhame.	Amasomo 3
Isuzuma		
Isuzuma risoza umutwe wa mbere	Gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe wa mbere	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Gusubiza ibibazo by'imyitozo nzamurabushobozi na	Isomo 1

	nyagurabushobozi	
--	------------------	--

1. 4.1. Umwandiko: Igitero k'i Butembo

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Igitero k'i Butembo" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo :

a) Mwitgereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabonaho umwami utetse ku gitabo cya nyirantarengwa, abantu barimo kuvuza ingoma n'abandi bambaye inkindi banafite amacumu n'imiheto.

b) Ukurikije ibikoresho bafite urabona umwandiko ukurikiyeho uza kuvuga ku ki?

Nkurikije ibikoresho bafite ndabona umwandiko ukurikiyeho uza kuvuga ku rugamba/gitero.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'uyu mwandiko?

Umutwe w'uyu mwandiko w'uyu mwandiko ni igitero k'i Butembo.

Ni uwuhe mwami uvugwa mu mwandiko?

Umwami uvugwa mu mwandiko ni Kigeri IV KRwabugiri

Ni iki kigushimishije muri iyi nkuru umaze usoma?

U rwanda rwateye u Buhunde rurabutsinda.

Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bese babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

1. Gusobanura amagambo

a) Nyakotsi: ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

b) Kugishisha inka: kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

c) Umuhinza: Umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamuturira amakoro na we akabaha imvura, akabahahiriza (guhashya)

ibyonnyi akabatsirikira ibiza.

d. Kuramvura ingoma: kuyibaza.

e) Gukubanga: kwigarurira.

f) Kunyaga: Gutwara imitungo y'undi ku mbaraga

g) Amakoro: amaturo bahaga umwami agizwe n'ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n'ibindi.

h) Kuvunyisha: gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

i) Amazimano: amafunguro bakiriza umushyitsi.

j) Abatasi: abantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

k) Kuvogera umugezi: kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

2. Kumva umwandiko

1. Uzuzura interuro zikurikira ukoresheje ibivuye mu mwandiko:

a) Mu gitero k'i ...**Butembo**... Abanyarwanda bahakuye imbuto y'...**amashaza**.

b) Igitero k'i Butembo cyabaye mu wa ... **1874** cyagabwe kiyobowe n'umwami... **Kigeli IV Rwabugiri**.

c) Igitero cyahagurukiye I ... **Rwamaraba** gisozerezwa inyuma y'ishyamba I ... **Butembo**.

2. Sobanura intandaro y'igitero k'i Butembo:

Umuhinza wo mu Buhunde witwaga Muvunyi wa Karinda yanyaze u Rwanda inka z'inyambo zitwaga Imisakura zari zaragishishirijwe i Kamurongi ku mupaka w'u Buhunde.

3. Ni nde wafashe iya mbere mu gushoza urwo rugamba?

Umwami Kigeli IV Rwabugiri

4. Ni ikihe gihembo cyari giteganyirijwe umugore uzarusha abandi kwitegura umwami? Gutaramirwa n'ingabo; inyambo zigataha iwe.

5. Shaka ibintu cyangwa ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye ibidukikije unasobanure uko ubibona.

Nyakotsi, kuvogera umugezi: Impamvu ni uko nyakotsi yasigaga imyotsi ihumanya ikirere; kuvogera umugezi n'ibirenge byanduza amazi byatera abantu indwara.

3. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukorera mu matsinda imyitozo yo gukoresha amagambo mu nteruro no kuyashakira imbusane iri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo

1. Koresha buri jambo muri aya akurikira mu nteruro iboneye.

“Nyakotsi, kugishisha inka, umuhinza, kuramvura ingoma, kukubanga, kunyaga, amakoro, kuvunyisha, amazimano, abatasi, kuvogera umugezi”.

Mu gukosora izi nteruro z'abanyeshuri, umwarimu areba ko abanyeshuri bakora interuro ziboneye.

2. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye

- a) Azahindukirira ≠ azagendera
- b) Guhunga ≠ guhunguka
- c) Gukuka umugezi ≠ kwinjira mu mugezi, gushoka umugezi
- d) Guhinguka ≠ kurenga

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga witwa "Igitero k'i Butembo"

Inkuru yavugaga ku ki?

Inkuru yavugagaku gitero cya Kigeri IV Rwabugiri cyagabwe mu Butembo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1. Amakoro yatangwaga ibwami wayagereranya n'iki muri iki gihe? Sobanura igisubizo utanze uhereye ku kamaro kayo.

Yagereranywa n'imisoro n'amahoro: Impamvu ni uko amaturo yajyanwaga ibwami kugira ngo bayakoreshe imirimo inyuranye naho imisoro n'amahoro bikaba bihabwa Leta bigakoreshwa mu guteza imbere Igihugu.

2. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara muri uyu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Inkomoko y'igitero	Uruzinduko rw'intumwa z'i Burundi
Imihigo y'igitero	kwa Mwezi
Imigendekere y'igitero	Imyiteguro y'abagore b'umwami
Ibirori by'imyiyereko	Kurya amashaza
Imvano y'ikivugo "Inkatazakureka"	Kwihumanura

3. Vuga muri make ibikubiye muri uyu mwandiko mu magambo yawe bwite.

Umwarimu areba niba inshamake y'umwandiko wa buri munyeshuri iboneye akamufasha kuyinoza.

4. Ugereranyije ibyo wize mu kiciro rusange ku gitekerezo cyo muri rubanda n'ibivugwa muri uyu mwandiko "Igitero k'I Butembo", ubona uyu mwandiko ari bwoko ki? Kubera iki?

Uyu mwandiko ni igitekerezo k'ingabo kuko urimo kubara inkuru z'ubutwari bw'ingabo.

Umukoro:

Saba abanyeshuri guhuza ibivugwa mu mwandiko "Igitero k'i Butembo" n'ubuzima busanzwe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bagaragaza ingaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda.

Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye

Ahereye ku byo asanzwe abona mu muryango nyarwanda, umunyeshuri araba ashobora: Kugaragaza ingaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda atanga ingingo zifite ireme kandi azikurikiranya neza.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu,igitabo cy’umunyeshuri, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye no ku rushako.

Urugero rw’ibibazo yababaza:

Iyo bavuze ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye wumva iki?

Iyo bavuze ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye numva uburyo ibitsina byombi bihabwa amahirwe angana n’uburenganzira bungana mu bibagenerwa no mu nshingano ziteza imbere imiryango yabo n’Igihugu muri rusange.

Ni ayahe mategeko mbonezamubano uzi arebana no gushaka umufasha (umugabo/umugore) mu Rwanda?

Umuntu yemerewe gushaka umufasha agize imyaka makumyabiri n’umwe.

Umuntu yemerewe gushaka umugabo/umugore.

Nta muntu wemerewe gushakana n’uwo bafitanye isano ya bugufi.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri kungurana ibitekerezo ku ngaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda

Igikorwa:

Wibanda ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye, garagaza ku ngaruka zo gushaka abagore benshi mu muryango nyarwanda.

Ingero z’ingingo zatangwa:

Kwica amategeko y’igihugu umugabo akaba yabihanirwa.

Kugira abagore benshi kandi umugore we umuco utamwerera kugira abagabo benshi.

Kubura aho wakirira abashyitsi kubera kubura amahitamo nk’uko byagendekeye

Rwabugiri.

Kubyara abana benshi ntibagire amahirwe yo guhorana n’ababyeyi bombi kuko umugabo aba azenguruka mu ngo zabo.

Abagore baharirwa inshingano zo kurera abana.

Guhora mu makimbirane hagati y’abakeba.

1.4.2. Ubuvanganzo nyabami

Isomo rya kane: Inshoza y'ubuvanganzo nyabami

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: -Gutahurano gusobanura inshoza y'ubuvanganzo nyabami
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I.Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo rishya bagiye kwiga.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

-Ni ubuhe bwoko bw'umwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni igitekerezo k'ingabo

**-Ubwoko bw'uyu mwandiko wabushyira he muri aya masomo akurikira:
ikibonezamvugo, buvanganzo, ubumenyi rusange bw'ururimi, ikeshamvugo.**

Sobanura

Uyu mwandiko nawushyira mu buvanganzo kubera ko uri mu byahimbiwe guhimbaza ibirori by'imyiyereko y'ingabo.

II.Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko "Igitero k'i Butembo" ugereranye ibivugwamo n'ibyavugwaga

mu yindi myandiko wize mu mwaka wa kane, maze ukore ubushakashatsi utahurey'inshoza y'ubwo buvanganzo.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe.

Ubuvinganzu nyabami ni imwe mu ngeri z'ubuvinganzu nyemvugo bukubiyemo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Bene ibi bihangano byahimbwaga n'intiti (inzobere), ntibyisanzurwemo n'ubonetse wese.

Isomo rya gatanu: Ingeri z'ubuvinganzu bwo muri rubanda

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:
- Kugaragaza no gusobanura ingeri z'ubuvinganzu nyabami n'uturango twazo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvinganzu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Iyo bavuze ubuvinganzu nyabami wumva iki?

Ubuvinganzu nyabami nyemvugo bukubiyemo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami bwahimbwaga n'intiti (inzobere) gusa.

Uherye ku nshoza y'ubuvinganzu nyabami, vuga nibura bibiri mu bihangano byo mu buvinganzu nyabami waba uzi?

Mu buvinganzu bwo muri rubanda naba nzi harimo: ibitekerezo by'ingabo ibyivugo, ibisigo, amazina y'nka, ubwiru, n'ibindi.

Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma iki gika maze usubize ibibazo bigikurikira.

U Rwanda rwo hambere rwari rwiganjemo intiti zatumaga amateka n'imibereho y'Abanyarwanda bisagamba. Abasizi mu bisigo byabo barataga abami bakanageza kuri rubanda gahunda umwami yageneye abamuyobotse n'abamwigometseho. Mu nganzo y'injyana y'indinganire, abisi bahimbiraga inyambo amazina y'inka usanga yenda gusa n'ibyivugo by'imyato ingabo zivugiraga mu bitaramo. Habagaho n'ibyivugo by'iningwa ingabo zakoresha mu bitaramo njarugamba cyangwa se mu bitaramo mvarugamba. Ibyo bitaramo byombi byahimbazwaga n'indirimo z'ingabo zabaga zarahimbwe n'ibikore. Usibye ibi bihangano byamenyekanaga muri rubanda yose, hariho n'ibindi by'ibanga ry'umwami n'ibyegera bye. Muri byo twavugaga nk'ubwiru n'ubucurabwenge bwari bukubiyemo amategekako yagengaga imihango y'ibwami n'amazina y'abami n'abagabekazi.

Ikibazo

Uhereye kuri iki gika urasanga ari izihe ngeri z'ubuvanganzo nyabami ziganjemo? Kora ubushakashatsi utahure uturango twazo ndetse n' izindi ngeri z'ubuvanganzo nyabami utasanzemo uturango twazo.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

Ingeri z'ubuvanganzo nyabami

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami dusanga muri iki gika harimo:

1. Ibisigo nyabami

a) inshoza y'ibisigo

Ibisigo nyabami ni imivugo yasingizaga abami n'ingoma zabo ikoresheje amagambo y'indobanure. Byabanjijwe n'ibyo bitaga ibinyeto. Ijambo ibinyeto riva ku nshinga kunyeta bivuga gusingiza cyangwa kurata. Abahanzi b'ibinyeto babitaga abenge. Ibinyeto byabaga ari imivugo irata buri mwami ukwe. Bikaba bigufi, muri rusange bitarengeje imikarago makumyabiri. Ibisigo nyabami birangwa n'ikeshamvugo, amagambo y'indobanure kandi ntibyahindagurikaga mu miterere yabyo.

Ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli nibwo umugabekazi we w'umutsindirano Nyirarumaga yahuriye ibinyeto mu gisigo kimwe yise "Umunsi ameza imiryango yose". Kuva ubwo ibinyeto ntibyongera kubaho, ahubwo hatangira ibisigo. Ni ukuvuga ko umuntu wa mbere wemewe mu Rwanda nk'umusizi ari Nyirarumaga. Guhera ubwo abasizi batangiye

guhimba ibisigo birebire bisingiza abami, banahabwa agaciro gakomeye ibwami ndetse barema umutwe wabo (inteko y’abasizi) uyoborwa n’intebe y’abasizi.

b) Uturango tw’ibisigo:

- Ntibyahindagurikaga mu miterere yabyo (ikobyoy, ibyanzu, impakanizi).
- Byasingizaga abami n’ingoma zabo.
- Byakoreshaga ikeshamvugo.
- Byakoreshaga amagambo y’indobanure.

2. Amazina y’inka

a) inshoza y’amazina y’inka

Amazina y’inka ni imivugo irata inyambo n’umwami. Ni ingeri y’ubuvanganzo nyabami irangwa n’itonde ripimye (umubare w’utubangutso ungana), ikeshamvugo n’amagambo yabugenewe. Yagiraga imiterere yihariye.

Amazina y’inka yagereranywa n’ibyvugo by’inka. Inka z’inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y’amazina y’inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800. Kuva icyo gihe ni bwo abahanga mu byo kwita inka (abisi) batangiye kurebera inka mu bwenge, bakaziremesha ingamba. Inka baziremyemo imitwe bakayirwanisha. Buri mutwe wari ubangikanye n’umutwe w’ingabo ushinzwe kuzirinda.

b) Uturango tw’amazina y’inka

yarangwaga n’ibice bibiri, ari byo inshutso n’umuzinge. Bwakoreshaga injyana y’indinganire / itonde ripimye. Bwakoreshaga amagambo yabugenewe y’indobanure.

3. Ubwiru

a) inshoza y’ubwiru

Ijambo “**ubwiru**” risobanura ibanga rikomeye cyane iryo ari ryo ryose. Mu buvuganzu nyabami ubwiru ni imihango yakorwaga n’umwami n’abiru, ikitwa inzira z’ubwiru. Ubwiru bwari bukubiyemo amategeko yagengaga imihango y’ibwami (kwimikwa, urugamba, gutabazwa, ...) yakorwaga mu ibanga.

b) Uturango tw’ubwiru

Ubwiru bwagiraga amagambo yihariye agendana na bwo kandi ntibwahindagurikaga.

4. Ubucurabwenge

a) Inshoza y’ubucurabwenge

Ni umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by’abami n’abagabekazi wafatwaga mu mutwe n’abantu bitwaga abacurabwenge.

b) Uturango tw'ubucurabwenge

Ubucurabwenge burangwa n'uko buvuga ibisekuru by'abami n'abamikazi mu buryo buryoheye amatwi. Ubucurabwenge bwakorwaga n'abacurabwenge.

5. Ibyivugo

a) Inshoza y'ibyvugo

Ibyivugo ni ubuvanganzo nyarwanda bwahimbirwaga kurata ubutwari bw'ingabo. Nyiri ukwivuga yashakaga kugaragaza ubutwari yagize ku rugamba cyangwa umugambi yiyumvamo wo kuzaba intwari mu bihe bizaza, akihimbira ikivugo cyangwa agashaka ukimuhimbira, akagitora kikagaragaramo ubutwari bwe. Ibyo bishaka kuvuga ko abagabo bose batari abahanga mu guhimba ibyvugo. Hariho intiti kabuhariwe zahimbiraga n'abandi ibyvugo. Ibyivugo byagamo iby'iningwa byari bigufi bitarenza imikrango icumi hakabaho ibyvugo birebire cyane byitwaga imyato.

b) Uturango tw'ibyvugo

Ibyivugo birangwa n'ibigwi n'ibirindiro, amagambo y'indobanure afatiye ku rugamba n'intwari zirukoreshwamo n'ikeshamvugo cyanecyane isubirajwi.

Ibigwi: Ni umubare cyangwa se amazina y'abanzi nyiri ukwivuga yatsinze ku rugamba ndetse n'aho yabatsinze.

Ibirindiro: Ni ibikorwa by'akataraboneka uwivuga yagaragarije ku rugamba nko kwimana no kugarukira ingabo bagenzi be (kuzirengera) gutahana iminyago, kwibasira abanzi...

6. Indirimbo z'ingabo

a) Inshoza y'indirimo

Indirimbo ni amajwi afite injyana yungikana n'amagambo yumvikana ku buryo bunogeye amatwi. Izi ndirimbo zaririmbwaga mu bitaramo by'imyiyereko ingabo zitabarutse ku rugamba no mu gihe zishengeye ibwami. Izo ndirimbo zafatiraga ku bantu babayeho (abami, ab'ibwami n'abatware cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi nk'ibigwi, ibirindiro...).

a) Uturango tw'indirimo

Indirimbo irangwa n'ibitero n'inyikirizo byanditse mu mikarago yuje isubirajwi, isubirajambo, imizimizo n'imibangikanyo kandi ikagira injyana yihariye. Indirimbo ishyingirwa mu majwi aryoheye amatwi ashobora guherekezwa n'ay'ibyuma bya muzika bigatuma abantu barushaho kwidagadura. Indirimbo ishobora kuba iy'amajwi y'umuntu cyangwa urusobe rw'amajwi y'abantu benshi.

7. Ibitekerezo

Ni imyandiko yafatiraga ku bantu babayeho (abami n'ab'ibwami, abatware) cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi ikavuga uko byagenze nk'ibitero ariko hakongerwamo amakabyankuru. Ibitekerezo byo mu buvuganzu nyemvugo nyabami birimo amoko abiri:

a) Ibitekerezo nyabami

Ibitekerezo nyabami cyangwa iby'imiryango ikomeye byavugaga umuntu ukomoka ibwami cyangwa ukomoka ibutware, bikavuga amateka ye ariko bakongeramo amakabyankuru.

Ingero:

- Bwiza bwa Mashira na Gahindiro.
- Ruganzu na Kimenyi umwami w'i Gisaka.

b) Ibitekerezo by'ingabo

Ibitekerezo by'ingabo byavugaga imitegurire n'imigendekere y'ibitero ingabo z'umwami zagabye mu bindi bihugu bakongeraho amakabyankuru. Ibitekerezo by'ingabo ni ibihangano byabaga bikubiyemo uko urugamba rwagenze. Byahimbwaga n'abatekereza b'ibwami bafatiye ku byavuzwe n'abavuzi b'amacumu babaga bakubutse ku rugamba. Abo bavuzi b'amacumu bari abantu bazwiho ubuhanga mu kuvuga neza no gufata mu mutwe bagakoresha imvugo nziza kandi batajijinganya. Mu bitekerezo by'ingabo havugwamo inkuru y'igitero n'abakigizemo uruhare cyanecyane ab'intwari.

8. Inanga zivuga iby'ibwami

a) Inshoza y'inanga

Inanga ni ubwoko bw'indirimo zigizwe n'amajwi afite injyana yihariye biba byungikana n'umurya w'inanga. Inanga zahimbiwaga kurata no gusingiza abami, zigacurangirwaga mu bitaramo binyuranye (rimwe na rimwe ziherekejwe n'ibindi bikoresho nk'umuduri, iningiri, cyangwa ikondera) mu gihe ingabo zishengeye ibwami.

b) Uturango tw'inanga

Inanga tuzisangamo uturango tw'ubusizi nyarwanda (isubirajwi, imibangikanyo, injyana...)

1.4.3. IKIVUGO

Isomo rya gatandatu: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko “Ikivugo” bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw’ibibazo yabaza n’urugero rw’ibisubizo :

a) Mwitgereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabonaho umugabo n’abana bafite amacumu n’ingabo.

b) Ukurikije ibikoresho bafite urabona baba barimo gukora iki?

Nkurikije ibikoresho bafite ndabona baba barimo kwivuga.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

Ni iki wumvise mu mwandiko umaze gusoma?

Baravugamo umuntu wari umurashi.

II.Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma uyu mwandiko witonze, witegereza imiterere yawo hanyuma ukore ubushakashatsi utahure ubwoko bwawo n’uturango twawo.

Rwangizamirera rwa Muhandangabo

Ndi umuhanga w’umuheto

Umuhunde yaje arambirana isuri

Ndamurasa arisenya

Ntityasukirwa amazi

Umenya ngo akubiswe n’inkuba,

Inkuku zirayagara

Inzira ndayiharira

Ababisha bagisobanura abanyabwoba!

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurike ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Gusobanura amagambo:

Isuri: Ingabo iboshye mu bwoko bw'ikimera kitwa na cyo isuri.

Arisenya: Agwa nta rutangira

Zirayagara: zikwira imishwaro

Ababisha: abantu muhanganye ku rugamba

b) Kumva umwandiko

1. Ni ubuhe bwoko bw'abantu bavugwa mu mwandiko?

Abantu bavugwa mu mwandiko ni abahunde.

2. Ni iki kigaragaza ko uwarashwe umwambi bamurashe umwambi ufite imbaraga?

Ikigaragaza ko uwarashwe umwambi bamurashe umwambi ufite imbaraga ni uko bamurashe akisenya.

3. Ni ryari basukira umuntu amazi?

Basukira umuntu amazi igihe yagize ibibazo byo gushyuha mu mutwe.

Umwitoto:

1. Koresha aya magambo “**isuri, arisenya, zirayagara, ababisha**” mu nteruro ziboneye.

Umwarimu aragenzura ko abanyeshuri bakoze interuro ziboneye.

Urugero rw’interuro bakora:

Ingabo zikingaga **isuri** ikazirinda amacumu n’imyambi y’ababisha.

Ndangamira yatezwe n’umucaca **arisenya**.

Umuzinga wituye hasi inzuki **zirayagara**.

Iyo Umunyarwanda yabaga asumbirijwe n’**ababisha** bagenzi be baramuvunaga.

2. Ongera usome ikivugo umaze kwiga, ushakemo amagambo asobanura:

a) ingabo(umusirikare) igira ubwoba: inkuku

b) ibiti babazagamo ingabo: imirera.

Isomo rya karindwi: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n’ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, inkoranyamagambo n’izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw’ibibazo yababaza n’ibisubizo byatangwa

Umwandiko duheruka kwiga?

Ni abahe banyarubuga bavugwa mu mwandiko duheruka kwiga?

Mu mwandiko duheruka kwiga havugwamo umuntu wivuga ibigwi.

Vuga muri make icyo wasigaranye muri uwo mwandiko.

Muri uwo mwandiko bavugamo ko umukogoto yarashe umubishe bigatera bagezi ubwoba bagahunga bose.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1. Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uyu mwandiko uravuga ku nsanganyamatsiko urugamba.

2. Ni iki kigaragaza ko uwivuga ari umukogoto (umuhanga mu kurasa imyambi)?

Kigaragaza ko uwivuga ari umukogoto ni uko yatesha ababisha ingabo bikingiraga, uwo arashe aba ameze nk'ukubiswe n'inkuba.

3. Ugendeye ku ntekerezo y'aba kera, gira icyo uvuga ku nkuba.

Abanyarwanda bafata inkuba nk'ikinyabubasha kiyobora isanzure. Bavugaga ko umukobwa ukubiswe n'inkuba ikamusigira amabara ku ruhu iba yamurongoye. Ikintu cyakubiswe n'inkuba ntawugikoraho batabanje kukigangahura. Nta n'ubabara ngo agikozeho cyangwa akababara iyo yaragarukaga na we ikamukubita.

Umukoro:

Hanga ikivugo cyo mu gihe mu gihe tugezemo kigendeye ku turango tw'ikivugo uzagikoreshe wivugira imbere ya bagenzi bawe.

Isomo rya munani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye

Ahereye ku byo asanzwe abona mu muryango nyarwanda, umunyeshuri araba ashobora: Guhanga ibyivugo byo mu gihe tugezemo no kwivugira mu ruhame.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa ibyivugo n'imiterere yabyo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Mu byivugo by'abantu bakuru habamo ayahe moko?

Mu byivugo by'abantu bakuru habamo iningwa n'imyato.

Ikivugo kiba giteye gite?

Ikivugo kiba:

gifatiye ahanini ku rugamba.

Cyanditse mu mikarago.

gifite umukarago wa mbere ugizwe n'izina ry'igisingizo .

– Inshinga nkene “ndi...”

kirimo bigwi (amazina y'ababisha n'aho ingabo yabatsinze) n'ibirindiro (ibindi

bikorwa by'ubutwari ingabo yagaragaje nko kwimana, kugarukira,

kugarukirwa no kurusha) by'uwivuga.

gikoreshejwemo ikeshamvugo rishingira ku gukoresha amagambo yabugenewe

kandi mu buryo bunoze.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri kujya imbere ya bagenzi be abamurikire ikivugo k'iningwa cyangwa cy'umwato yahanze.

Igikorwa:

Wubahiriza uturango tw'ikivugo n'imyitwarire y'uwivuga, jya imbere ya bagenzi bawe wivuge ibigwi.

Urugero rw'ikivugo cyo muri iki gihe:

Imena mu baterura isuka ya Rudasigarinyuma mu bashaka iterambere,

Ndi indongozi mu bashaka inyungu,

Inyamibwa mpimbaza amabanki,

Nshore nunguke nayigize intego.

Sinzarira mu kazi, inzangano n'amatiku nabigize ikizira,

Nzira abanebwe babunza amagambo,

Aho gushaka akazi ngo biteze imbere.

Nahinze amasaka amasoko aransingiza,

Abana bati: «Imena ya Rudasigarinyuma atumye tumera neza,

Nti: «Nimuhumure ndacyasizanira kugeza ibiribwa ku masoko

N'ibitari amasaka bizahasesekara.»

Cyahimbwe na Hagumuburame bwa Mukurira

1.5. ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA MBERE

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere
<i>-Ubushobozi bwo gusesengura igitekerezo k'ingabo no guhanga ikivugo.</i> <i>-Ubushobozi bwo kugereranya ingeri z'ubuvanganzo nyabami.</i>

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

Kumva no gusesengura umwandiko

1. Erekana impamvu yatumye Ntare Rusingiza ashaka gutera u Rwanda.

Ni uko yumvise ko Rwabuguri agira igihugu kiza kandi kinini, akagira n'inka nziza nyinshi.

2. Shaka mu mwandiko amazina y'abatware bane bahigiye gutera Rwabuguri.

Igumira rya Bacwa, Ruharabwoba, Matsiko mu nyana, Itiri rya Gicobwa, Kijoma cya Kayisinga.

3. Hari inama Bwafamba yagiriye umwami w'Abanyankore. Ni iyihe?

Yayimugiriye kubera kumukunda?

Bwafamba yamugiriye inama yo kujya guhuhura Abanyarwanda. Oya: ahubwo yaramushukaga.

4. Ukurikije ikivugwamo urasanga uyu mwandiko ari bwoko ki?

Uyu mwandiko ni igitekerezo k'ingabo. Impamvu ni uko havugwamo igitero cyagabwe n'umwami w'Abanyankore ari we Ntare Rusingiza.

5. Uretse igitero umaze gusoma vuga ibindi bitero waba uzi?

Igitero k'i Butembo, igitero cy'umunsi w'inyana, igitero cyo mu Lito...

6. Muri make muri uyu mwandiko haravugwamo iyihe nsanganyamatsiko?

Igitero cyasakiranyije hagati y'Abanyarwanda n'Abanyankore ndetse n'imyiteguro y'ingabo n'abatware mbere y'uko urugamba rurema.

7. Sobanura uko abatware b'Abanyankore bakiriye igitekerezo cy'umwami Ntare cyo gutera u Rwanda.

Barishimye cyane kuko bavuze bati: "Wabera niho ukiduhaka, umuntu uduhaye gutera u Rwanda, umuntu uduhaye gutera Rwabuguri!"

II. Inyunguramagambo

Koresha aya magambo mu nteruro ugendeye ku nyito afite mu mwandiko:

Iyo gihera:

Gukura ubwatsi:

Guhuhura:

Intore:

Guhiga:

Abanyeshuri batanga interuro zitandukanye. Umwarimu areba niba interuro abanyeshuri banditse zikwiye, aho asanze zitanoze akabafasha kuzinoza.

III. Ubuvanganzo

1. Tanga ingeri eshanu zo mu buvangazo nyabami wize.

Ibisigo nyabami, amazina y'inka, ubwiru, ubucurabwenge, inanga, ibyivugo

2. Ukoresheje ubushobozi wungukiye muri uyu mutwe wa mbere gereranya igitekerezo k'ingabo n'ikivugo?

Icyo bitandukaniyeho	Igitekerezo k'ingabo	Iktivugo
	Kivuga uko igitero cyagenze.	Uwivuga yirata ibigwi n'ibirindiro yagiriye ku rugamba.
	Cyandikwa mu mudandure akenshi uvanzemo ibyivugo.	Cyandikwa mu mukarago.
Icyo bihuriyeho	Byombi biri mu ngeri y'ubuvanganzo nyabami.	
	Byombi bikoresha amagambo yabugenewe (ikeshamvugo).	

3. Iyakorwaga mu gutangira no gusoza igitero wabigereranya ute na gahunda ubuyobozi bushyize imbere yo kureba ibyo abantu biyemeje gukora n'uko babigezeho?

Mu gutegura igitero babanzaga kwicara hamwe bakanoza umugambi w'uko bifuzaga ko urugamba ruzagenda, bakagera ingabo bakegeranya n'ibizakenerwa byose. Urugamba rwarangira umuvuzi w'amacumu akagaragaza ku buryo burambuye uko rwagenze. Hakagaragazwa niba icyari kigambiriwe mbere yo kugaba igitero cyaragezweho. Kuri ubu, ibyo twabigereranya na gahunda y'imihigo aho abantu bagaragaza ibyo bifuzaga kugeraho mu gihe runaka (guhiga), nyuma bakazareba niba barabigezeho (guhigura/ kwesa imihigo), ibyiza bagakomeza kubishimangira, ibitaragenze neza bigakosorwa.

4. Hanga ikivugo k'imikarago nk'icumi wishyize mu mwanya w'umuntu wirata ubutwari bw'ibikorwa byiza yakoze.

Umwarimu areba ibyivugo abanyeshuri batanze akabafasha kubinoza.

1.6. Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

a) Umwitozo nzamurabushobozi

Hanga ikivugo k'iningwa uvuga uko watsinze amasomo umwaka ushize

Umwarimu areba uko abanyeshuri bakoze umwitozo.

b) Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga ikivugo k'imyato kivuga ku muntu witeje imbere.

Umwarimu areba uko abanyeshuri bakoze umwitozo.

1.7. Amasomo y'inyongera

.....

.....

.....

UMUTWE WA KABIRI: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

2.1. UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE

- Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye no gukoresha mu mvugo no mu nyandiko imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru, ku gisabo no ku ngoma.

- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

2.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Inshingano z'abagize umuryango Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, gukora interuro mbonezamvugo no kwandika inyuguti n'ibihekane.

2.3. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa :

Fatanya na mugenzi wawe gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Igikorwa cyo guha uburenganzira bungana abantu b'ibitsina byombi kerekeza ku yihe nsanganyamatsiko?

Igikorwa cyo guha uburenganzira bungana abantu b'ibitsina byombi kerekeza ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye

2. Ni iki uzi ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?

Nzi ko abantu b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe angana mu byo bagenerwa.

Umwarimu atega amatwi ibisubizo by' abanyeshuri akabafasha kubinoza.

2.4. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe

Umutwe wa kabiri: Umuco nyarwanda		Umubare w'amasomo: 18
Amasomo	Intego rusange	Umubare

		w'amasomo
Umwandiko: "Ababiri baja inama"		
Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya kabiri: gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Gutanga ibitekerezo bifite ireme ku byiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye no kugaragaza inzitizi ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.	Amasomo 3
IKESHAMVUGO		
Isomo rya kane: Ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku gisabo, ku isekuru, ku ngoma no ku mwami	Gukoresha neza imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma, mu mvugo no mu nyandiko	Amasomo 3
IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA		
Isomo rya gatanu: Imyandikire y'ibihekane.	Gutahura no gukoresha neza ibihekane.	Amasomo 3
Isomo rya gatandatu: Imikoreshereze y'amazina bwite, inyuguti nkuru n'ikata ry'amagambo.	Kwandika amagambo n'interuro yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda	Amasomo 3
Isuzuma		
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	Gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe wa kabiri.	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Gusubiza ibibazo by'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Isomo 1

2. 4.1. Umwandiko: Ababiri bajya inama

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: <ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Igitero k'i Butembo" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo :

a) Mwitgereje iyi shusho murabonaho iki?

Umugabo wicyaye ku ntebe y'urwegamiro uteruye umwana, umugore utetse wicaye ku gasongabugari n'abana bavuye ku ishuri.

b) Ukurikije ibyo ubona ku ishusho urakeka ko umwandiko ukurikiyeho uza kuvuga ku ki?

Nkurikije ibyo mbona ku ishusho ndakeka ko umwandiko ukurikiyeho uza kuvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kuzuzanya ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?

Mu wandiko haravugwamo Kamari na Nyiramana .

Umuryango uvugwa mu mwandiko bawuvugaho iki?

Umuryango uvugwa mu mwandiko bawuvugaho ko witeje imbere biturutse ku bufatanye hagati yabo.

Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ibibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko unashubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bese babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Gusobanura amagambo

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira:

guha umuntu inkwenene: kumuseka cyane

guterura ikiganiro: gutangira ikiganiro

kwatisha: guha umuntu amafaranga akaguha uburenganzira gukorera ibikorwa by'ubuhinzi ku butaka bwe mu gihe runaka.

Umukungu: umukire

Igishoro: amafaranga umuntu aba afite atuma abasha gutangiza igikorwa cy'ubucuruzi.

2. Urebera mu merekezo yose, tahura muri iki kinyatuzu amagambo afite ibisobanuro bikurikira.

- a) Ibitwenge byo kunnyega umuntu. b) Twongere twiteze imbere.
- c) Amafaranga atangiza umushinga. d) Gutunganya neza.
- e) Gutanga amafaranga bakaguha umurima wo guhinga mu gihe runaka. f) Umuntu ukize ku bintu.
- g) Uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'igihugu muri rusange.
- h) Ubufatanye bugaragarira mu mirimo umugore yunganiramo umugabo ku buryo buri wese abarirwa mu murimo runaka mu bwubahane.
- i) Igikorwa cyo kuzamura imibereho myiza.

Ayo magambo ni:

- a) Inkwenene b) Twizahure c) Igishoro d) Kunonosora e) Kwatisha f) Umukungu
- g) Uburinganire h) Ubwuzuzanye i) Iterambere

b) kumva umwandiko

1.Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko? Kuki rubanda bavugaga ko nta cyo bazigezaho?

Ni umuryango wa Kamari na Nyiramana. Rubanda bavugaga ko nta cyo bazigezaho kubera ko bashakanye bakennye.

2. Umuryango w'abavugwa mu mwandiko urangwa n'iki?

Umuryango w'abavugwa mu mwandiko urangwa n'ubwumvikane n'ubufatanye muri byose.

3. Iterambere ry'umuryango wa Kamari na Nyiramana rikomoka he?

Iterambere ry'umuryango wabo rikomoka ku buringanire n'ubwuzuzanye buri hagati yabo.

4. Sobanura uko uburinganire n'ubwuzuzanye ari inkingi y'iterambere.

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni inkingi y'iterambere kuko iyo mu muryango umugore yumvikana n'umugabo bakajya inama ndetse bagafatanya muri byose icyo bashaka cyose bakigeraho kuko baba bunganirana muri byose kandi bafashanya.

5. Garagaza akamaro k'umuco wo kuzigama kagaragara mu mwandiko.

Umuryango wa Kamari kubera umuco wo kuzigama babashije kwiteza imbere, abana babo biga mu mashuri meza n'umuryango wabo uba intangarugero mu mudugudu wabo.

6. Mu mwandiko batubwira ko umuryango wa Kamari wagaburiraga abana babo indyo yuzuye kandi ifite ubuziranenge. Sobanura akamaro ko kurya indyo ifite ubuziranenge.

Iyo umuntu arya indyo ifite ubuziranenge bimurinda indwara agakura neza kandi akagira ubuzima bwiza.

III. IMYITOZO

Koresha mu nteruro amagambo akurikira ugaragaza ko wumva icyo avuga mu mwandiko.

Inkwenene: Iyo uvuze imvugo itanoze baguha inkwenene.

Kwatisha: Utagira aho ahinga yatisha imirima y'abandi.

Umukungu: Umuhinzi wejeje imyaka myinshi aba ari u mukungu.

Igishoro: Namahoro yashaka gucuruza inketo none yabuze igishoro

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga witwa "Ababari bajya inama."

Ni iki wungutse umaze gusoma uwo mwandiko?

Maze gusoma uwo mwandiko, nasanze ngomba kuziteza imbere ntakeneye gusaba ubufasha. Ikindi ni uko namenye ko umuryango wumvikana ugera kuri byinshi byiza.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Imibanire y'abagize umuryango wa Kamari na Nyiramana. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'abagize umuryango.	Uburere bw'abana. Umuco wo kuzigama. Umuco w'ubuziranenge.

2. Ni irihe somo ryo mu buzima busanzwe twakura muri uyu mwandiko?

Aha buri munyeshuri ashobora kuvuga isomo akuyemo umwarimu akareba niba ari ryo koko akamufasha kurinonosora.

Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye
Ahereye ku byo asanzwe abona mu muryango nyarwanda, umunyeshuri araba ashobora: Gutanga ibitekerezo bifite ireme ku byiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye no kugaragaza inzitizi ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu,igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa umwandiko wizwe.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Umwandiko muheruka gusesengura ni uwuhe?

Umwandiko duheruka kwiga ni “Ababiri bajya inama”.

Uvuga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uvuga ku buringanire n’ubwuzuzanye.

II. Uko isomo ryigishwa

Andika insanganyamatsiko “Ibyiza n’inzitizi ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye” ku kibaho maze usabe abanyeshuri bicaranye kwegeranya ibitekerezo baza kumurikira bagenzi babo.

Igikorwa:

Garagaza ibyiza n’inzitizi by’ishyirwa mu bikorwa by’ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye .

Gendagenda mu matsinda utanga ubufasha aho bukenewe. Mu gihe cyo kungurana ibitekerezo, yobora ibiganiro ubafashe kugera ku mwanzuro ukenewe.

Ingero z’ibisubizo byatangwa

Ibyiza	Inzitizi
-Kugerwaho n’ibyiza by’igihugu(akazi, kwiga, kubahwa, ...) -Kugira uburenganzira bungana mu mategeko no mu murango -Kudahezwa mu mirimo n’inshingano	Imyumvire y’abantu (amadini amwe arakita umugabo “umutware”, ...) Umuco (abana bitwa abase ariko ntibakwitwa abanyina, umusore asaba umukobwa iwabo akanamukwa ariko nta mukobwa wabikora, ...)

2.4.2. IKESHAMVUGO

Isomo rya kane: Ikeshamvugo

Intego zihariye
Nyuma y’iri somo, umunyeshuri araba ashobora: - Gukoresha imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma, mu mvugo no mu nyandiko
Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’ubuvanganzo n’izindi mfashanyigisho zifatika.

I.Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo rishya bagiye kwiga.

Urugero rw’ibibazo yababaza:

-Iyo bavuze ikeshamvugo wumva iki?

Iyo bavuze ikeshamvugo numva gukoresha amagambo akwiye cyangwa imvugo iboneye mu gihe uvuga cyangwa wandika.

Hari ikiganiro kijya kinyura kuri radiyo na tereviziyo cya “ ntibavuga bavuga”. Ni nde waduha imvugo itemewe gukoreshwa n’ikoreshwa bijyanye?

Ntibavuga ko **bamanika** igisabo bavuga ko **bakijisha**.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Soma iki gika maze witegereze amagambo atsendagiye arimo uyashyire mu mbonerahamwe igaragaza imvugo iboneye n’itaboneye zikoreshwa ku nka, ku mata, ku gisabo no ku isekuru. Hanyuma ukore ubushakashatsi utahure imvugo ikwiye kuri ayo magambo ataboneye ndetse n’andi magambo y’ikeshamvugo akoreshwa ku nka, ku mata, ku gisabo no ku isekuru n’ibindi bikoreho byo mu rugo nk’icyansi, ingobyi urusyo n’umuheto.

“Nasanze data **amaze gukama**, ampaye amata ngo nge **kuyabuganiza**, numva ingoma **zirasutse**. Nuko ndangarira **abakaraza** nsitara ku isekuru **yasadutse** yari hafi aho. Data aba afashe **ibyatsi** maze **akura umwanda** ku nka yakamaga.”

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Urugero rw’ibisubizo byanogejwe.

Amagambo aboneye	Ataboneye	
	Ataboneye	Aboneye
Kuyabuganiza (amata), ingoma zirasutse , abakaraza ,	amaze gukama , isekuru yasadutse , ndayamena (amata), ibyatsi (bahanaguza inka), akura umwanda (ku nka)	Ahumuje Isekuru yariboye Ndayabogora Inkuyo Ahonora

Andi magambo yabugenewe

Amagambo yabugenewe ku nka

Ntibavuga	Bavuga
Kurangiza gukama.	Guhumuza
Kurekera aho gukamwa.	Guteka
Gukomereka.	Gusarika
Gutoroka kw'inka.	Kumena
Kurya kw'inka mu rwuri.	Kurisha
Aho inka zirisha.	Urwuri
Kuzigarura mu rugo.	Kuzicyura
Guca umurizo.	Gukemura umurizo
Gukurura babyaza.	Kuvutira
Gukamisha yombi.	Kuvuruganya
Gushyira inka ho iyayo.	Kwinikiza
Gutwita kw'inka.	Guhaka
Kujya ku nda kwazo.	Kwerera
Kuziyobora, kuzishorera.	Kuzirongora
Kuzijyana ku kibumbiro.	Gushora
Kujyana inka ahari ubwatsi.	Kuzahura
Kujyana inka ahari ubwatsi mu gihe k'izuba	Kugisha
Kwiruka zigusiga.	Gutana
Guta umuziha kwazo.	Gufuma
Kuzivomera.	Kuzidahirira
Kurwara ibisebe ku mabere.	Gusarika
Ikiraro k'inyana.	Uruhongore
Aho bamena amase y'inka.	Icukiro
Aho inka zibyagira.	inama
Ikibumbiro/umwarozishokaho	ibuga
Utubere tudakamwa.	Indorerezi

Amagambo yabugenewe ku mata n'igisabo

Ntibavuga	Bavuga
Igicuma bacundamo amata.	Igisabo
Aho batereka amata.	Uruhimbi
Kuyasuka mu gisabo.	Kuyabuganiza
Kuyavanamo amavuta.	Gusobanura
Kurangiza koza igisabo	Guhumuza
Kumena amata ubishaka.	kuyabikira
Kumena amata utabishatse.	Kuyabogora
Kumena igisabo.	Kukibyarira
Uduta	Amata
Amata y'inka ikibyara.	Umuhondo
Amata y'inka yenda guteka.	Amagonera/Amanga/Amasunga

Amata y'inka yimye	Amasitu
Amata inyana yanze konka.	Amakaba
Amata yaraye ataravura.	Umubanji
Amata bavanze n'amazi.	Umwerera, umujago
Amata yiriwe.	Amirire
Amata amaze kuvura.	Ikivuguto
Amata y'abashumba.	Imyezo
Agati bavurugisha amata.	Umutozo
Gutunganya amata y'ikivuguto.	Kuyavuruga
Umuheha banyweshwa amata.	Umuceeri

Amagambo yabugenewe ku ngoma

Ntibavuga	Bavuga
Gutangira kuvuga	Gusuka
Kurangiza kuvuga	Gutungwa
Kugurwa	Gukoshwa
Kumanikwa	Kujishwa
Gushyushywa	Koswa
Gufashwa hasi	Kururutsa
Kubazwa	Kuramvurwa
Gushyirwaho impu	Kuremwa
Kwikorerwa	Kuremererwa
Gutoboka	Kubyara
Gusaduka	Kuribora/kurara/guseka

Amagambo yabugenewe ku isekuru, icyasi, igisabo, ingobyi n'umuheto

Ntibavuga	Bavuga
Ntibimanikwa	Birajishwa
Ntibiturwa	Birururutsa
Ntibimeswa	Birahanagurwa
Ntibisaza	Birakura
Ntibyikorera	Biraremererwa
Ntibigurwa	Birakoshwa
Ntibishyushywa	Birosa
Ntibimeneka	Birabyara
Ntibibazwa	Biraramvurwa

Amagambo yabugenewe akoreshwa ku mwami

Ntibavuga	Bavuga
Kujya ku ngoma	Kwima
Kurongora k'umwami	Gutarama
Umugore w'umwami	Umwamikazi
Umwana w'umwami	Igikomangoma
Nyina w'umwami	Umugabekazi
Inzu y'umwami	Ingoro
Inzu nkuru umwami araramo	Kambere
Kuryama k'umwami	Kwibambika
Kubyuka k'umwami	Kwibambura
Kurya k'umwami	Kurora
Kujya mu bwiherezo	Gutwikira ibirenge
Umwambaro wa cyami batamirizaga ku mutwe	Ikamba, igisingo
Gutembera/kugenda k'umwami	Kurambagira
Gupfa k'umwami	Gutanga
Umurambo w'umwami	Umugogo
Gushyingura umwami	Kumutabariza
Imva y'umwami	Umusezero
Kwicara k'umwami	Guteka
Intebe y'umwami	Inteko
Uburiri	Igisasiro
Aho aramirizwa	Ijabiro
Kumuha ikuzo	Kumuramya
Aho umwami yabonaniraga n'abaturage	Ku karubanda
Gutanga itegeko	Guca iteka
Ingobyi bahekagamo umwami	Ikitabashwa
Guhunga k'umwami	Kubunda

Umwitozo

Himba ikiganiro kigufi ku muco nyarwanda n'ibikoresho gakondo ugaragazemo nibura amagambo atatu yabugenewe ku nka, ku mata, ku ngoma, ku mwami, ku gisabo no ku isekuru cyangwa ibindi bikoresho byo mu rugo.

2.4.3. IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA

Isomo rya gatanu: Imyandikire y'ibihekane

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:
Gutahura no gukoresha neza ibihekane mu nteruro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, igitabo k’ikibonezamvugo, igazeti ya Leta ikubiyemo imyandikire yemewe y’Ikinyarwanda n’izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Saba umunyeshuri umwe kuririmba itonde ry’inyuguti z’Ikinyarwanda. Mu gihe arangije, andika ku kibaho interuro irimo ibihokane wahinduriye ibara hanyuma usabe abanyeshuri kuzitegereza no kukubwira ari byo n’impamvu zitwa gutyo.

Urugero rw’interuro yabaha: Mbyariyigoma yanshyize mu bazamwubakira inkike yasenye na ya mfizi ye

Izi nyuguti ebyiri cyangwa eshatu zishoreranye zandikishije ibara ritsindagiye bazita iki?

Izi nyuguti ebyiri cyangwa eshatu zishoreranye zandikishije ibara ritsindagiye bazita ibihokane

Kubera iki bazita ibihokane ?

Bazita ibihokanekuberako bazandika bakoresheje inyuguti ebyiri cyangwa nyinshi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gukora igikorwa:

Igikorwa:

Kora ubushakashatsi ushake ingero z’amagambo mu Kinyarwanda ziri ibihokane by’inyuguti ebyiri, by’inyuguti eshatu n’iby’inyuguti enye hanyuma uyakoreshe mu nteruro ziboneye.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurike ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n’iryo tsinda hanyuma ibisubizo by’ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bese babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw’ ibihokane by’Ikinyarwanda byagaragazwa.

ibihokane by’inyuguti ebyiri

– mb, mf, mp, mv, nd, ng, nj, nk, ns, nsh, , nt, nz;

– bw (bg), cw, dw, (fw), gw, hw, jw, kw, mw, nw, (pw), rw,

, sw, tsw, tw, (vw), zw;

– by, cy, jy, my, nny, pfy, py, ry, sy, ty, (vy); **bg**

ibihekane by'inyuguti eshatu

- byw, myw, pfw, (ryw), (vyw); nyw, (pfw), shw
- mbw, (mfw), mpw, (mvw), ndw, ngw, njw, nkw, (nshw), (nsw), ntw, nzw;
- mby, mpy, (mvy), ncy, ndy, njy, nsy, nty;

ibihekane by'inyuguti enye

- nshy shyw (mbyw), (mvyw), njyw.

ibihekane by'inyuguti eshanu

(nshyw),

Mu gukoresha amagambo mu nteruro, umwarimu arareba niba ijambo abanyeshuri bakoresheje ribaho mu Kinyarwanda anagenzure ko interuro bakoze ziboneye.

III. Umwitozo w'icyandikwa.***Ha abanyeshuri uyu mwitozo nsindagirabumenyi, ubasomere iki gika na bo bacyandike mu makayi yabo y'imyitozo.***

Ncyuye imfizi yange ncyocyorana na mwishywa wa Nkikabahizi yanga kujya mu kerekezo cy'aho yabitse inshyimbo yange namutije ubwo nari ngiye mu mugu kugura inkweto zo kuzajyana mu misa i Kabgayi. Reka nshwekure nge kumuregera inshuti ye Ngwabije ituye mu Ntara y'Amajyepfo. Nansinda, nzayimurekera azayijyanire.

Isomo rya gatandatu: Imyandikire y'amazina bwite n'inyuguti nkuru"**Integozihariye**

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Kwandika neza yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'amazina bwite, imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'ikata ry'amagambo.
- Kujora no gukosora inyandiko zifite imyandikire itanoze y'amazina bwite, inyuguti nkuru no gukata amagambo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti irimo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'ibindi.

1. Intangiriro

Baza ibibazo by'isubiramo ku ngingo z'imyandikire y'Ikinyarwanda zizwe mbere.

Urugero rw'ibibazo n'urw'ibisubizo:**a) Ni uwuhe mwihariko w'igihekane cya "bw"?**

Igihekane "bw" gifite umwihariko wo kwandikwa "bg" mu ijambo *Kabgayi*.

b) Ni irihe jambo wasangamo igihekane kigizwe n'inyuguti nyinshi?

Ijambo wasangamo igihekane kigizwe n'inyuguti nyinshi ni **inshywa**.

2. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa:

Igikorwa

Itegereze interuro zikurikira, ugire icyo uvuga ku myandikire y'amazina bwite, n'imikoreshereze y'utwatuzo n'inyuguti nkuru.

a) *Kankindi na Karangwa basobanuriye Migambi ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.*

b) *Kankindi ati: "Mu by'ukuri, umugabo n'umugore baremewe kuzuzanya."*

c) *Banki Nkuru y'Igihugu ni yo igenga andi banki n'ibigo by'imari.*

d) *Umugabo Migambi yari atuye mu Kagari ka Rutare.*

e) *Perezida Bayideni (Biden) aba i Washingtoni (Washington).*

Amatsinda amwe akore ku myandikire y'amazina bwite andi ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru, ayandi akore ku ikata ry'amagambo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe

1. Imyandikire y'amazina bwite

Muri rusange, amazina bwite yandikwa atangijwe inyuguti nkuru aho ari hose, haba ku ntangiriro y'interuro haba hagati mu nteruro. Icyo twakwitaho by'umwihariko birebana n'izi ngingo:

a) Amazina bwite y'ahantu afite indomo

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo, yandikwa atandukanye n'iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

Ingero:

- **A** Marangara n'i Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'u Rwanda.
- **U** Rwanda rurigenga.
- **U** Mutara wera ibigori, ibitoki n'ibishyimbo.
- **U** Bubirigi buri mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'u Bufaransa.

b) Amazina bwite y'abantu arenze rimwe Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

Ingero:

- **UWASE** Ikuzo Laurette
- **VUBI** Pierre

- **KARIMA Biraboneye**

- **MUNEZERO Salima**

c) Amazina bwite y’abantu n’ahantu y’amavamahanga

Amazina bwite y’abantu n’ahantu y’amavamahanga atari ay’idini n’amazina bwite y’ibihugu n’ay’aturere y’amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

Ingero:

- **Enshiteni** (Einstein)
- **Kameruni** (Cameroun Cameroon)
- **Shumakeri** (Schumacher)
- **Wagadugu** (Ouagadougou)
- **Ferepo** (Fraipont)
- **Ositaraliya** (Australie / Australia)
- **Cadi** (Tchad)

d) Amazina y’idini

Amazina y’idini yandikwa nk’uko yanditswe mu gitabo k’irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru naho izina ry’idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

Ingero:

- **KARERA John**
- **KEZA Jane**
- **KAMARIZA Jeanne**
- **RUTERANA Abdul**
- **MFIZI Yohana**

e) Amazina bwite yari asanzweho

Amazina bwite yatanzwe kandi yakoreshejwe mbere y’aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

Ingero:

- Intara y’Amajyepfo
- Umujyi wa Kigali
- Akarere ka Rulindo
- Akagari ka Cyimana
- Umurenge wa Cyeru

2. Imikoreshereze y’inyuguti nkuru

Inyuguti nkuru zikoreshwa aha hakurikira:

a) Ku nyuguti itangira interuro.

Urugero:

Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.

b) Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.

Ingero:

- Twese duhagurukire kujijuka. **Wabigeraho** ute utazi gusoma? **Ntibishoboka.**

- Ntoye isaro ryiza shenge wee! **Reka** nge kuryereka nyogokuru.

c) Nyuma y'ingirwanshinga "-ti", "-tya", n'ijambo "ngo" batangira amagambo y'undi asubiwemo uko yakabaye. Ariko inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

Ingero:

- Kankindi aravuga ati: "**Mu** by'ukuri, umugabo n'umugore baremewe kuzuzanya."

- Igihe Kankindi yavuga ati: "**umugabo** n'umugore baremewe kuzuzanya", Migambi yararakaye.

d) Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka.

Ingero:

- Ku wa **Gatanu**, ku wa **Gatandatu**.

- **Ugushyingo** gushyira **Ukuboza**

- Mu Rwanda haba ibihe bine by'ingenzi: **Urugaryi**, **Itumba**, **Iki (Impeshyi)** n'**Umuhindo**.

e) Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu, ay'inzuzi n'ay'ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry'ahantu yaba yatakaye.

Ingero:

- **Rutayisire** atuye i **Huye** hafi ya **Cyarwa**.

- Mu **Mutara** hera ibigori.

- I **Washingtoni** (Washington) ni ho hari ikicarwo cya Banki y'Isi.

- Uwitwa **Enshiteni** (Einstein) yari umuhanga cyane.

f) Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.

Ingero:

- **Minisiteri** y'**Ubuhinzi** n'**Ubworozi**;

- **Umuryango** w'**Abibumbye**;

- **Koperative** **Dufatanye**;

- Banki Nkuru y'**Igihugu** yakoze inoti nshya ya magana atanu;

- **Umunyamabanga** Nshingwabikorwa w'**Akarere**.

g) Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "Igihugu" iyo rivuga u Rwanda.

Ingero:

- **Dogiteri** **Karimanzira**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
 - Umurenge wa Nyarugenge
 - Abanyarwanda barimo Abasinga n'Abagesera
 - Dukwiye guteza imbere Ikinyarwanda.
 - Mu Ntambara ya Kabiri y'Isi Yose hapfuye abantu benshi.
 - Bwana Umunyamabanga Nshingwabikora w'Umurenge wa Busasamana.
- h) Ku nyuguti itangira umutwe w'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.

Ingero:

- Nujya mu mugi ungurire Imvaho Nshya.
- Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse Indyoheshabirayi.

i) Izina bwite ry'umuryango cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'inyandiko mvugo, nk'umwirondoro, nka raporo...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu, ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko.

Ingero:

- GAHIRE Rose
- UMURISA Keza
- BUTERA Simoni
- Nagiye kwa Gahire Rose anyakira neza.
- Rutayisire atuye i Huye hafi ya Cyarwa.

3. Ikata ry'amagambo n'itakara ry'inyajwi

a) Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka":

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiye n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

Ingero:

- Wakomerekejwe **n'iki?**
- Ntakibyara **nk'intare n'ingwe.**
- Umubare **w'amashuri y'imyuga** uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'uko** bayizimya.
- Umwaka **w'ibihumbi bibiri** na cumi **n'ibiri**
- Umwaka **wa** 2012.

b) Inyajwi zisoza inshinga ntizikatwa

Urugero:

Kabya inzozu

c) Inyajwi “i” isoza akabimbura “nyiri”, n’inshinga mburabuzi “ni” na “si” ntizikatwa.

Ingero:

- Nyiri ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

d) Inyajwi itangira amazina bwite n’amazina rusange akurikiye indangahantu “mu”na“ku” iratakara, keretse mu izina ritangirwa n’inyajwi “i” ikora nk’indanganteko.

Ingero:

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.
- Abana bavuye **ku** iriba bajya **mu** ishuri.
- Banyuze **mu** ishyamba.

g) Inyajwi zisoza indangahantu “ku”na “mu”ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n’izina rikurikira

Ingero:

- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo ukurikira, buri wese ku giti ke. Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry’umwitozo.

Ibabazo n’ibisubizo by’umwitozo

1. Amazina bwite y’ahantu afite indomo yandikwa ate? Tanga ingero eshatu.

Amazina bwite y’ahantu afite indomo yandikwa atandukanye n’iyo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

Ingero:

- **U** Rwanda ni igihugu gifite isuku.
- Irakiza atutuye **i** Kibungo.
- **U** Bufaransa buri mu bihugu bikize ku isi.

2. Ni ryari izina bwite ry’umuryango ryandikwa n’inyuguti nto uretse inyuguti iritangira? Tanga urugero.

Ni igihe riri mu nteruro cyangwa mu mwandiko hagati.

Urugero:

Hakizimana yagiye ku isoko.

Kosora interuro zikurikira ukurikiza amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda:

a) Najyiye mu muji wa Gisenyi mpura n'incuti yanjye maze ndanezererwa cyane kuko tutaherukanaga.

Nagiye mu mugwi wa Gisenyi mpura n'inshuti yange maze ndanezererwa cyane kuko tutaherukanaga.

b) Utwo tunyoni twagiye tuza kamwe kamwe tugezaho tuba uruhuri.

Utwo tunyoni twagiye tuza kamwekame tugeza aho tuba uruhuri.

c) Ese mu Mugi wa Kigali habamo Umurenge witwa Kakiru? Yego. Uwo murenge uhana imbibi n'Umurenge wa Cyimihurura.

Ese mu Muji wa Kigali habamo Umurenge witwa Kacyiru? Yego. Uwo Murenge ugabana imbibe n'Umurenge wa Kimihurura.

d) Nasuye masenjye utuye i Kabwayi ampa icyibo cy'ibiro icumi by'ubunyobga.

Nasuye **masenge** utuye i **Kabgayi** ampa **ikibo** k'ibiro icumi by'ubunyobwa.

e) Kugira umujinya wumurandura nzuzi n'ibibi.

Kugira umujinya w'umuranduranzuzi ni bibi.

f) Se kuru yavutse mu mwaka w'1960.

Sekuru yavutse mu mwaka wa 1960.

g) Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.

Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.

2.5. ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KABIRI

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kabiri

-Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.

-Ubushobozi bwo gukoresha ikeshamvugo ku nka, ku mata, ku gisabo, ku isekuru, ku ngoma no ku mwami.

-Ubushobozi bwo kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda no gukosora amakosa y'imyandikire mu nyandiko.

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa kabiri buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni ibihe bintu by'ingenzi bivugwa mu mwandiko bya ngombwa mu iterambere ry'umuryango?

Kugira ngo umuryango utere imbere hakenerwa ibiribwa bihagije, uburezi, ubuzima buzira umuze, umutekano, ubukungu n'ibindi.

2. Kuki ibyo byose bitagerwaho bidashingiye ku buringanire n'ubwuzuzanye?

Ni uko iyo nta buringanire n'ubwuzuzanye habura ubufatanye bityo umuryango ukahadindirira.

3. Ku bwawe iyo havuzwe uburinganire wumva iki?

Uburinganire ni uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'igihugu muri rusange.

4. Ese ubona bikwiye ko umugore cyangwa umugabo basiganira umurimo runaka kandi bose bawushoboye?

Ntibikwiye kuko mu muryango ni ngombwa kugira ubufatanye kuko ari inkingi y'iterambere.

5. Uburere bw'abana buhuzwa bute n'uburinganire n'ubwuzuzanye muri uyu mwandiko?

Aho bihurizwa ni uko nta n'umwe ukwiye kumva ko uburere umwana aherwa mu muryango bugenewe gutangwa n'umwe muri bo ahubwo bose bagomba gutahiriza umugozi umwe, kugira ngo bubake ejo hazaza h'abana babo.

6. Vugamuri make ukouyumu mwandiko ugaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye.

Uyu mwandiko ugaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye ko ari inkingi y'iterambere kubera ubufatanye n'ubwubahane muri byose.

7. Garagaza imigani y'imigenurano yakoreshejwe muri uyu mwandiko, ifitanye isano n'uburinganire.

Abagiye inama Imana irabasanga, umutwe umwe wifasha gusara ntiwigira inama, abishyize hamwe ntakibananira.

II. Inyunguramagambo

1. Koresha aya magambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura mu mwandiko

a) Umuze b) Umwete c) Ubute d) icyuho e) Intabire

Umwarimu areba niba interuro abanyeshuri batanze zigaragaza ko bumva neza inyito yayo mu mwandiko kandi ziboneye.

2. Huza buri jambo n'igisobanuro cyaryo.

Ijambo	Igisobanuro
Guteshuka	Kunyuranya n'ibyo wagombaga gukora
Umwete	Ugushishikarira umurimo
Gutahiriza umugozi umwe	Gufashanya muri byose

II. Ikeshamvugo

Kosora uyu mwandiko ukoresha invugo yabugenewe ahakoreshejwe invugo isanzwe

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 31)

Umwandiko ukosoye

Amashyo y'iwacu

Mu muryango wacu muri iyi minsi twahiriwe n'ubworozi, amatungo abyara ari menshi. Ubwo rero murumva ko dufite imitavu myinshi yibera mu ruhongore. Ni muri urwo rwego abavandimwe bange bamerewe neza binywera umuhondo. Iyo umwungeri wazo yinikije, mushiki wange ni we uba hafi ngo yimire inyana itamukoma akayabogora. Iyo ayimiye, mba ndi hafi ngahita mfata inkuyo nkayihonora. Ubundi inka zacu twajyaga tuziha umubirizi zihumuje none isekuru twawusekuragamo yarasetse (yarariboye, yararaye), data akaba ateganya kuramvura indi no gukoshya ikindi gisabo vuba aha. Uwo mwungeri wacu akunda gukama avuruganya, yahumuza tukayabuganiza mu byansi, tukayatereka ku ruhimbi. Ubwo inka tukazahura mu rwuri ari na ho mpurira na bagenzi bange.

Hanga umwandiko uvuga ku mwami cyangwa ku bworozi bw'inka ukoreshemo nibura amagambo icumi y'ikeshamvugo ku mwami cyangwa ku nka uyaceho akarongo.

Umwarimu atitaye ku mbata y'umwandiko, areba niba umunyeshuri yashoboye gukoresha neza ikeshamvugo ku mwami cyangwa ku nka mu mwandiko ufite icyo uvuga.

2.6. Imyitoto nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

a) Imyitoto nzamurabushobozi

1. Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo iboneye kandi usanishe interuro neza.

a) Kamayirese yamennye amata abishaka murumuna wa data aramucyaha.

Kamayirese yabikiriye/yabyariye amata data wacu aramucyaha

b) Umuheha banywesheje amata wahanutse aho batereka amata.

Umuceri wahanutse ku ruhimbi.

c) Aho bakamira inka amata haba hari n'igicaniro.

Ku nama haba hari n'igicaniro.

d) Umwana muto tuvukana yatsinze ikizamini cyo kwiga muri Kaminuza.

Murumuna/ mushiki/ musaza wange yatsinze ikizamini cyo kwiga muri Kaminuza.

2. Uzuzanya interuro zikurikira:

a) Umwana wa masenge niwange. Umwana wa masenge ni **mubyara** wange.

b) Abantu b'igitsina gabo bavukana na data ni bawacu. Abantu b'igitsina gabo bavukana na data ni ba **data** wacu.

Umukecuru ubyara (nyina wa) nyogokuru ni Umukecuru ubyara (nyina wa) nyogokuru ni **nyogokuruza**.

2. Uzuzanya iyi mbonerahamwe.

Ntibavugaga	Bavugaga
Kujya ku musarane ku mwami	Kujya gutwikira ibirenge
Amata yiriwe ataravura	amirire
Gukurura inkoni ubyaza	kuvutira
Gushyingurwa k'umwami	gutabarizwa
Gushyira uruhu ku ngoma	-

b) Umwitozo nyagurabushobozi

Kosora interuro zikurikira ukoresheje imvugo inoze y'Ikinyarwanda ndetse n'imyandikire itemewe irimo.

a) Nasanze mushiki wa data witwa teta asera amamera ku kibuye kinini. ni uko ambonye ahita arangiza gusya anyakiriza amata ayakuye mu cyumba baterekamo amata. Mbere yo kuyampa nitegerejemo mbona igicuma kinini kimanitse hirya ye kirantangaza. Mubajije aho mubyara wanjye ari, ambwira ko yajyanye impfizi ya bo aho inka zirira ibyatsi.

b) Kugira ngo muge muri iyo mudu, eni tayimu tuzajya tubenforuminga kuri za sitegi zose. Kandi ababatereninga bagomba kujya babanza gukora puriparesoni kandi bakahagera one tayimu. Zatsi gwereti.

Kugira ngo muge muri iyo **gahunda, hari ubwo** tuzajya **tubabwira inzira zose mwananyuramo**. Kandi **ababahugura** bagomba kujya babanza **gutegura** kandi **bakahagerera igihe. Ibi ni byiza cyane.**

2.7. Amasomo y'inyongera

Ikeshamvugo:

Ikeshamvugo ntirishingira gusa ku nka, ingoma, amata... ahubwo rinashingira ku mvugo dukoresha buri muni. Ni ngombwa ko imvugo dukoresha iba inoze, yubahiriza ikibonezamvugo kandi idashyoma cyangwa ngo ivangavange Ikinyarwanda n'izindi ndimi

1. Gushyoma

Ntibavuga	Bavuga
Ndavuze ati	Ndavuze nti
Nari nataramubona	Nari ntaramubona
Mubigenze utyo	Mubigenze mutyo
Ikipe A yabashije gutsindwa n'ikipe B	Ikipe A yatsinzwe n'ikipe B
Wari wakubitwaho?	Wari wakubitwa?
Rutahizamu yavuye mu mvune	Rutahizamu yakize imvune
Yiga Amerika	Yiga muri Amerika
Ntiza ku ikaramu nandike	Ntiza ikaramu nandike
Kugendera kimwe	Kugendera rimwe
Siyaje	Ntiyaje
Imana ibahereze umugisha	Imana ibahe umugisha
Aduhe ubusobanuro	Aduhe ibisobanura

burambuye	birambuye
Sugende	Ntugende
Amago	Ingo
Amakwe	Ubukwe
Amanama	Inama
Ariho amazi abira	Ari mu mazi abira
Naryamye natariye	Naryamye ntariye

2. Imvugo z'inzaduka

Ntibavuga	Bavuga
Abajama	Urungano
Amaniga	Bagenzi bange
Ndamuyoka	Ndamubona (Ndamutahura)
Uno mukobwa arahiye	Uno mukobwa ni mwiza

3. Kuvanga indimi

Iri kosa ryo kuvanga indimi rikorwa akenshi iyo uvuga akoresha Ikinyarwanda akivanga n'indimi z'amahanga cyangwa agatanga igitekerezo ke mu Kinyarwanda akoresheje imiterere y'izindi ndimi.

Urugero

Ntibavuga	Bavuga
Iyo ufite komitimenti kubaka inzu ntibigora.	Iyo wabyiyemeje kubaka inzu ntibigora.
Sisiteme dukoreramo	Uburyo dukora
Ikintu cyo mbaza	Ikintu mbaza
Umugabo yafashwe ari kumwe n'ibiyobyabwenge.	Uwo muntu yafatanywe ibiyobyabwenge.

4. Amagambo yerekeye amasano n'indamukanyo

Iyi mivugire iboneka cyane mu magambo aranga amasano no mu ndamukanyo. Ku mpamvu zitandukanye zirimo no gutira mu zindi ndimi, usanga abantu batakimenya amagambo yabugenewe y'Ikinyarwanda.

a) Amasano

Imvugo isanzwe	Imvugo inoze
Mushiki wa data	Masenge
Musaza wa mâamâ	Marume
Se wa data/maamâ	Sogokuru
Nyina wa data/ maamâ	Nyogokuru
Se wa sogokuru/ nyogokuru	Sogokuruza
Nyina w'umugabo/ umugore wange	Mabukwe
Murumuna/mukuru wa data	Data wacu
Umwana wa musaza w'umuntu	Umwisengeneza
Umwana wa mushiki w'umuntu	Umwîishywa
Umwana w'umwuzukuru	Umwuzukuruza
Umwana w'umwuzukuruza	Ubuwivi
Umwana w'ubuvivi	Ubuvivure
Umwana wa nyirarume/ nyirasenge w'umuntu	Umubyara/ mubyara wa...
Se (nyina) b'umukwe wawe/umukazana wawe	Bamwana wawe
murumuna/mukuru/musa za w'umugore wange	Muramu wange
Umugabo wa mushiki wange	Muramu wange
Mushiki w'umugabo wawe	Muramukazi
Abashatse abagore bava inda imwe	Abasanzire
Abafite abana bashakanye	Bamwana

b) Indamukanyo

Icyo uramukanya avuga	Igisubizo ahabwa
Gira inka	Amashyo n'amagana
Amashyo	Amashongore
Gira amata.	Ahore ku ruhimbi

Gira abana	Hungu na kobwa
Gira umugabo/ umugore	Ndamushimye/ Ndamukugize
Usigare amahoro	Ugende ayandi

UMUTWE WA GATATU: UBUZIMA

3.1. UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE

- Gusesengura umwandiko ikinamico ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere, guhanga ikinamico no kuyikina.

3.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Bimwe mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.

Gufata mu mutwe no kwigana imyifatire y'abandi.

3.3. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa :

Fatanya na mugenzi wawe gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Ni iki uzi ku buzima bw'imyorokere?

Igikorwa cyo guha uburenganzira bungana abantu b'ibitsina byombi kerekeza ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye

2. Uzuzura ikibura muri iyi nteruro: "Umuntu yiga neza iyo afitebuzira umuze."

Umuntu yiga neza iyo afite **ubuzima** buzira umuze

Umwarimu atega amatwi ibisubizo by' abanyeshuri akabafasha kubinoza.

3.4. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe

Umutwe wa gatatu: UBUZIMA		Umubare w'amasomo: 18
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: "Ubwenge buza ubujiji buhise"		
Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo 2

Isomo rya kabiri: gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Gukina ikinamico yigana imyitwaririre y'abakinankuru basobanuwe mu mwandiko.	Amasomo 3
IKINAMICO		
Isomo rya kane: Inshoza, uturango n'amoko y'ikinamico	Gutahura no gusobanura inshoza, uturango n'amoko y'ikinamico	Amasomo 3
Isomo rya gatanu: Uko ikinamico yandikwa n'uko ikinwa.	Kugaragaza ibigenderwaho mu kwandika no gukina ikinamico.	Isomo 3
Isomo rya gatandatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Guhimba no gukina ikinamico yahimbye yigana imyitwaririre y'abakinankuru.	Amasomo 3
Isuzuma		
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu.	Gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe wa gatatu.	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi.	Gusubiza ibibazo by'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi.	Isomo 1

3. 4.1. Umwandiko: Ubwenge buza ubujiji buhise

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko “Ubwenge buza ubujiji buhise” bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw’ibibazo yabaza n’urugero rw’ibisubizo :

a) Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabonaho inzu yabomaguritse kandi yubakishije ibiti, umugabo wicaye usa n’utongana n’umugore we ufite ishuka n’abana bagarara ko bafite ibibazo by’ubukene no kwiheba.

b) Muratekereza ko iyi nkuru iza kuvuga kuki?

Umwarimu arakira ibisubizo binyuranye asabe abanyeshuri kuzirikana igisubizo buri wese yatanze maze abahe umwanya basome umwandiko bucece kugira ngo barebe niba ibyo batekerezaga ari byo koko.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

1. Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Kubera ko uyu mwandiko ari muremure cyane, umwarimu azabaha umukoro wo kuwusoma arangije umutwe wa kabiri, bizagere igihe cyo kuwigisha hari icyo bawuziho.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

Ni abahe banyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko?

Abakinankuru bavugwa muri uyu mwandiko Nyinawumuntu, Mugwiza, Mugisha, Iribagiza, Fofu, Gwiza, Murenzi.

Ni iki usigaranye ku byo bavugwa ku muryango inkuru ivugwa muri uyu mwandiko ishinyeho?

Bahoze ari abakene baza gukira nyuma.

2. Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by’intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n’ikibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bese babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Gusobanura amagambo

Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.

- a) **Guca akabogi:** kwicara ukiyoroshya ukaganira n'inshuti.
- b) **Umuce:** igikoresho kiboshye nk'ikirago ariko gito kigenewe kwicarwaho.
- c) **Indahekana:** abana babyawe bakurikiranye mu gihe gito, ku buryo usanga baba bajya kungana.
- d) **Babisamiraho:** batwara inda kandi banywa imiti yo kuboneza urubyaro. e) **Umuseke ugitamuruka mu cyoko:** mu rukerera, butangiye gucya.
- f) **Intabire:** ubutaka buhinze vuba ariko bukaba butaraterwamo imyaka. g) **Umurindi:** urusaku rw'amaguru y'abantu cyangwa inyamaswa zigenda.
- h) **Baragaga:** batangaga ibyabo babaha abana babyaye.

b) Kumva umwandiko

1. Kumenya ubuzima bw'imyororokere bivuga iki?

Kumenya ubuzima bw'imyororokere bivuga gusobanukirwa neza imihindagurikire y'umubiri w'umuntu, kuva mu bwana kugeza amaze gukura, ageze igihe cyo kororoka.

2. Kuki Mugisha na Beza babayeho neza?

Babayeho neza kubera ko bashyize mu bikorwa inama bagiriwe kwa muganga, kubera kandi kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, bafashe ikemezo cyo kuboneza urubyaro, maze batera imbere bagera ku bukungu bifuzaga, bareze abana babo neza baranabateganyiriza, bameze neza, batuye neza.

3. Amakimbirane ari mu rugo rwa Mugwiza na Nyinawumuntu aterwa n'iki?

Amakimbirane aterwa n'ubukene bafite, buturuka ku kuba bataraboneje urubyaro bitewe n'ubujiji ndetse ntabwo bubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu

muryango wabo.

4. Ese n'abagabo baboneza urubyaro? Sobanura?

Yego n'abagabo baboneza urubyaro, bakifata igihe cy'uburumbuke bw'abagore babo cyangwa bakifungisha imiyoboro y'intanga.

5. Urubyiruko rushobora gukura he amakuru arwigisha ubuzima bw'imyororokere?

Ku babyeyi, ku bajyanama b'ubuzima, ku barezi babo, ku bigo nderabuzima, ku bantu

Imyitozo:

1. Uzuzura interuro zikurikira wifashishije amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko: urubyaro, indahekana, amareshyamugeni, ihame, imyororokere.

a) Ni ngombwa ko abana bakibwiruka bamenya ubuzima bw'..... yabo.

Ni ngombwa ko abana bakibwiruka bamenya ubuzima bw'**imyororokere** yabo. b)

Amagambo ashukishwa abakobwa ni

Amagambo ashukishwa abakobwa ni **amareshyamugeni**.

c) Kuboneza bituma abana bakura neza.

Kuboneza **urubyaro** bituma abana bakura neza.

d) Abana ba Kabanyana ni kuko barutana umwaka umwumwe.

Abana ba Kabanyana ni **indahekana** kuko barutana umwaka umwumwe e) Umuryango wubahirizary'ubwuzuzanye utera imbere.

Umuryango wubahiriza **ihame** ry'ubwuzuzanye utera imbere.

2. Sobanura iyi migenurano yakoreshejwe mu mwandiko.

a) Ubwenge buza ubujiji buhise

Ubwenge ni ubushobozi butuma umuntu yibaza cyangwa akamenya, agatandukanya ikibi n'ikiza, akaba yakora icyo yihitiyemo gifite akamaro.

Ubuujiji ni ubwenge buke cyangwa ukudasobanukirwa ikintu bitewe no kutakimenya. Uyu mugani bawucira umuntu utangiye kwisubiraho iyo akora ikintu runaka ariko yarabanje gukora amakosa abitewe no kudasobanukirwa ibyo akora.

b) Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana

Ijambo ryiza ni ijambo rihumuriza. Imana ni umuremyi w'ibiboneka n'ibitaboneke, ni inyembabazi, igira urukundo ndengakamere.

Uyu mugani bawucira umuntu, bamugira inama yo kwirinda intonganya n'amahane, kuko bikurura amakimbirane n'urwangano.

c) Umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahaguruka

Uyu mugani ushatse kuvuga ko hari igihe umuntu akora ikintu atagiha agaciro gakwiye, nyuma cyagira ingaruka mbi bikamusaba gukoresha imbaraga nyinshi kugira ngo abashe kuzikemura.

4) Shyira interuro zikurikira mu mbonerahamwe wahawe ukurikije inyito yazo.

Ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro	
Imvugo zihabanye no kuboneza urubyaro	Imvugo zihuza no kuboneza urubyaro
Abantu barabyara Imana ikabarerera.	Ni byiza kubyara abo ushoboye kurera.
Kubaho nabi mu muryango biterwa no kuboneza urubyaro.	Umuryango waboneje urubyaro ubaho neza.
Kugira ubuzima bwiza bituruka ku kubyara indahekana.	Gukurikiza inama z'abaganga n'abajyanama b'ubuzima.
Mubyare mugwire mwuzure isi mungane nk'inyenyeri zo mu kirere.	Kutabasha gushyira abana mu ishuri bituruka rimwe na rimwe ku kutaboneza urubyaro.
Abantu barabyara Imana ikabarerera.	Guteganyiriza umuryango bijyana no kuboneza urubyaro.
Kubaho nabi mu muryango biterwa no kuboneza urubyaro.	Ubukene bw'akarande bushobora guterwa no kubyara abo udashoboye kurera.

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: <ul style="list-style-type: none"> - Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga witwa “Ubwenge buza ubujiji buhise”

Inkuru ivugwa mu mwandiko yarangiye ite?

Inkuru ivugwa mu mwandiko yarangiye Nyinawumuntu yiyemeje kuba intumwa ku bandi bose bafite imyumvire idakwiye yo kutaboneza urubyaro anasaba umugabo we imbabazi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n’iryo tsinda hanyuma ibisubizo by’ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo byanogejwe:

Ingingo z’ingenzi	Ingingo z’ingereka
Kutaboneza urubyaro bitera amakimbirane mu muryango n’ubukene bw’akarande.	Ubujiji ni intandaro yo kutaboneza urubyaro.
Kuboneza urubyaro bituma urera neza abana ubyaye, ukabasha kubateganyiriza kandi umuryango wawe ugatera imbere...	Kubyara indahekana bishobora kuba intandaro y’urwanganano mu muryango.
Ku bigo nderabuzima bagira urubyiruko n’abantu bakuze inama ku buzima bw’imyororokere no kuboneza urubyaro.	Abahwituzi bafitiye abaturage akamaro kanini mu kumenyekanisha gahunda za Leta...
Kugira ubutwari bwo gusobanuzwa no kugisha inama ku bijyanye n’ubuzima bw’imyororokere ni ingirakamaro.	Kuvugisha ukuri ni indangagaciro igomba kuturanga.
	Ubujiji ni intandaro yo kutaboneza urubyaro.
Urubyiruko rukunda gushukwa cyane rugashorwa mu busambanyi.	Kubyara indahekana bishobora kuba intandaro y’urwanganano mu muryango.

2. Ku bwawe urumva ari iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko? Kubera iki?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni iy'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro.

Impamvu ari iyo nsanganyamatsiko ni uko mu mwandiko havugwamo ko:

Intandaro y'amakimbirane twumvise mu rugo rwa Mugwiza na Nyinawumuntu, ashingiye ku kuba barabyaye indahekana, biturutse ku bujiji bwa Nyinawumuntu wari waranze kuboneza urubyaro.

Ku Kigo Nderabuzima cya Kinigi bari gutanga inama ku rubyiruko zijyanye n'uko rugomba kwitwara mu buzima, ndetse n'ibyiza byo kuboneza urubyaro.

Ibibazo byagiye bibazwa n'abanyarubuga b'urubyiruko bigamije ku kumenya ubuzima bwabo bw'imyororokere.

Umuryango wa Mugisha na Beza wamenye neza iby'ubuzima bw'imyororokere unaboneza urubyaro, none bateye imbere...

Umukoro: Mufate mu mutwe ikinamico mufite mu gitabo muzayikinire imbere ya bagenzi banyu, mwigana imyitwarire y'abanyarubuga, muhuza imvugo n'ingiro kandi musesekaza.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gufata mu mutwe ikinamico n'icyo kwitoza kuyikina.

Isomo rya munani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye
Ahereye ku byo asanzwe abona mu muryango nyarwanda, umunyeshuri araba ashobora: Gukina ikinamico yigana imyitwarire y'abakinankuru.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu,igitabo cy'umunyeshuri, n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Ni irihe somo twize ubushize?

Ubushize twize isomo ryo gusesengura umwandiko "Uwenge buza ubujiji buhise"

Vuga ibyo bavugamo mu nshamake?

Ikivugo kiba:

Nyinawumuntu, umugore wa Mugwiza, yamaranye igihe imyumvire idatuma aboneza urubyaro bituma abyara abana ikeda bose. Nuko akajya abipfa n'umugabo ndetse binabatera ubutindi. Nyuma yo kugirwa inama yaje guhinduka asaba n'umugabo we imbazi.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba itsinda rimwe ry’abanyeshuri kujya imbere y’abandi rikabakinira ikinamico “Ubwenge buza ubujiji buhise” bafashe mu mutwe. Abandi basigaye baragenda bajora imikinire y’abagize iryo tsinda bandika mu makayi yabo y’imyitozo ibyo bashima ko umukinankuru yakoze neza n’ibyo yakosora aramutse asubiyemo iyo kinamico.

Igikorwa:

Jya imbere y’abandi ukine wigana umukinankuru wahisemo wo mu ikinamico “Ubwenge buza ubujiji buhise”.

Nyuma yo gukina ikinamico, umwarimu afatanya n’abanyeshuri kugaragaza imyitwarire ikwiye iranga umukinankuru uri ku kabuga nkuru.

Isomo rya kane: Inshoza n’uturango by’ikinamico

Intego zihariye
Nyuma y’iri somo, umunyeshuri araba ashobora: -Gutahura no gusobanura inshoza n’uturango by’ikinamico.
Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’ubuvanganzo n’izindi mfashanyigisho zifatika.

I.Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo rishya bagiye kwiga.

Urugero rw’ibibazo yababaza:

-Iyo bavuze umuco wumva iki?

Iyo bavuze umuco numva imyifatire, imitekerereze, imyumvire n’imikorere byabaye karande mu gihugu cyangwa agace k’igihugu aka n’aka.

-Iyo abantu bahimbye umukino baza gukina bigana imico y’abantu, uwo mukino bawita iki?

Iyo abantu bahimbye umukino baza gukina bigana imico y’abantu, uwo mukino bawita ikinamico.

Uyu mwandiko nawushyira mu buvanganzo kubera ko uri mu byahimbiwe guhimbaza ibirori by’imiyereko y’ingabo.

II.Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko “Ubwenge buza ubujiji buhise” bitegereze imiterere yawo, unabasabe gukora ubushakashatsi batahure inshoza n’uturango by’ikinamico.

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko “Ubwenge buza ubujiji buhise” witegereze imiterere yawo, unakore ubushakashatsi maze ugaragaze inshoza n’uturango by’ikinamico.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibijyanye n'inyunguramagambo irindi rimurike ibijyanye n'ibibazo byabajijwe ku mwandiko. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuzwa ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw’ibyava mu matsinda byanogejwe.

Inshoza y’ikinamico

Ikinamico ni igihangano kifashisha uburyo bwo gukina imico y’abantu itandukanye.

Mu ikinamico herekanwa umuco, ibikorwa, imyifatire, imigenzo...by’abantu. Uwo mukino ushobora kubera mu ruhamwe imbere y’abantu cyangwa ukanyuzwa mu bikoresho by’ikoranabuhanga by’inyakiramajwi nka radiyo n’iby’iyumvabona nka tereviziyo, mudasobwa n’ibindi. Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora ingeso n’imyifatire mibi, gushishikariza abantu kugenza neza n’ibindi.

Ikinamico ishobora kugaragaza ibikorwa by’umuntu umwe cyangwa benshi.

Ishobora kandi gukinwa n’umuntu umwe ugenda yihinduranya, gusa akenshi iba ikinwa n’abantu benshi.

2. Uturango tw’ikinamico

Ikinamico ihimbye neza igomba kuba igaragaramo uturango dukurikira:

- **Umutwe w’ikinamico:** umutwe w’ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abumva cyangwa abareba ikinamico. Ayo matsiko akaza gushira uko abanyarubuga bagenda bigaragaza.
- **Umwinjizo:** ni amagambo atangira umukino aba asa n’akebura abagiye gukurikira ikinamico ndetse abakururira gukurikira neza umukino.
- **Abanyarubuga:** Ni abakinnyi bakina umukino bagaragaza imyifatire itandukanye, bagenda bumvikana ndetse bakagaragara mu mukino. Amazina yabo n’uko bateye bibanziriza ikinamico ubwayo (Ni byo bibanza).

- **Agakino:** Igice cy'umukino gishobora kugira imiseruko itandukanye bitewe n'igitekerezo gikubiye mu gice cy'umukino.
- **Urukiniro:** Ni aho agakino cyangwa igice cy'umukino kiba kiri bukinirwe. Urukiniro baruha umuteguro bakarutaka cyangwa bakaruha imirimbishirize bitewe n'ibyifuzo by'umuhanzi cyangwa umutoza.
- Umuseruko:** Umuseruko urangwa no kwinjira cyangwa gusohoka k'umunyarubuga ku rukiniro.
- **Inyobozi:** Ni ibisobanuro bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino. Bikunze gushyirwa mu dukubo.
- **Imvugo nkana:** Ni amagambo umunyarubuga ashobora kuvuga mu gihe ari kugirana ikiganiro na mugenzi we, ariko mugenzi we akigiza nkana ko atayumvise.
- **Imvugano:** Ni ikiganiro kiba hagati y'abanyarubuga igihe bahererekanya amagambo.
- **Inyishyu:** Ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we mu ikinamico.
- **Umwivugisho:** Ni amagambo avugwa n'umunyarubuga igihe ari wenyine yivugisha.
- **Ururondogoro:** Ni imvugo itinze y'umunyarubuga runaka.
- **Iherezo:** Ikinamico igira iherezo. Iherezo ry'ikinamico rishobora kumara amatsiko abayikurikiye, cyangwa rigasiga abayikurikiye mu gihirahiro bibaza uko byagenze cyangwa uko bizagenda.
- **Ibice by'umukino:** Umukino wose uba ugabanyijemo ibice bitandukanye, bitewe n'uko umuhanzi yabigennye. Ikinamico nk'inkuru ikinye igira imyubakire cyangwa ibice bikurikira.
 - a) **Intango:** Muri iki gice hagaragaramo uko ubuzima buba busanzwe muri rusange, abantu babanye neza nta kibazo bafitanye.
 - b) **Kidobya:** Nko mu nkuru, kidobya ni akantu kaza kakaba imbarutso kagahindura ibintu uko byari bimeze. icyo gihe uko ibintu byari bisanzwe birahinduka, niba ari nk'ikibazo kivutse kigashakirwa igisubizo.
 - c) **Inkubiri y'ibikorwa:** Muri iki gice ni ho dusobanukirwa inkuru koko. Abanyarubuga bakagaragaza ya myifatire cyangwa imico itandukanye baba bakina.
 - d) **Umwanzuro:** Muri iki gice ni ho tubona uko inkuru irangiye. Mu mwanzuro ikinamico ishobora kurangira imaze amatsiko cyangwa igasiga mu rujijo abayiteze amatwi cyangwa abayireba.
 - e) **Amaherezo:** Muri iki gice hagaragaramo uko byagenze nyuma y'ikemuka ry'ikibazo runaka cyangwa se nyuma y'uko ikibazo gikomeza kuba insobe.

Aha ni na ho hagaragara abagiriye inyungu muri kwa gukemuka cyangwa kudakemuka kw'ikibazo.

3. Amoko y'ikinamico

Dukurikije umuyoboro ikinamico inyuzwamo, ikinamico ibamo amoko abiri: ikinamico ikinirwa imbere y'abarebyi imbonankubone n'ikinamico inyuzwa kuri radiyo, tereviziyo cyangwa imbuga nkoranyambaga.

Dukurikije ibikorwa nnyamutima ikina, dusangamo amoko atatu: ikinamico nterabitwenge, ikinamico nteragahinda n'ikinamico mberabyombi.

Dukurikije imiterere, ikinamico tuyisangamo amoko abiri: ikinamico isanzwe n'ikinamico y'uruhererekane.

Dukurikije insanganyamatsiko, ikinamico tuzisangamo amoko menshi: Ikinamico gakondo, ikinamico nyobokamana, ikinamico y'amateka, ikinamico ya politiki, ikinamico y'urukundo, ikinamico y'imibereho...

Umukoro:

Ongera usome umwandiko "Ubwenge buza ubujiji buhise" uwusesengure werekana aho buri karango k'ikinamico kagaragara muri uwo mwandiko.

Umwarimu araganzura ko ibyo abanyeshuri bagaragaje ari ukuri.

Isomo rya gatanu: Uko ikinamico yandikwa n'uko ikinwa.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: -Gukina yubahiriza imyitwarire y'umukinankuru wo mu ikinamico.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I.Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byibutsa isomo bamaze kwiga.

Ni irihe somo duheruka kwiga ubushize?

Ubushize twize isomo ry'inshoza n'uturango by'ikinamico.

Bitabwira ibisobanuro bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino?

Ibisobanuro bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino babyita inyobozi.

II.Uko isomo ryigishwa

Fatanya n’abanyeshuri gukosora bahawe nyuma yo kwiga inshoza n’aturango by’ikinamico. Nyuma yaho, saba abanyeshuri gukora ubushakashatsi batahure uko ikinamico yandikwa n’uko ikinwa bagendeye ku bisubizo byanogejwe bivuye mu mukoro bakoze.

Igikorwa:

Kora ubushakashatsi utahure uko ikinamico yandikwa n’uko ikinwa unifashishe umwandiko “Ubwenge buza ubujiji buhise”

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike asigaye aryunganire yongeramo ibitavuzwe. Fatanya n’abanyeshuri kugorora ibisubizo bitanzwe hanyuma ibisubizo by’ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw’ibisubizo byanogejwe:

Uko ikinamico yandikwa

- Umuhanzi w’ikinamico agomba kubanza guhitamo insanganyamatsiko agiye kwandikaho kuko imico y’abantu aba agiye gushyira mu mukino igomba kuba ifite intego runaka yo kwigisha, gucyaha, kunenga, kugira inama n’ibindi.
- Iyo amaze guhitamo insanganyamatsiko, ahitamo abanyarubuga akabatwerera imyifatire n’imiterere igaragaza neza ibyo agiye gukina.
- Mu kwandika ikinamico umuhanzi agomba kuzirikana uko atangira umukino we n’uko aza kuwusoza, atanze igisubizo k’ikibazo cyari ingutu cyangwa asigiye abawukurikiye umukoro wo gukomeza kwibaza uko bizagenda.
- Ikinamico igomba kwandikwa mu buryo bw’ikiganiro, aho abanyarubuga usanga bahererekanya amagambo, ndetse hakagenda hagaragazwa izina ry’ugiye kuvuga. Gusa aho biri ngombwa usanga umukinnyi ashobora gukina yivugisha we ubwe.
- Umuhanzi w’ikinamico kandi bitewe n’ibyifuzo by’uko ashaka ko umukino we ukinwa agenda agaragaza inyobozi, zandikwa mu dukubo, zigaragaza uko abanyarubuga bagomba kwitwara, aho umukino runaka ubera n’imirimbo ihatatse. Inyobozi kandi zituma umutoza w’abakinnyi abafasha kwitwara uko umuhanzi w’ikinamico yabyifuje.

Dore ibigomba kwitabwaho mu kwandika ikinamico:

- Umuhanzi agomba kwita cyane ku nsanganyamatsiko agiye kwandikaho bityo akayishakira umutwe bifitanye isano. Umutwe w’ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abagiye kuyikurikira cyangwa abasomyi.
- Umuhanzi agomba kwita cyane ku bo ageneye umukino we, mu rwego rwo kugena imvugo (iy’ubusabane, isanzwe, ihanitse, iya gisizi...) aza gukoresha. Agomba kumenya kandi ikigero barimo, imico yabo n’uko babayeho kugira ngo agene uburyo aza gukoresha ababwira, bityo umukino ugire icyo ubamarira, bitewe n’icyo agamije kugeraho.

Abanyarubuga bagomba kwisanisha neza n'ibyo bakina haba mu mvugo ndetse no mu ngiro.

– Umuhanzi agomba kuzirikana igihe ikinamico igomba kumara, bitewe n'aho igomba kunyuzwa n'icyo igamije. Hari amakinamico ashobora kugira uduce dutoduto tugenda dutangazwa mu gihe runaka, ikaba yamara igihe kirekire, nk'urunana, museke weya...Umuhanzi anazirikana ko igihe ikinamico ikinwa itagomba kurambirana cyane.

Guhitamo abakinnyi b'ikinamico

Umuhanzi w'ikinamico agomba kugena uko abakinnyi bitwara, cyane ko baba bagomba kugaragaza imico y'abantu basanzwe mu buzima bwa buri muni. Rimwe na rimwe usanga abakinnyi bahabwa amazina ahita aranga imyitwarire yabo, nk'abo bita ba Rubundakumazi, Nzavugankize, Rusisibiranya, Kajarajara, Kirikumaso n'andi.

Gusa abacengeye neza iyi nganzo y'ikinamico bemeza ko atari byiza kwita bene aya mazina kuko biba bisa no kumara amatsiko abakurikiye ikinamico. Bavuga ko byaba byiza abakinnyi bagiye bahabwa amazina asanzwe atagaragaza imyitwarire yabo, noneho uko bakina, ababakurikiye akaba ari bo batahura imyitwarire y'abakinnyi. Ni yo mpamvu mu guhitamo abakinnyi hagomba kurebwa umuntu uri bwigane neza umunyarubuga runaka.

Abanyarubuga mu ikinamico

Mu ikinamico abanyarubuga barimo ibice bibiri by'ingenzi. Habamo umunyarubuga mukuru. Umunyarubuga mukuru ashobora kuba ari umwe cyangwa ari benshi. Habamo kandi abanyarubuga bungirije bashobora kuba bunganira umunyarubuga mukuru kugira ngo agere ku ntego yiyemeje (abunganizi) cyangwa se bakaba bamubangamira ngo atagera ku ntego yiyemeje (imbogamizi). Ni ukuvuga ko mu ikinamico dusangamo umunyarubuga mukuru n'abanyarubuga bungirije. Ariko hashobora no kubamo abanyarubuga batari ngombwa. Abo banyarubuga mu by'ukuri nta gikorwa gifatika bakora, ndetse bashobora no kuva mu ikinamico cyangwa mu nkuru ntibigire icyo bitwara (nk'igihe umukino ubera mu isoko, abaremye isoko bese si ko bagira uruhare mu mukino).

Uko ikinamico ikinwa

Ikinamico iba igabanyijemo ibice. Iyo ari ikinamico yo ku rubuga aho ikinirwa (urukiniro) hagenda hahinduka uko buri gice kirangiye. Buri gice na cyo kiba kigabanyijemo uduce (imiseruko) tugenda duhindagurika, buri gihe uko hinjiye umukinnyi mushya cyangwa se hagize usohoka ku kabuga nkuru. Abakinnyi b'ikinamico ku rukiniro baba bagomba gusa neza nk'uko abanyarubuga bagaragajwe mu myifatire yabo n'ikigero cyabo. Mu gukina ikinamico kandi inyobozi ni ngombwa cyane zigomba kubahirizwa kugira ngo umukino ugende neza nk'uko umuhanzi wayo yabyifuje.

Isomo rya munani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye
Ahereye ku byo asanzwe abona mu muryango nyarwanda, umunyeshuri araba ashobora: Gukina ikinamico yigana imyitwarire y'abakinankuru.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu,igitabo cy'umunyeshuri, n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa isomo riheruka kwigwa.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Ni irihe somo twize ubushize?

Ubushize twize isomo ryo gusesengura umwandiko "Uwenge buza ubujiji buhise"

Vuga ibyo bavugamo mu nshamake?

Ikivugo kiba:

Nyinawumuntu, umugore wa Mugwiza, yamaranye igihe imyumvire idatuma aboneza urubyaro bituma abyara abana ikeda bose. Nuko akajya abipfa n'umugabo ndetse binabatera ubutindi. Nyuma yo kugirwa inama yaje guhinduka asaba n'umugabo we imbazi.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba itsinda rimwe ry'abanyeshuri kujya imbere y'abandi rikabakinira ikinamico ryahimbye. Abandi basigaye baragenda bajora imikinire y'abagize iryo tsinda bandika mu makayi yabo y'imyitozo ibyo bashima ko umukinankuru yakoze neza n'ibyo yakosora aramutse asubiyemo iyo kinamico.

Igikorwa:

Toranya umukinankuru mu ikinamico itsinda ryawe ryahimbye, ujye imbere y'abandi ukine wubahiriza imico n'imyitwarire iranga uwo mukinankuru".

Nyuma yo gukina ikinamico, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kugaragaza imyitwarire ikwiye iranga umukinankuru uri ku kabuga nkuru.

Fatanya n'abanyeshuri kujora imikinire mugaragaza ibyagenze neza n'ibikenewe gukosorwa kugira andi matsinda azakina nyuma azabikore neza kurushaho.

3.5. ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATATU

Ibigerwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatatu

-Ubushobozi bwo gusesengura ikinamico.

-Ubushobozi bwo gukina ikinamico yigana abakinankuru no guhanga ikinamico.

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa gatatu buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

Kumva no gusesengura umwandiko

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko.

1. Umuryango wasuwe ufite abana bangahe? Ese uboneza urubyaro?

Ufite abana babiri. Yego uboneza urubyaro.

2. Ni iki kigaragaza ko Munyampeta na Tegura bubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?

Baraganiriye bafatira hamwe ikemezo cyo gufungira urubyaro ku mwana wa kabiri, Munyampeta kandi afata neza umugore we amushakira imbuto ndetse yita ku nka izamukamirwa.

3. Ese Tegura asobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere?

Yego kuko yabonye ari hafi kubyara ajya kwa muganga aho yabona abamufasha mu buryo bworoshye.

4. Nyandwi, Nyiraminani, Nyabyenda na Ndaribumbye bavugwa mu mwandiko ni abana ba kangahe?

Nyandwi ni uwa karindwi, Nyiraminani ni uwa munani, Nyabyenda ni uwa kenda naho Ndaribumbye ni uwa cumi.

5. Uhereye ku mwandiko, rondora inshingano enye umubyeyi agomba gukorera uwo yibarutse.

Kumugaburira indyo yuzuye, kumuvuza, kumwambika no kumwigisha.

6. Uhereye ku mwandiko garagaza ko imyumvire ya kera itandukanye n'iy'ubu.

Umukecuru Nyirabubare arabwira Munyampeta ko bagomba kubyara abana benshi nk'uko kera byahozze, Munyampeta na we akamwangira amwereka ko ubu ibintu byahindutse.

7. Agakino ka kabiri karimo imiseruko ingahe? Sobanura igisubizo cyawe.

Karimo imiseruko ibiri. Uwa mbere ukinwa na Munyampeta na Gatari naho uwa kabiri utangira ari uko umukecuru Nyirabubare yinjiye.

II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira urikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:

a) **Amashyushyu:** ubushake bwinshi bwo kobona cyangwa gukora ikintu ukumva utatuza utabigezeho.

b) **Umuwaburayi:** umwana wavutse.

c) **Kumuhundagazaho:** kumuha cyangwa kumugwizaho.

d) **Kwibaruka:** kubyara

e) **Yatariranye:** yabyimbye kubera amashereka menshi.

f) Imoko: isonga y'ibere ry'umugore akaba ari na yo umwana akururamo amashereka.

III.Ubuvanganzo

Subiza ibibazo bikurikira byerekeye ingeri z'ubuvanganzo

a) Dukurikije ibikorwa nnyamutima, ikinamico ibamo amoko angahe?

Dukurikije ibikorwa nnyamutima ikinamico tuzisangamo ibice bitatu: ikinamico nterabitwenge, ikinamico nteragahinda n'ikinamico mberabyombi.

b) Vuga amoko y'abanyarubuga dusanga mu ikinamico.

Umunyarubuga mukuru n'abanyarubuga bungirije.

c) Vuga imimaro byibura ine y'ikinamico mu buzima bwacu bwa buri muni.

Ikinamico iba igamije kwigisha, gukosora, kuburira no kugira abantu inama.

d) Kuki atari byiza guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo?

Guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo si byiza kuko aba ari ukumara amatsiko abakurikiye ikinamico cyangwa abayisoma.

e) Ukurikije ikinamico n'izindi ngeri z'ubuvanganzo wize nk'imigani, insigamigani, ibitekerezo n'izindi, ni uwuhe mwihariko ikinamico ifite ku mikorere y'abanyarubuga n'imyandikire yayo?

Abanyarubuga bo mu ikinamico batanga ibitekerezo ubwabo binyuze mu biganiro bagirana hagati yabo, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo usanga hari umubarakuru wundi akenshi uba atanazwi uvuga ku banyarubuga. Mu myandikire y'ikinamico hagaragazwa buri munyarubuga n'amagambo avuga, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo nko mu mugani, ibitekerezo cyangwa ibarankuru rikorwa hifashishijwe inyandiko yanditswe mu bika.

IV. Ihangamwandiko

Andika agace kamwe k'ikinamico karimo abakinankuru batarenze bane (byibura ku ipaji imwe) kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira

a) Kuringaniza urubyaro bifasha mu iterambere ry'umuryango.

b) Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.

Umwarimu arareba ko mu gace k'ikinamico abanyeshuri bibutse gushaka umutwe, bakagaragaza abanyarubuga n'ibyo bavuga, uburyo ibitekerezo bitangwa bihuye n'insanganyamatsiko yahisemo ndetse n'umutwe w'ikinamico; arakosora kandi imyandikire y'ikinyarwanda.

3.6. Imyitoto nizamurabushozi na nyagurabushobozi

.....

.....

.....

3.7. Amasomo y'inyongera

Uko wabigenza ushaka gukina neza ikinamico.

Umuntu aramutse ashatse kwimenyereza cyangwa gukina ikinamico yakubahiriza ingingo zikurikira:

Gusoma inyandiko y'ikinamico neza kandi ibyo bigakorwa inshuro nyinshi, mu rwego rwo kwiyumvisha neza ikinamico.

Umuntu agomba gusoma yitonze inyishyu zigize ikinamico, kandi akagerageza gukurikiza inyobozi umuhanzi aba yagaragaje kugira ngo abashe guha inyishyu runaka ijwi ryabugenewe.

Agomba gutahura ingiro zifasha umuntu kuvuga neza amagambo. Aha biba byiza kwitworeza imbere y'abandi kugira ngo bagufashe guhuza neza ingiro n'amagambo avugwa.

Kugerageza guhinduka nk'umunyarubuga uvugwa, higanwa neza imvugo n'imico by'umunyarubuga.

Umuntu ukina ikinamico yirinda gutera umugongo abo akinira.

Kwitworeza gukinira imbere y'abandi na byo birafasha cyane kuko uko ukoze ikosa bagenzi bawe baragukosora bityo ukagenda urushaho kuba intyozza.

Aho bishoboka, umuntu agomba kugerageza kwireba mu mashusho uko akina kugira ngo na we ubwe abe yakwijora cyangwa yakwikosora mu rwego rwo kurushaho gusa n'umunyarubuga akina.

Uko wabigenza ushaka kwandika ikinamico isekeje.

Bitewe n'uko akenshi ikinamico iba igamije kwigisha no gusetsa, usanga hagaragaramo uburyo butandukanye bw'urwenya :

Ingero

Urwenya rushingiye ku magambo avugwa n'abanyarubuga nko kudidimanga, kuvuga uburimi, amazina asekeje, kuvuga by'uwanyweye nzobya, imikizi... (urugero rw'umujura ufashwe n'umuporisi agatangira kudidimanga kubera ibyaha yakozze, mu rubanza hari abadidimanga kubera ubwoba...)

Urwenya rw'ingiro nk'amarenga, ingendo runaka... (urugero rw'umuntu w'umuyobozi wiyemera akabigaragaza mu ngendo, inkumi igenda yinyonga kubera kwibwira ko ari ihogoza...)

Urwenya rushingiye ku ngeso nk'igihe abanyarubuga baba bafite utugesho runaka cyangwa se bakaba bageze mu ngorane maze utugesho twabo tukababuza kuzivanamo.

Urwenya rushingiye ku bujiji nk'igihe umunyarubuga ashobora gukora ibintu runaka biteye ibitwenge kubera ubujiji bwo kutamenya uko bikorwa.

Iyo rero ugiye kwandika ikinamico isekeje ingero z'inzenya zitandukanye zigomba gukurikizwa maze uwandika akamenya gutoranya abanyarubuga akabashyira mu ruhando rw'ibitwenge, abaha imico isekeje. Agomba kandi kubaha imiteguro n'imyambaro iba yagaragajwe mu nyobozi zigomba gukurikizwa. Iyo abanyarubuga bamaze gutoranywa neza no guhabwa imico iri bukinwe igamije kugira icyo isigira abakurikiye ikinamico, umwanditsi w'ikinamico yandika imvugano akagaragaza uko abanyarubuga bagomba kwitwara no mu nyobozi hakagaragazwa uko udukino tugomba gukinwa n'uburyo abanyarubuga bagomba kwitwara.

UMUTWE WA KANE: UMUCO W'AMAHORO

IV.1. UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE

Gusesengura umwandiko uvuga ku muco w'amahoro, gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe no kwandika interuro yubahiriza imyandikire.

IV.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Inyito y'amakimbirane

Amazina y'utwatuzo

Amoko y'amagambo

IV.3. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu arandika ku kibaho ibibazo bibiri asabe abanyeshuri bicaranye ku ntebe gusubiza ibyo bibazo bibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa :

Fatanya na mugenzi wawe gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Iyo umuntu ashotoye mugenzi we maze na we agashaka kubimwitura bibagendekera bite?

Havuka amakimbirane hagati yabo.

2. Uko kwiturana inabi kwagira izihe ngaruka?

Uko kwiturana inabi kwatera inzangano zidashira, gucika k'ubufatanye

Umwarimu atega amatwi ibisubizo by' abanyeshuri akabafasha kubinoza.

IV.4. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe

Umutwe wa kane: Umuco w'amahoro		Umubare w'amasomo: 18
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Twese biratureba.		
Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya kabiri: gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1

Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Gutanga ibitekerezo bitera amakimbirane n'uburyo yakemuka hakubakwa umuco w'amahoro.	Amasomo 2
Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda		
Isomo rya kane: Amagambo yandikwa afatanye	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura imyandikire y'amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa adafatanye. - Kurondora aho amagambo yandikwa afatanye n'aho yandikwa adafatanye. - Gukosora umwandiko bandika neza amagambo afatana n'atandukana mu myandikire yayo. 	Isomo 1
Isomo rya gatanu: Imikoreshereze y'utwatuzo.	Kwandika yubahiriza imikoreshereze y'utwatuzo.	Amasomo 2
Ikeshamvugo		
Isomo rya gatandatu: Amagambo yabugenewe	Gukoresha uko bikwiye amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku, intaho, urubyaro n' amatsinda y'ibintu .	Isomo 2
Isuzuma		
Isuzuma risoza umutwe wa kane	Gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe wa kane	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Gusubiza ibibazo by'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Isomo 1

4. 4.1. Umwandiko: Twese biratureba

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
- Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Igitero k'i Butembo" bagiyeye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo :

a) Mwitgereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabonaho abantu benshi bicaye n'umuporisi uhagaze.

b) Murabona baba bakora iki?

Barimo gukora inama.

Ni ryari abaporisi bitabazwa n'abaturage?

Abaporisi bitabazwa n'abaturage mu gihe bagize umutekano muke cyangwa amakimbirane.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'uyu mwandiko?

Umutwe w'uyu mwandiko w'uyu mwandiko ni "Twese biratureba".

Ni iki wumvise mu mwandiko umaze gusoma?

Numvisemo ko amakimbirane umutekano muke mu muryango.

Gusoma mu ijwi riranguruye.

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibyo ryateguye, amatsinda asigaye agende yuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Gusobanura amagambo

Isomo ririmbanyije: isomo rigezemo hagati.

Imodoka igitirimuka: imodoka igihaguruka.

Amakenga: ubwoba umuntu aterwa n'uko akeka ko ibintu bitameze neza.

Yarahozagaye: yarabyibushye cyane.

Kumuca iryera: kumubona.

b) Kumva umwandiko

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. Uhereye ku mwandiko, sobanura ukuntu amakimbirane yo mu muryango agira ingaruka ku bana.

Yatumye kundwa aba umuswa mu ishuri, agahora yigunze afite agahinda, atagira urugwiro, atagira ikinyabupfura, akanakererwa bikabije mu ishuri.

2. Umwarimu wa Kundwa ntiyagiriye Kundwa ibanga nk'uko yari yabi3. musabye. Kutagira ibanga kwe byagize izihe nyungu ku muryango wa Rwabigwi?

Kutagira ibanga k'umwarimu wa Kundwa byagiriye inyungu nyinshi umuryango wa Rwabigwi kuko byatumye ubuyobozi bumenya ibibazo by'amakimbirane abera mu muryango wa Rwabigwi maze butumiza inama yiga ku bibazo by'amakimbirane muri rusange. Muri iyo nama ni ho Rwabigwi yafatiye umugambi wo kureka ibibi yakoreraga umuryango we akawuha amahoro.

3. Ni ayahe makimbirane avugwa mu mwandiko? Ayo makimbirane akomoka kuri nde? Kubera iki?

Amakimbirane avugwa mu mwandiko ni amakimbirane hagati ya Munyana n'umugabo we Rwabigwi. Ayo makimbirane aturuka kuri Rwabigwi ufata umugore we nabi, akamukubita ndetse akagurisha ibyo yejeje ntagire ifaranga na rimwe amuha cyangwa se nibura ngo amugurire akenda kandi ari we wabihinze.

4. Ni iki wakwigira ku bavugwa mu mwandiko bakurikira: Kundwa, umwarimu wa Kundwa?

Kundwa namwigiraho gukurikira umwarimu mu ishuri nkaba umuhanga nka we, kugira urugwiro n'ikinyabupfura kugira ngo nkundwe na bagenzi bange.

Umwarimu wa Kundwa namwigiraho kwita kuri bagenzi bange nkabakurikirana, uwo nsanze afite ikibazo nkihatira kumenya impamvu yacyo ndetse nkamufasha kugikemura, byaba ngombwa nkifashisha inzego zibishinze.

5. Ni nde wakunze muri iyi nkuru? Ni iki wamwigiraho?

Aha abanyeshuri basubiza bakurikije umukinankuru bakunze.

6. Ni hehe muri uyu mwandiko hagaragarira imiyoborere myiza?

Aho umuyobozi w'akagari yumvise ko hari amakimbirane mu muryango wo kwa Rwabigwi akihatira gutumiza inama ndetse na porisi y'Igihugu igahagararirwa muri iyo nama kugira ngo bakangurire abaturage kwirinda amakimbirane. Iyo ni imiyoborere myiza.

c) Imyitozo:

1. Kora interuro wifashishije aya magambo ku buryo wumvikanisha icyo asobanura:

- | | |
|--------------------|----------------------------|
| a) Gutora agatotsi | d) Kwahukana |
| b) Amashyo y'inka | e) Kutagira epfo na ruguru |
| c) Ubucabari | f) Gusuka amarira |

Ikitonderwa:

Ku bijyanye no gukoresha amagambo mu nteruro, umwarimu areba ko abanyeshuri bakora interuro ziboneye.

2. Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye:

Kuzongwa ≠ kubyibuha

Inama ihumuje ≠ inama itangiye

3. Uzurisha interuro zikurikira aya magambo: irimbanyije, amakenga, bintesha umutwe, guca inshuro, kwiruka amasigamana.

a) Yampamagaye sinamwumva kuko imirimo yari..... Yampamagaye sinamwumva kuko imirimo yari irimbanyije.

b) Banyibye ibikoresho byo mu nzu byoseariko narabifashe.

c) Banyibye ibikoresho byo mu nzu byose bintesha umutwe ariko narabifashe. Bana bange ejo nzazinduka njya muzakore imirimo yose yo mu rugo.

c) Bana bange ejo nzazinduka njya guca inshuro muzakore imirimo yose

yo mu rugo. Yagiye ku ishuri kuko yari yakererewe.

d) Yagiye ku ishuri yiruka amasigamana kuko yari yakererewe.

Ni byiza kugira mbere yo gufata ikemezo gikomeye.

Ni byiza kugira amakenga mbere yo gufata ikemezo gikomeye.

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga witwa "Twese biratureba."

Inkuru ivugwa mu mwandiko yarangiye ite?

Inkuru ivugwa mu mwandiko yarangiye abari mu nama biyemeje kubana mu mahoro, nta makimbirane abarangwamo .

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:

- Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga witwa "Ubwenge buza ubujiji buhise"

Inkuru ivugwa mu mwandiko yarangiye ite?

Inkuru ivugwa mu mwandiko yarangiye Nyinawumuntu yiyemeje kuba intumwa ku bandi bose bafite imyumvire idakwiye yo kutaboneza urubyaro anasaba umugabo we imbabazi.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurike ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko ni :

- Amakimbirane yo mu muryango n'ingaruka zayo.

- Uruhare rw'ubuyobozi mu gukemura amakimbirane.

2. Gereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho utuye.

Ibisubizo byatandukana bitewe n'ubuzima abanyeshuri babayemo.

Urugero rw'igisubizo cyatangwa: Uyu mwandiko uragaragaza imibanire y'imiryango imwe n'imwe aho abagabo bateza amakimbirane mu miryango yabo. Aho ntuye hari umuryango ufite imibanire nk'iyi ariko wo amakimbirane aturuka ku mugore uhora abwira nabi umugabo we ngo nta kintu amaze kuko nta kazi afite, umugabo n'umugore rero bahora

bahanganye, batongana ndetse bakanarwana.

3. Garagaza insanganyamatsiko y'ingenzi igaragara muri uyu mwandiko n'isomo ry'ingenzi uwukuyemo.

Insanganyamatsiko y'ingenzi igaragara muri uyu mwandiko ni iy'amakimbirane yo mu rugo. Isomo ry'ingenzi nkuye mu mwandiko ni iryo kurwanya amakimbirane nimakaza umuco w'amahoro, kubana mu mahoro na bagenzi bange, namagana amakimbirane aho yaturuka hose ntungira urutoki ubuyobozi ahagaragaye amakimbirane.

4. Uramutse ubonye mu muryango runaka hari amakimbirane wakora iki ngo amahoro agaruke muri uwo muryango?

Ndamutse ubonye mu muryango runaka hari amakimbirane wakora iki ngo amahoro agaruke muri uwo muryango

Naganiriza abo muri uwo muryango, nkababwira ingaruka z'amakimbirane ku bawugize, ku iterambere ry'umuryango, ku bana no ku gihugu cyose muri rusange. Biramutse

Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye

Ahereye ku byo asanzwe abona mu muryango nyarwanda, umunyeshuri araba ashobora:
 -Gutanga ibitekerezo mu ruhamwe ku nsanganyamatsiko yahawe, ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane, kandi akoresha imvugo inoze.
 -Gusobanura ibintu bitera amakimbirane n'uburyo byakemuka hakubakwa umuco w'amahoro.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu,igitabo cy'umunyeshuri n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa umwandiko wizwe.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Umwandiko muheruka gusesengura ni uwuhe?

Umwandiko duheruka gusesengura ni "Twese biratureba".

Uvuga ku yihe nsanganyamatsiko?

Uvuga ku muco w'amahoro.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri bicaranye kwegeranya ibitekerezo baza kumurikira bagenzi babo mu gihe cyo kungurana ibitekerezo.

Igikorwa:

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku bintu bitera amakimbirane n'uburyo yakemuka hakubakwa umuco w'amahoro.

Gendagenda mu matsinda utanga ubufasha aho bukenewe. Mu gihe cyo kungurana ibitekerezo, yobora ibiganiro ubafashe kugera ku mwanzuro ukenewe.

Ingero z'ibisubizo byatangwa

- Gusesagura umutungo.
- Kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Kurwanira ubutaka cyangwa gushaka kwikubira ubutaka.
- Ubusinzi n'ubusambanyi.
- Ishyari.
- Imyenda ikabije muri rubanda.
- Inyota yo gushaka kwikubira umutungo n'ibindi.

Isomo rya kane: Amagambo y'inyunge n'amagambo afatana n'adafatana .”

Integozihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: <ul style="list-style-type: none"> - Gutahura imyandikire y'amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa adafatanye. - Kurondora aho amagambo yandikwa afatanye n'aho yandikwa adafatanye. - Gukosora umwandiko bandika neza amagambo afatana n'atandukana mu myandikire yayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti irimo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

1. Intangiriro

Baza ibibazo by'isubiramo ku ngingo z'imyandikire y'Ikinyarwanda zizwe mbere.

Urugero rw'ibibazo n'urw'ibisubizo:

a) Ni iki wibuka mu myandikire y'ibihekane ?

Hari ibihekane bigirwa n'inyuguti kuva kuri ebyiri kugeza kuri eshanu.

b) Bandika bate amazina bwite ?

Amazina bwite atangizwa inyuguti nkuru.

2. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa:

Igikorwa

Itegereze interuro zikurikira, ugire icyo uvuga ku myandikire y'amagambo yanditse atsindagiye. Hanyuma ukore ubushakashatsi utahure n'andi magambo yanditse mu buryo bumwe n'ayo umaze kwitegereza.

- a) Ubu umuntu **nkange** nakwitwara **nka bo? Nawe** ntugakabye.
- b) Nasanze mu rugo **ntawurwaye** kandi wa murumuna wange **nta we** nabonyeyo.
- c) **Wa wundi** washakaga azagaruka **ejobundi nijoro**.
- d) Nshakira umunyeshuri wo **mu wa** gatanu ushinzwe **ubukangurambaga** mu kigo.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuzanya ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bese babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

Amagambo amwe yanditse atandukanye andi yanditse afatanye.

- a) Ubu umuntu **nkange** nakwitwara **nka bo? Nawe** ntugakabye.

Ibyungo na na nka bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'ya 2) byandikwa mu ijamba rimwe (**nkange, nawe**) ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3 (**nka bo**).

- b) Nasanze mu rugo **ntawurwaye** kandi wa murumuna wange **nta we** nabonyeyo.

Impakanyi **nta** yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye (**ntawurwaye**) ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijamba biratandukana (**nta we**).

- c) **Wa wundi** washakaga azagaruka **ejobundi nijoro**.

- Urujyano rurimo ijamba "ngo" kimwe n'ibinyazina "wa wundi", "bya bindi", "aho ngaho", "uwo nguwo", n'ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri (**Wa wundi**).

- Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijamba rimwe.

- d) Nshakira umunyeshuri wo **mu wa** gatanu ushinzwe **ubukangurambaga** mu kigo.

- Amagambo **ku** na **mu** yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse n'amagambo **ku wa** na **mu wa** abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi yandikwa atandukanye (**mu wa**).

- Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

- e) Cya gitanda **nako** ka kabati **na ko** ugasige irangi.

Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y'umugereka, inyumane y'icyungo, cyangwa iy'irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukirwa amazina bisimbura yandikwa afatanye (**nako**). Nyamara iyo ahuje ishusho n'izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye (**na ko**).

Izindi ngero zava mu bushakashatsi.

1. Amagambo y'inyunge

Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

Ingero

- Umwihanduzacumu	- Umuhuzabikorwa
- Rugwizangoga	- Amayirabiri
- Umukangurambaga	

Ikitonderwa: Mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane (4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

Urugero

Ubwo **"Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica"** aba arashinze.

2. Amagambo afatana n'adafatana

a) Amagambo afutura

Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.

Ingero

- Inama **Njyanama** y'Akarere ka Kicukiro yateranye.
- Umuco **nyarwanda** uraturanga.
- Yumviye umutima **nama** we.
- Umutima **muhano** ntiwuzura igituza.
- Inyandiko **mvugo** y'inama yasomwe, iremezwa.

b) Ibyungo na na nka

Ibyungo na na nka bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'ya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

Ingero

- Ndabona **nawe** wigisha **nkange**.
- Ndumva **natwe** tumeze **nkamwe**.
- Nabonye **na we** yigana **na bo**.
- Numvise **na bwo** bujwigira **nka zo**
- Ndabona **na ko** kagenda **nka bwo**.

c) Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga

Iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

Ingero

- Umwana **wange** yagiye ku isoko.
- Umurima **wacu** urahingwa.
- Ishati **yawe** yakorewe mu Rwanda.
- Amafaranga **yabo** afite agaciro.

d) Impakanyi nta

Impakanyi **nta** yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye ariko iyo ikurikiwe n'ubundi bwoko bw'ijambo biratandukana.

Ingero

- Twasanze **ntawurwaye**.
- Mu kigo cyabo **ntabatashye**.
- **Nta we** nabonye.
- **Ibyo bitabo nta byo yatwaye**.

e) Ibinyazina ngenga ndangahantu

Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu **ho, yo, mo (mwo)** n'akajambo **ko** bifatana n'inshinga bikurikiye, keretse iyo iyo nshinga ari **ni** cyangwa **si**.

Ingero

- Twageze mu rugo tumusangayo tugenderako.
- Umwobo yaguyemo wari muremure.
- Yometse amashusho ku rukuta afataho
- I Kigali **ni ho** avuye **si ho** agiye.
- Mu mwobo **si mo** yaguye.

f) Akajambo ko

Akajambo "**ko**" kunga inyangingo ebyiri kandikwa gatandukanye n'amagambo agakikije.

Ingero

- Ndateka **ko** azahagera kare.
- Namenye **ko** ibyo binyobwa byujuje ubuziranenge.

g) Urujyano rurimo ijambo "ngo" kimwe n'ibinyazina "wa wundi", "bya bindi", "aho ngaho", "uwo nguwo", n'ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

Ingero

- Nasanze **abo ngabo** badahari mpita nkoresha **wa wundi kugira ngo** tudakererwa.
- **Ibyo ngibyho** ni byo nabonye **aho ngaho**.

h) Ijambo "ni" rikurikiwe n'inshinga irimo inshoza yo "gutegeka" no "guteganya" ryandikwa rifatanye na yo.

Ingero

- **Nimukore** mutazicwa n'inzara.
- **Nimufate** neza ibidukikije.

i) Amagambo yerekana ibihe n'ahantu

Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **nimunsi, nijoro (ninjoro), nimugoroba, ejobundi**.

Ingero

- **Nimugoroba** turajya gusura abaturanyi.

- Azagera mu Rwanda **ejobundi nijoro/ninjoro**.
- Turahagera **nimunsi**.
- Ijambo **munsi** ryerekana ahantu ryandikwa mu ijambo rimwe.

Urugero

- Yabitse amafaranga **munsi** ya matera imbeba zirayarya.

j) Amagambo ku na mu

Amagambo **ku na mu** yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse n'amagambo **ku wa na mu wa** abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi yandikwa atandukanye.

Ingero

- **Ku wa** 15 Ukuboza nzajyayo **ku bwange** sinzajyayo **ku bwabo**.
- Yahinze **mu we** ntiyahinze **mu wawe**.
- Azagerayo **ku wa** Gatanu nimunsi.
- Uwo mwana yarimutse ajya **mu wa** Gatandatu.

k) Ijambo saa

Ijambo **(i)saa**, rikurikiwe n'umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

Ingero

- Ndahura na we **saa munani**.
- Turangiza akazi **i saa kumi n'imwe**.

l) Imigereka ndangahantu

Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu **i (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, ibwami, inyuma...)** n'amagambo akomoka kuri **i** y'indangahantu ikurikiwe n'ikinyazina ngenera **wa** n'ikinyazina ngenga yandikwa mu ijambo rimwe.

Ingero

- Yicaye **iburyo** nge nicara **ibumoso**.
- Tumaze kwicara **imuhira** ab'**ikambere** baratuzimanira.
- **Iwacu** heza ndahakumbuye.

m) Indangahantu i ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu

Iyo **i** y'indangahantu ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina.

Ingero

- Twahuriye **i** Muhanga turamenyana.
- **I** Rusizi ni kure y'Umujyi wa Kigali.

n) Inshinga mburabuzi ari

Inshinga mburabuzi **ari** iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n'ikinyazina kiyibanziriza n'ikiyikurikira.

Ingero

- Sinkunda umuntu umbwira **ibyo ari byo** byose.

– **Uwo ari we** wese azimenyera ibimureba.

o) Amagambo arema inyumane

Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y’umugereka, inyumane y’icyungo, cyangwa iy’irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukirwa amazina bisimbura yandikwa afatanye.

Nyamara iyo ahuje ishusho n’izo nyumane kandi ibinyazina bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara, byandikwa bitandukanye.

Ingero

- **Niko?** Ko utambwira igihe ugendera?
- Uko **ni ko** akora.
- Urya neza **ni uko** utabyibuha.
- Uku kuguru **ni ko** kwavunitse.
- Uku kwezi **ni uko** gutembera.
- **Nuko** nyuma y’ibyo turagenda.
- Buri gihe umwarimu atubaza uko twaraye **n’uko** twaramutse.

p) Amagambo ashingiye ku isubiramo

Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

Ingero

- Twagiye kumva twumva amashyi ngo **kacikaci!**
- Bagiye baza **umwumwe**.
- Bakoze imyitozo **babiribabiri**.

III. Imyitozo

Kosora izinteruro zikurikira ukuramo amakosa y’imyandikire izirimo.

1. Utwo tunyoni twagiye tuza kamwe kamwe tugezaho tuba uruhuri.

Utwo tunyoni twagiye tuza kamwekamwe tugezaho tuba uruhuri.

2. Kamugisha ni umuva ndimwe wa Kamari.

Kamugisha ni **umuvandimwe** wa Kamari.

3. Umuco w’amahoro niwo uranga abiwacu.

Umuco w’amahoro **ni wo** uranga **ab’iwacu**.

4. Uze kumureba mugitondo.

Uze kumureba mu gitondo.

5. Uyu mubyeyi nawe age kugisha inama babandi bavura indwara za menyo.

Uyu mubyeyi na we age kugisha inama ba bandi bavura indwara z’amenyo.

6. Nasuye masenje utuye i Kabwayi ampa icyibo cy’ibiro icumi by’ubunyobga.

Nasuye masenge utuye i Kabgayi ampa ikibo k’ibiro icumi by’ubunyobwa.

7. Umuco w’amahoro niwo uranga abiwacu.

Umuco w’amahoro ni wo uranga ab’iwacu.

8. Kugira umujinya wumurandura nzuzi n’ibibi.

- Kugira umujinya w'umuranduranzuzi ni bibi.
 9. Se kuru yavutse mu mwaka w'1960.
 Sekuru yavutse mu mwaka wa 1960.
 10. Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga impfubyi.
 Mu Karere ka Kamonyi bateye inkunga imfubyi.

Isomo rya gatanu: Imikoreshereze y'utwatuzo

Integozihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kwandika yubahiriza imikoreshereze y'utwatuzo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igazeti irimo amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

1. Intangiriro

Baza ibibazo by'isubiramo ku ngingo z'imyandikire y'Ikinyarwanda zizwe mbere.

Urugero rw'ibibazo n'urw'ibisubizo:

a) Ni iki wibuka mu myandikire yemewe y'interuro ?

uwandika interuro ayitangiza inyuguti nkuru kandi agakora interuro iboneye ifite icyo isobanura.

b) Ni iki cyatuma interuro yanditse umenya ko interuro ihamya, ibaza cyangwa itangara ?

Igituma umenya ko interuro yanditse ari interuro ihamya, ibaza cyangwa itangara ni uko iba ifite utwatuzo.

2. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa:

Igikorwa

Itegereze interuro zikurikira, ugire icyo uvuga ku mmikoreshereze y'utwatuzo turi muri iki gika. Hanyuma ukore ubushakashatsi utahure n'utundi twatuzo dukoresha n'imikoreshereze yatwo.

Umunsi umwe, navuye mu Ntara y'Amajyepfo njya i Gisaka gusura masenge . uzi ukuntu ari umuntu mwiza! Nkihagera ahongaho mu Gisaka, yanyakirije amata, amafunguro, n'umuziki utuje. Byari byiza pe! Sinabona uko mbigusobanurira. Mu nzira nnyayo, nari nanyuze ku

mubyeyi wahaga impanuro abana be. Numvise ababwira ati: “Umwana warezwe neza yumvira ababyeyi be. Ibyo murabyumva?”

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibyo ryabonye. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuza ibisubizo byatanzwe, ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

Muri iki gika kirimo utwatuzo tunyuranye:

Akatuzo	Imikoreshereze
Akitso	gakoreshwa mu nteruro kugira ngo baruhuke akanya gato. Gakoreshwa kandi barondora.
Agatangaro	Gasozu interuro itangara kakanashyirwa kandi inyuma y'amarangamutima.
Akabago	Gasozu interuro ihamya ndetse n'interuro iri mu ntegeko/itegeka.
Utubago tubiri	Dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa cyangwa gusobanurwa. Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga “-ti”, “-tya” n'ijambo “ngo” iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi uko yakabaye.
Utwuguruzo n'utwugarizo	Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo uko yakabaye, ashobora kuba ateruwe n'ingirwanshinga “-ti”, “-tya” n'ijambo “ngo”.
Akabazo	Gasozu interuro ibaza

Ingero z'ibyava mu bushakashatsi

Imikoreshereze y'utwatuzo

1. Akabago/akadomo (.)

Akabago cyangwa akadomo gasozu interuro ihamya ndetse n'interuro iri mu ntegeko/itegeka.

Ingero:

- Migambi yabanaga n'umugore we Mukarwego.
- Kankindi yigaga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye.

2. Akabazo (?)

Akabazo gasozu interuro ibaza.

Ingero:

- Ibi bizakomeza gutya kugeza ryari?

- Ese abashakanye bagomba gufatanya imirimo?

3. Agatangaro (!)

Agatangaro gasoza interuro itangara. Agatangaro gashyirwa kandi inyuma y'amarangamutima.

Ingero:

- Mbega ukuntu Mukarwego yari yaragowe!
- Kankindi yakemuye amakimbirane neza pe!
- Yooo! Mbega byiza!
- Nawe ngo uri za makobwa!

4. Akitso (,)

Akitso gakoreshwa mu nteruro kugira ngo baruhuke akanya gato. Gakoreshwa kandi barondora.

Ingero:

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z' umwarimu.
- Abagiye inama, Imana irabasanga.
- Mukarwego yakoraga imirimo yose yo mu rugo: gukubura, guhinga, kwahirira amatungo, guteka, kuhagira abana n'ibindi.

5. Uturegeka (...)

Uturegeka dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye. Dukoreshwa kandi mu nteruro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

Ingero:

- Mu rugo rwa Kinyarwanda habaga ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru...
- Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahirira na mwene... simuvuze nzamuvumba!
- Nyamara mu menyeko uwanze kumvira ... Mwacecetse ariko.

6. Utubago tubiri (:)

Utubago tubiri dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa cyangwa gusobanurwa. Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga “-ti”, “-tya” n'ijambo “ngo” iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi uko yakabaye.

Ingero:

- Mukarwego yakoraga imirimo yose yo mu rugo: gukubura, guhinga, kwahirira amatungo, guteka, kuhagira abana n'ibindi.
- Kankindi asubiza se ati: “Umva dawe, ibyo ushaka ko mama akora, ntiyabishobora wenyine.”
- Kankindi arakomeza ngo: “Icyakemura ibibazo biri muri uru rugo ni uko mwamenya ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.”
- Inka yabira itya: “Mbaaa”.

7. Akabago n'akitso (;)

Akabago n'akitso dukoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

Urugero:

- Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.
- Migambi yirirwaga mu kabari; yatahaga nijoro.
- Kuba umugabo si kunywa inzoga; kuba umugabo ni ukwita ku rugo rwawe.

8. Utwuguruzo n'utwugarizo (“ ”/« »)

Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza amagambo y'undi asubirwamo uko yakabaye, ashobora kuba ateruwe n'ingirwanshinga “-ti”, “-tya” n'ijambo“ngo”.

Utwuguruzo n'utwugarizo dukikiza imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.

Dukikiza inyito ikemangwa, amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.

Dukikiza kandi amagambo y'amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

Ingero:

- Karangwa yungani Kankindi ati: « Iyo bavuze kuringanira ntibaba bavuze kureshya; baba bavuze gufashanya no kugira uburenganzira bungana imbere y'amategeko. »
- Nuko ya “nyamaswa” iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo “Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica” aba arahashinze.
- Ibyo nabisomye kuri “interineti”.
- “Izi mpaka numva ari urujeje
Nkaho mbyaye ijana ry'abantu
Aho ntizishaka kunjisha
Ngo zinjandike mu matiku
Umutima uteshwe icyo nawutoje.”

Ijoro ry'urujijo, Rugamba Sipiriyani.

9. Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe (“ ”)

Akuguruzo n'akugarizo kamwekamwe dukoreshwa iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

Urugero:

Umugaba w'ingabo ati: “Ndashaka ko ‘Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica’ aza hano”.

10. Udukubo ()

Udukubo dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuzanya mu nteruro. Banadukoresha iyo bashakira kwerekana uko amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo. Dukikiza kandi umubare wanditse mu mibarwa mu nteruro iyo uwo mubare wabanje kwandikwa mu nyuguti.

Ingero:

- Umuyobozi w'Akarere yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga (impeshyi yari yabaye ndende) kandi kwirirwa banywa bakabifasha hasi.
- Bisimariki (Bismarck)
- Koreya (Korea)
- Kamboje (Cambodge)
- Igihembo twumvikanyeho ni amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi magana atanu (500 000 Frw).

11. Akanyerezo (-)

Akanyerezo gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

Urugero:

- Wari waragiye he?
- Kwa Migabo.

Akanyerezo gakoreshwa kandi bakata ijamba ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

Urugero:

- Semarinyota yansabye ko **tuzajya-**
na i Rukoma, ariko sinzamwemerera.
- Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

Urugero:

Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye nnyayo - ntuzantegereze mbere ya saa sita.

12. Udusodeko ([])

Udusodeko dukikiza intekerezo cyangwa igibanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

Urugero:

Yaravuze ati: "Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro], keretse narwaye".
Dukoreshwa kandi berekana ibyo banenga mu magambo y'undi.

Urugero:

Yaranditse ati: "Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n'abatu [ikosa] benshi muri Afurika yo hagati".

Tunakoreshwa mu magambo y'undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutse.

Urugero:

Aravuga ati: "Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze".

13. Agakoni kaberamye (/)

Agakoni kaberamye gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomeru z'amategeko. Gashobora kandi gukoreshwamu mwanya w'ijambo cyangwa.

Ingero:

- Kigali, ku wa 15/10/2012.
- Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010.
- Koresha yego/ oya mu gusubiza ibibazo bikurikira.

Imyitozo

Uzurisha utwatuzo dukwiye aho tubura hagaragajwe.

- a) Umunyeshuri wiga uko bikwiye atsinda neza.....
- b) Wibuka ko ku wa Kane ku wa 22.....8.....2018 tuzagirira urugendo shuri muri Pariki y'Ibirunga.....
- c) Mbega ngo ndagatora.....
- d) Yambwiye atiDusangire impamba yange.....
- e) Igihembo cya NoberiNobert.....gihabwa abantu baharanira amahoro kurusha abandi buri mwaka.
- f) Aravuze ngo: ...Kera iyo twivugaga...Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica... ntiyandushaga...

Isomo rya kane: Ikeshamvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: - Gukoresha imvugo inoze ku nka, ku mata, ku isekuru no ku ngoma, mu mvugo no mu nyandiko
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I.Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo biganisha ku isomo rishya bagiye kwiga.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

-Iyo bavuze ikeshamvugo wumva iki?

Iyo bavuze ikeshamvugo numva gukoresha amagambo akwiye cyangwa imvugo iboneye mu gihe uvuga cyangwa wandika.

Vuga icyo wibuka ku magambo yabugenewe akora mu ikeshamvugo ku mata.

Ntibavuga ko **kumena amata** bavuga ko **kuyabogora** cyangwa **kuyabikira**.

Ntibavuga **amata yiriwe** bavuga **amirire**.

Uko isomo ryigishwa

Igikorwa

Saba abanyeshuri gusoma aya mabango y'umuvugo "Kirezi nambaye urambera" batahurame amagambo yabugenewe akoreshwa ku rusaku, ku ntaho, ku rubyaro

by'abantu cyangwa inyamaswa ndetse n'akoreshwa mu kuvuga amatsinda yabyo.

Kirezi nambaye urambera
 Bya bishanga na za nzuzi
 No mu kirere inyoni **uruhuri**
Zikuririmba amazina meza
 Abanyamahanga bikabahuruza.
 Abagutuye ubu baratuje
 Bakora byose nta muvundo
 Naho **uruhongore** rurahinda
 Na za mbyeyi **ziravumera**
 Kuko zishaka **imitavu** yazo.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurike ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

. Ikeshamvugo ku rusaku/imvugo

Inyamaswa/umuntu/iki ntu	Urusaku
Umuntu	Aravuga
Ingoma	Iravuga
Inyoni	Iraririmba/irajwigira
Imbeba	Irajwigira
inuma	Iraguguza
Intare	Iratontoma
Impongo	Irakorora
Inka	Irabira
Inka y'imbyeyi ishaka iyayo	Iravumera
Imfizi	Irivuga
Inkokokazi	Irateteza/irakokoza
Isake	Irabika
Ihene	Irahebeba
Intama	Iratamatama/irahebeba
Umusambi	Irahiga
Igikeri	Kiragonga
Uruvu	Ruravugiriza
Umubu/isazi/uruyuki	Biraduhira
Impyisi	Irahuma
Ingwe	Irahara

Ingurube	Iratontoma /irahuma
Injangwe	Irahirita
Indege	Irahinda
Umuyaga	Urahuha
Imvura	Irahinda
Imbwa	Iramoka
Umugezi	Urasuma
Icyanira	Kiranira
Inyombya	Irayomba

3. Ikeshamvugo ku ntaho

Umuntu/inyamaswa	Intaho
Umuntu	Inzu
Inka	Ikiraro
Imitavu	Uruhongore
Impyisi	Isenga
Inyoni	Icyari
Imbeba	Umuheno
Imbwa, inkoko/inkwavu	Ikibuti/ikiruka
Ingurube	Ikizu/ikiraro
Inyaga	Imyobo

4. Ikeshamvugo ku matsinda/ubwinshi

Umuntu/inyamaswa/ibintu	Itsinda/ubwinshi
Inka nyinshi (zigeze ku munani)	Ishyo
Intama/ihene nyinshi	Umukumbi
Inzuki	Irumbo
Inyoni	Uruhuri
Ingurube nyinshi (zirenze imwe)	Umugana
Imbwa nyinshi	Isibo
Imbwa nyinshi (ziri mu gakungu zisenzanya)	Igobe
Impundu nyinshi	Urwanaga
Amajwi menshi	Urwunge
Amashyi menshi	Urufaya
Abantu benshi	Ikivunge /imbaga
Imodoka nyinshi	Uruvunganzoka
Imibu myinshi	Uruhunduguru
Amase menshi	Icukiro
Intozi nyinshi	Ikiguri

Umwitoto

Kosora umwandiko ukurikira ukoresheje imvugo yabugenewe kandi ukore isanisha rya ngombwa.

Umwandiko ukosoye.

Mutara III RUDAHIGWA yavukiye mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo muri

Werurwe 1911. Akaba umuhungu w'umwami Yuhi IV MUSINGA **n'umugabekazi**

Nyiramavugo Kankazi Radegonde. **Umwamikazi** we yitwaga Rosaliya Gicanda. Ku ngoma ye yategetse ko abagaragu bagabana **amashyo** na ba shebuja. **Yarambagiraga** igihugu cyose aca imanza z'intabera.

Muri icyo gihe u Rwanda ntirwari rutuwe cyane, wasangaga **amasenga** y'impyisi ari ahantu henshi zirara **zihuma**, imbwa **zimoka** kandi **ibiraro** by'inka byari bike zararaga mu rugo uretse inyana ni zo zabaga mu **ruhongore** ngo bazirinde izuba. Rudahigwa yari akunzwe aho ageze abaturage bakundaga kumuha amashyi **y'urufaya**.

Uyu mwami **yatanze** tariki 25/7/1959. **Umugogo** we **bawutabariza** i Mwima ari na ho **umusezero** we ukiri kugeza ubu.

Umukoro ku ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 91)

Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyihangemo umwandiko ntekerezo ugizwe n'amagambo 200.

1. Inzuzi, imigezi n'ibiyaga ni ingirakamaro.
2. Akamaro k'ibidukikije mu iterambere ry'Igihugu.

Umwarimu arasaba buri munyeshuri ku giti ke guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Umwarimu aragenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro maze arebe ko umwandiko yakoze ukurikije ibi bikurikira:

- Imbata y'umwandiko.
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.
- Uburebure busabwa.
- Inozamvugo.
- Ingingo zigusha ku nsanganyamatsiko.

Iyo amaze gukosora imyandiko yabo, agaragaza muri rusange amwe mu makosa abenshi bahuriyeho, yarangiza agahitamo umwe mu myandiko myiza y'intangarugero, agasaba nyirawo kuwusomera bagenzi be. Iyo hari amakosa akiboneka muri uwo mwandiko, umwarimu afatanya n'abanyeshuri kuyakosora.

1.5. ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA KANE

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kane

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko
- Ubushobozi bwo kuvuga no kwandika akoresha amagambo yabugenewe

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa kane buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma:

I. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni iki gituma ba mukerarugendo baturuka imihanda yose baje gusura ingagi?

Ni uko izo ngagi nta handi wazisanga ku isi.

2. Vuga ahandi hantu nyaburanga hatatu uzi hatavuzwe mu mwandiko.

Ikirenga cultural center (ku Kirenga mu Karere ka Rulindo), ku Mukindo wa Makwaza (Gisagara), urutare rwa Kamegeri (Ruhango), Ingoro y'Ubugeni n'Ubuhanzi iri ku Rwesero I Nyanza, urutare rwa Ndaba...

3. Uretse ibyiza nyaburanga birimo imisozi n'ibibaya inzuzi n'imigezi, ibirunga, ibimera n'inyamaswa, vuga ibindi byiza umuntu yasura.

Umuntu yasura ibyiza bishingiye ku mateka n'umuco

4. Tanga ingero ebyiri z'ahantu dusanga ibyiza bishingiye ku mateka.

Mu Rukari mu Karere ka Nyanza, mu Bisi bya Huye mu Karere ka Huye

5. Garagaza uruhare rw'ubukerarugendo mu iterambere ry'Igihugu.

Amadovize ava mu bukerarugendo akoreshwa mu bikorwa binyuranye by'iterambere harimo no gutunganya no kubungabunga ahantu nyaburanga.

6. Vuga nibura ibikorwa bitatu abantu baturiyeye Pariki bagomba kwirinda mu rwego rwo kubungabunga ibyiza nyaburanga.

- Kwirinda gushimuta inyamaswa.
- Kwirinda guhiga muri Pariki.
- Kwirinda gutwika Pariki.
- Kwirinda kwangiza ibyiza nyaburanga.

II. Inyunguramagambo

Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko, nyuma ukoreshe buri jambo mu nteruro iboneye.

Amabengeza: ubwiza buhebuje butarambirana kureba.

Mu bushorishori: mu kirere hejuru cyane.

Imparirwakurusha: indashyikirwa.

Guhuga: kurangara.

Uruhando: urubuga.

Gucuma akarenge: gutera intambwe imbere.

Ikitonderwa: Umwarimu areba ko interuro zatanzwe zikozwe neza kandi zikurikije amategeko y'ikibonezamvugo.

III. Ikeshamvugo

1. Uzuza iyi mbonerahamwe ukoresheje amagambo yabugenewe

Ntibavuga	Bavuga
Itsinda ry'inyoni	Uruhuri
Itsinda ry'imbwa (ziri mu gakungu zisenzanya)	Igobe
Nyina w'umwami	Umugabekazi
Umwana w'umwami	Igikomangoma
Inzu y'umwami	Ingoro
Kujya ku ngoma (umwami)	Kwima (ingoma)
Aho umwami aramirizwa	Ijabiro
Kuvuga kw'inuma	Kuguguza
Kuvuga kw'intare	Gutontoma
Icyana k'imbwa	Ikibwana
Aho umwami aramirizwa	Ijabiro
Kuvuga kw'inuma	Kuguguza
Kuvuga kw'intare	Gutontoma

2. Kosora umwandiko ukurikira ukoresha imvugo yabugenewe kandi ukosore aho ari ngombwa.

Umwandiko ukosoye

Ishyamba rya Manyinya na Maganya

Mu ishyamba rya Manyinya na Maganya harimo inyamaswa nyinshi: **amashyo** y'imbogo, **imigana** y'ingurube, **amasibo** y'imbwa ndetse **n'uruhuri** rw'inyoni nyinshi ziba **ziririmba** mu mashami y'ibiti. Iruhande rwaryo hari abashumba bahubatse **ibiraro** by'inca zabo ndetse **n'uruhongore** rw'inyana zazo kuko bahaje bahakurikiye **urwuri** rutoshye. Umwami **yaciye iteka** ryo kudatema iryo shyamba kuko ibiti byaho bikurura imvura. Umwami kandi yakundaga **kuharambagira**, we **n'umugabekazi**, **abamikazi** ndetse **n'ibikomangoma**.

1.6. Imyitozo nyagurabushobozi na nzamurabushobozi

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Simbuza amagambo atsindagiye mu mwandiko ukurikira ukoresheje amagambo yabugenewe kandi ukosore aho biri ngombwa.

Iwacu mu rugo

Iwacu **dufite** inka **nyinshi**. Buri muntu agira inshingano ze zaburi muni, nkange isake **ikivuga** n'imisambi **ivuga**, ndazinduka nkajya kuvoma navayo **nkajyana** inka **aho zirisha**. **Inyana zimaze igihe gito zivutse** zo tuzisiga mu **nzu yazo**. Imbwa iba mu rugo na yo ihita iva mu **nzu** yayo ikankurikira yabona umuntu itazi ahise **ikavuga** cyane. Nkunda iyo nziragiye hafi y'umugezi numva uko **uvuga**, mu biti inyoni **zivuga**, mu kirere indege zinyuranamo **zivuga**. Nkareba **intaho** z'inyaga, **n'intaho** z'imbeba iyo mu mashyamba ngahita nishimira igihugu kiza ntuye. Inka **nzigarura mu rugo** mu ma saa sita. Mu gace k'iwacu ni ho **bashyinguraga imirambo** y'abami kuko hari **imva** zabo.

Umwandiko ukosoye**Iwacu mu rugo**

Iwacu **dutunze amashyo** y'inka. Buri muntu agira inshingano ze za buri muni, nkange isake **ikibika** n'imisambi **ihiga**, ndazinduka nkajya kuvoma navayo **nkahura** inka **mu rwuri**. **Imitavu** yo tuyisiga mu **ruhongore rwayo**. Imbwa iba mu rugo na yo ihita iva mu **kibuti** cyayo ikankurikira yabona umuntu itazi ahise **ikamoka** cyane. Nkunda iyo nziragiye hafi y'umugezi numva uko **usuma**, mu biti inyoni **ziririmba**, mu kirere indege zinyuranamo **zihinda**. Nkareba **imyobo** y'inyaga, **n'imiheno** y'imbeba iyo mu mashyamba ngahita nishimira igihugu kiza ntuye. Inka **nzicyura** mu ma saa sita. Mu gace k'iwacu ni ho **batabarizaga imigogo** y'abami kuko n'ubu hakiri **imisezero** yabo.

Umwitoto nyagurabushobozi

Hanga umuvugho mugufi w'imikarago makumyabiri ukoresheho ikeshamvugho rishingiye ku mwami, ku matsinda y'inyamaswa, ibintu n'abantu, ku rubyaro no ku rusaku.

Umwarimu areba ko umuvugho wa buri munyeshuri ukoze neza kandi ko ikeshamvugho yarikoresheje uko bikwiye.

UMUTWE WA GATANU : GUKUNDA IGIHUGU**V.1. UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE**

Gusesengura umwandiko uvugaho ku gukunda Igihugu, gusesengura amazina y'amatirano no kuyobora inama no gukora inyandiko mvugho.

V.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Amakuru ku gukunda Igihugu

Inshoza yo gukunda igihugu, iy'inama n'iy'inyandiko mvugho.

Amazina mbonera gakondo

V.3. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa :

Fatanya na mugenzi wawe gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Iyo bavuze igihugu wumva iki?

Iyo bavuze igihugu numva akarere gatuwe n’abantu benshi kandi gahuriye ku mutegetsi umwe amategeko ahereraho.

2. Umuntu ukora atizigama kandi agaharanira ko akarere atuye kagira amahoro n’itera agaragara ate nk’umunyagihugu?

Umuntu ukora atizigama kandi agaharanira ko akarere atuye kagira amahoro n’itera agaragara nk’umunyagihugu ukunda igihugu ke.

Umwarimu atega amatwi ibisubizo by’ abanyeshuri akabafasha kubinoza.

V.4. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n’igihe yagenewe

Umutwe wa gatanu : Gukunda Igihugu		Umubare w’amasomo: 18
Amasomo	Intego rusange	Umubare w’amasomo
Umwandiko: Twese biratureba.		
Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya kabiri: gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Umwitozo w’ubumenyi ngiro	Kuvugira mu ruhame ashize amanga atanga ibitekerezo bikwiye. Gusobanura akamaro k’umuganda n’ubudehe mu iterambere ry’Igihugu.	Amasomo 3
Uburyo bwo kuyobora inama		
Isomo rya kane: Uko bategura n’uko bayobora inama.	- Gutegura no kuyobora inama.	Amasomo 2
Inyandiko mvugo		
Isomo rya gatanu: Inyandiko mvugo	- Gusobanura inshoza y’inyandiko mvugo. - Gusobanura ibice by’inyandiko	1

	mvugo n'uko bayikora. - Gukora inyandiko mvugo.	
Amazina y'amatirano		
Isomo rya gatandatu: Amazina y'amatirano	Gutandukanya amazina y'amatirano n'amazina gakondo Gusobanura inkomoko y'amazina y'amatirano no kuyasesengura.	Amasomo 3
Isuzuma		
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	Gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Gusubiza ibibazo by'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Isomo 1

5. 4.1. Umwandiko: Ubufatanye bwaduteje imbere

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatumye n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Igitero k'i Butembo" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo :

a) Mwitgereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabonaho abantu benshi bicaye muni y'igiti n'umugore ubahagaze imbere. Turabona kandi n'amasuka arambitse hasi.

b) Murabona baba bakora iki?

Barimo gukora inama.

c) Amasuka aragaragaza ko bari bamaze gukora iki?

Amasuka aragaragaza ko bari bavuye mu muganda/ guhinga mu budehe.

Umwarimu arafasha abanyeshuri kunoza ibisubizo, mbere y'uko abashishikariza gusoma umwandiko.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'uyu mwandiko?

Umutwe w'uyu mwandiko w'uyu mwandiko ni "Ubufatanye bwaduteje imbere".

Ni iki wumvise mu mwandiko umaze gusoma?

Numvisemo ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwiza yasuye abaturage b'utugari tugize Umurenge wa Bwiza kugira ngo arebe aho bageze bashyira mu bikorwa gahunda za Leta zirimo umuganda n'ubudehe..

Gusoma mu ijwi riranguruye.

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibyo ryateguye, amatsinda asigaye agende yuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bese babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

1. Gusobanura amagambo

1. Huza ijamba riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B

Uruhushya A	Uruhushya B
Gutamanzura	Kugaragaza ubuhinge cyangwa igikorwa kinini cyakozwe
Gusamaza	Gushimisha
Kurogoya	Guca mu ijamba
Kuzuyaza	Gukora ikintu ujijinganya
Kuniganwa ijamba	Kwimwa umwanya wo kuvuga
Inkomyi	Inzitizi

Kwirozonga	Gukora ibintu utabishaka
Kujandajanda	Gukorana ubunembwe
Uruyange	Ururabo rw'amashaza cyangwa rw'ibishyimbo

2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bihuje inyito ukuye mu mwandiko.

a) Aho nanyuze hose nasanze ibishyimbo ari **ururabo**. Aho nanyuze hose nasanze ibishyimbo ari **uruyange**.

b) Ingano zo muri Rebero **ziratoshye** kubera ifumbire. Ingano zo muri Rebero ni **imishishe** kubera ifumbire.

c) bishimiye ko abaturage **bakomeje gutera imbere** mu kwihaza mu biribwa. Abayobozi bishimiye ko abaturage **bakataje** mu kwihaza mu biribwa.

d) Ibikorwa by'ubudehe n'umuganda bimaze kugerwaho **birashimishije cyane**. Ibikorwa by'ubudehe n'umuganda bimaze kugerwaho **birashamaje**.

2. Kumva umwandiko

1. Tanga ingero zerekana ko Abanyarwanda bamaze gutera imbere mu myumvire.

Bitabira gahunda za Leta zirimo umuganda n'ubudehe
 Bitabira ibikorwa by'ubuhinzi: bahinga ibishyimbo, ibirayi, imboga n'imbutu
 Bitabira ibikorwa by'ubworozi: borora inka za kijyambere n'andi matungo

2. Ereka akamaro k'umuganda n'ubudehe kavugwa mu mwandiko.

Umuganda utuma :

Bahanga imihanda abaturage bakava mu bwigunge.

Bacukura imiyoboro inyuzwamo ibitembo bijyana amazi meza akagera ku baturage.

Bacukura imiringoti yo kurwanya isuri.

Batera amashyamba bakanayabungabunga.

Bateza imbere uburezi bubaka ibyumba by'amashuri y'uburezi bw'ibanze abana bakabona aho bigira.

Ubudehe butuma bafasha abaturage kwivana mu bukene.

3. Sobanura uburyo ibikorwa by'umuganda n'ubudehe bishobora kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije.

Bifasha mu gufata ubutaka neza, mu gutera amashyamba no kuyasigasira, kubaka ibiraro...

4. Hari ibikorwa by'umuganda waba uzi bitavuzwe mu mwandiko? Ingero z'ibisubizo

Gutunda amabuye yo kubaka iteme

Gusibura imiferege y'amazi

Gusiba imyobo irekamo amazi mu rugo

Gutema ibihuru biri hafi y'urugo n'ibindi

5. Erekena indangagaciro enye zigaragara mu mwandiko.

Gukunda umurimo

Ubufatanye

Ubwubahane

Gukoresha neza igihe

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. - Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byatangwa

Umwandiko duheruka kwiga ni uwuhe?

Umwandiko duheruka kwiga ni **“Ubufatanye bwaduteje imbere”**.

Ni uvugwa ko yagiye gusura abaturage b'imidugudu y'umurenge wa Bwiza?

Uwagiye gusura abaturage b'imidugudu y'umurenge wa Bwiza ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'uwo murenge.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurike ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n'iryo tsinda hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:

1. Vuga insanganyamatsiko rusange uyu mwandiko

wubakiyeho. Uyu mwandiko uravuga ku muganda

n'ubudehe.

2. Tanga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko wasomye.

Ingingo z'ingenzi	Ingingo z'ingereka
Ibikorwa by'abaturage mu kwiteza imbere. Gusura ibikorwa by'umuganda. Umuco w'ubudehe mu Rwanda rwo hambere. Uruhare rw'umuturage muri gahunda y'ubudehe.	Kwishyira hamwe mu makoperative y'ubworozi bw'inka n'andi matungo. Gukorera mu makoperative y'ubuhinzi bw'imboga n'imbuto. Kuyobora inama. Imiyoborere myiza (kwegera abaturage no kuganira na bo).

3. Gereranya ibikorwa by'ubudehe mu Rwanda rwo hambere n'ubu.

Mu Rwanda rwo hambere ubudehe bwari bugamije kuzamura abaturage byagaragaraga ko bafite intege nke kugira ngo batarara ihinga bakazasabiriza abandi bejeje. No muri iki gihe, ubudehe bufasha abaturage kwivana mu bukene bityo bakazamukira rimwe ntawusigaye inyuma.

4. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko ku bijyanye na gahunda y'umugandan'ubudehe?

Umuganda n'ubudehe byahozeho kera. Izo gahunda zombi zigamije kuzamura abaturage mu nzego zose z'imibereho n'Igihugu muri rusange hagamijwe iterambere.

Ni ngombwa gukora umuganda dushyizeho umwete kandi tugakoresha neza inkunga y'ubudehe.

Isomo rya gatatu: Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye
Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kuvugira mu ruhame ashize amanga atanga ibitekerezo bikwiye. Gusobanura akamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi nyandiko zivuga ku muganda n'ubudehe.

1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitoto wo kungurana ibitekerezo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Isomo duheruka kwiga ni irihe?

Isomo duheruka kwiga ni iryo gusesengura umwandiko.

Inkuru ivugwamo ishingiyeye kuki?

Inkuru ivugwamo ishingiyeye ku muganda no ku budehe.

2. Uko amasomo atangwa

Ha abanyeshuri insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo ubasabe kugira icyo bayivugaho.

Igikorwa:

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku kamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.

Urugero rw'ibitekerezo byatangwa

Umuganda n'ubudehe byubaka imihanda n'ibiraro abaturage bagahahirana ku buryo bworoshye.

Kurwanya isuri bituma imyaka y'abaturage idatwarwa n'isuri maze bagahinga, bakeza bakiteza imbere. Umuganda n'ubudehe byubaka kandi ibyumba by'amashuri bituma abana bigira ahantu hatunganye.

Umukoro

Hanga umuvugo urata umuganda cyangwa ubudehe

Umwarimu azaganzura ko abanyeshuri bubahirije insanganyamatsiko n'uturango tw'umuvugo.

Isomo rya kane: Uko bategura inama n'uko bayiyobora

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yasomye, muri iki gice umunyeshuri araba ashobora:

-Gutahura inshoza y'inama, uburyo itegurwa n'uko iyoborwa.

Gutegura no kuyobora inama.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo.

Intangiriro**Umwandiko duheruka gusoma ni uwuhe?**

Umwandiko duheruka gusoma ni "Ubufatanye bwaduteje imbere."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Bwiza yazengurutse imirenge ayisura ateganya kuzakora iki nyuma yaho?

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Bwiza yazengurutse imirenge ayisura ateganya kuzakora inama nyuma yaho.

2. Uko amasomo atangwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma agace k'umwandiko bize kavugwamo inama maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura inshoza y'inama, uburyo inama itegurwa n'uko iyoborwa.

Igikorwa:

Ongera usome witonze iki gika cy'umwandiko "Ubufatanye bwaduteje imbere", utekereze ku gikorwa cy'Umunyamabanga Nshingwabikorwa kivugwamo maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'inama, uburyo inama itegurwa n'uko iyoborwa.

Bari bateguye ko inama igomba kubera mu cyumba k'inama cy'Akagari ka Rebero. Amaze kureba ko umubare wa ngombwa uhari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa yifuriye ikaze abitabiriye inama maze atangiza inama abagezaho ingingo bari buganireho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Rebero yayibereye umwanditsi kugira ngo azakore inyandiko mvugo. Ingingo zose zari ku murongo w'ibygwa zaganiriweho kandi bagenda bafata umwanzuro bumvikanyeho. Buri wese wasabaga ijambo yararihabwaga agatanga igitekerezo ke. Ndetse n'uwashakaga gutana baramukeburaga bakamugarura mu murongo mu bwubahane. Ntawafataga ijambo atarihawe cyangwa ngo hagire urogoya undi cyangwa se yiharire umwanya w'ijambo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda**1. Inshoza y'inama**

Inama ni ikoraniro ry'abantu bateraniye hamwe bafite ingingo bigaho kandi bagomba gufataho ibyemezo. Hashobora kuba inama isanzwe yategurwa byimbitse kandi ikanatumizwa mu gihe runaka giteganywa n'amategeko cyangwa se inama idasanzwe iba itateguwe bihambaye ikanatumizwa mu gihe kigufi. Haba inama isanzwe n'inama idasanzwe. Inama isanzwe igira ingingo nyinshi ku murongo w'ibygwa kandi ziba zigomba

kwigwa zose. Ishobora kongerwamo izindi ngingo abaje mu nama babona ko zihutirwa. Itumizwa iminsi myinshi mbere y'uko iba. Inama idasanze itumizwa mu gihe gito. Yiga ikibazo kihutirwa kandi gitunguranye gusa nta yindi ngingo ishobora kongerwamo. Iyo nama iba ngufi kandi igira umuyobozi n'umwanditsi.

2. Uburyo bwo gutegura inama

a) Gutumiza inama

Gutumiza inama no kohereza gahunda bikorwa mbere y'igihe. Ni byiza ko hagati yo gutumirwa mu nama n'inama ubwayo, habonekamo igihe ngo abantu babashe kuyitegura. Bashobora kwibutsa ingingo yibagiranye babona ko ari ngombwa ko zigirwamo. Inama ishobora gutumizwa mu nyandiko hakoreshejwe ibaruwa y'ubutumire. Hagaragaramo uwayitumije, abatumiwe ndetse n'ibiri ku murongo w'ibygwa. Inama kandi ishobora gutumizwa mu itangazo rinyuze kuri radiyo, tereviziyo cyangwa se kuri murandasi.

b) Gutegura ibikoresho n'aho inama izabera

Umuyobozi w'inama ategura ibikoresho n'aho inama izabera. Iby'ingenzi ni ibi :

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe n'ameza, isuku).
- Gutegura icyumba k'inama ukurikije aho abazaza mu nama bazicara n'uko bazicara mu nama: nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga, aho abayobozi bicara.
- Guteganya ibikoresho byifashishwa: ikibaho, amakaye, amakaramu, n'ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira, indangururamajwi, kwitabaza ikoranabuhanga n'ibindi.

c) Gutegura inama nyirizina

Nyuma yo gutekereza no gutegura ibikoresho bikenewe, umuyobozi w'inama ategura inama nyirizina. Umuyobozi w'inama ategura ibizigirwa mu nama agahera ku ngingo z'ingenzi akazitondekanya ahereye ku zifite agaciro kurusha izindi, kuko iyo igihe kibaye gito, iby'ingenzi biba byarangiye.

3. Uburyo bwo kuyobora inama

Uwatumije inama ni we muyobozi wayo kandi ni we uyitangiza akanayiyobora cyangwa bigakorwa n'umuhagarariye. Inama kandi igira umwanditsi ugomba kwandika inyandiko mvugo. Inama igira ibice by'ingenzi bigenda bikurikirana, kandi uyiyo boye akaba agomba gukurikirana neza ngo hatagira igisimbukwa, cyanecyane ko ari we ugomba kurangiza kimwe agatangiza ikindi.

Ibice by'inama bikurikirana ku buryo bukurikira:

a) Intangiriro

Intangiriro igizwe n'ibice bukurikira:

- Gusuhuza no gutanga ikaze.
- Kuvuga igihe inama iza kumara (si ngombwa cyane).
- Kurebera hamwe ko umubare w'abitabiriye uhagije ukaba wafata ibyemezo bikemerwa.
- Kuvuga impamvu z'abataje.

– Kuganira ku murongo w’ibygwa no kubyemeranywaho.

b) Igihimba

Igihimba kigizwe no gutangiza inama nyirizina. Mu gutangira inama, hagakurikizwa gahunda iteye itya:

- Gusuzuma inyandiko mvugo iheruka, kuyikorera ubugororangingo no kuyemeza.
- Kureba niba ibyemeranyijweho byarashyizwe mu bikorwa.
- Kwigira ingingo ku yindi nk’uko byateganijwe kandi umuyobozi w’inama akita kuri ibi bikurikira:
 - Gutanga ijamba ku barisabye.
 - Kugarura abashaka gutana no gutandukira.
 - Kubahiriza igihe k’ijamba.
 - Kwirinda kuba umunyagitugu.
 - Kumva ibitekerezo, kurangwa n’ikinyabupfura n’ubworoherane kuri buri wese.

c. Umusozo

Umusozo ugizwe n’izi ngingo ebyiri z’ingenzi:

- Gutanga inshamake y’ibyizwe.
- Gushimira abaje mu nama, gutanga amatangazo niba ahari no kubasezerera.

Umwitozo ku buryo bwo kuyobora inama

1. Inama iba igamije iki?

Inama iba igamije kwiga ingingo runaka no kuyifataho umwanzuro.

2. Inama itumizwa ite?

Inama ishobora gutumizwa mu buryo bw’inyandiko, uburyo bw’amatangazo kuri radiyo, tereviziyo cyangwa uburyo bw’ikoranabuhanga hakoreshejwe murandasi.

3. Kuki ari ngombwa kubanza kureba umubare w’abaje mu nama?

Kumenya umubare w’abaje mu nama bifasha kureba niba abitabiriye bashobora guterana bagafata ibyemezo bikemerwa.

Umukoro:

Kurikirana inama y’Umuyobozi w’ishuri n’abanyeshuri maze ugaragaze uburyo yayobowe.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukurikirana inama y’umuyobozi w’ishuri azagirana n’abanyeshuri bakazajora uburyo yayobowe kandi akabafasha kubinonosora.

Isomo rya gatanu: Inyandiko mvugo

Intego zihariye

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:
 - Gusobanura inshoza y'inyandiko mvugo.
 - Gusobanura ibice by'inyandiko mvugo n'uko bayikora.
 - Gukora inyandiko mvugo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.

1. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga kugira ngo bibafashe kwinjira mu isomo rirya.

Ikibazo n'urugero rw'igisubizo:

Ni irihe somo muheruka kwiga?

Duheruka kwiga isomo ry'inama n'uko ikorwa.

Kugira ibyavugiwe mu nama n'imyanzuro yafashwe itaza kwibagirana hakorwa iki?

Kugira ibyavugiwe mu nama n'imyanzuro yafashwe itaza kwibagirana hakorwa inyandiko mvugo.

2. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora iki gikorwa:

Igikorwa:

Kora ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'inyandiko mvugo maze utahure inshoza, ibice byayo n'uko ikorwa.

Amatsinda amwe akore ku nshoza y'inyandiko mvugo andi agaragaze ibice byayo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Kuri buri ngingo hamurike itsinda rimwe. Fatanya n'abagize andi matsinda kugorora no kuzuzwa bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Ibisubizo byanogejwe:

a) Inshoza y'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare mu nama. Iyo urebye abo inyandiko mvugo igenewe, usanga hari uburyo bubiri ikorwamo:

Inyandiko mvugo ishobora kuba igenewe umuntu wari uhari igihe ibikorwaho inyandiko mvugo byabaga kugira ngo atibagirwa ibyabaye abone uko abyigaho neza cyangwa ashyire mu bikorwa ibyumvikanweho. Inyandikomvugo kandi igenewe umuntu utari uhari kugira ngo amenye ibyavugiwe cyangwa ibyakorewe aho atari ari.

b) Ibice bigize inyandiko mvugo n'uko ikorwa

Inyandiko mvugo y'inama igaragaza ibice bine by'ingebikurikira:

- Umutwe

Ugaragaramo iyo nama iyo ari yo n'igihe yabereye mu magambo make.

Intangiriro

Intangiriro iba ikubiyemo abari mu nama n'ibyari ku murongo w'ibygwa.

- Abari mu nama

Inyandiko mvugo igaragaramo urutonde rw'abitabiriye inama bose, iyo atari benshi cyane. Ariko iyo abitabiriye inama ari benshi cyane, bashyirwa ku mugereka w'inyandiko mvugo y'iyi nama. Hashobora no gushyirwamo kandi abatarayitabiriye bafite impamvu cyangwa batayifite. Mu ntangiriro hanajyamo aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye.

- Ibyari ku murongo w'ibygwa

Ukora inyandiko mvugo arondora ibyo inama yagombaga kwigaho byose nk'uko biba byavuzwe n'umuyobozi w'inama. Hagaragaramo kandi n'ibindi byifujwe n'abari mu nama ko byajya mu tuntu n'utundi.

Igihimba

Mu gihimba, handikwamo **uko inama yagenze**. Ukora inyandiko mvugo yandika muri make icyo bumvikanye kuri buri ngingo yari iteganyijwe ku murongo w'ibygwa. Ntiyandika ibyo buri muntu yavuze, ahubwo yandika gusa umwanzuro wafashwe kuri buri ngingo kandi bikandikwa ku buryo bwumvikana neza adashyiramo ibitekerezo bye.

Umusozo

Muri iki gice hashyirwamo igihe inama yarangiriye, igihe bazongera guhura niba ari ngombwa, icyaba cyakurikiyeho (Urugero: Nyuma y'ikiganiro hakurikiyeho gufata amafoto y'urwibutso, kwakira abatumurwa...) ndetse n'ingingo yo gushimira abaje mu nama.

c) Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke.

Yobora abanyeshuri bakore ikosora rusange ry'imyitozo.

Ibibazo n'ibisubizo by'imyitozo

a) Vuga ibice by'ingenzi bikubiye mu nyandiko mvugo y'inama.

Harimo umutwe wayo, abitabiriye inama, ibyari ku murongo w'ibygwa n'uko inama yagenze.

b) Ku bwawe wumva inyandiko mvugo y'inama ifite akahe kamaro?

Ifite akamaro ko kubika ibyemeranijweho kugira ngo hazagenzurwe niba byarashyizwe mu bikorwa uko byemejwe. Ifite akamaro kandi ko kumenyesha abandi batari bahari ibyemeranijweho mu nama.

Umukoro

Jya mu nama yahuje abanyeshuri n’umuyobozi w’ishuri wigaho hanyuma uyikorere inyandiko mvugo wubahiriza amabwiriza ayigenga.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora inyandiko mvugo y’inama y’umuyobozi w’ishuri yagiranye n’abanyeshuri. Abaha igihe cyo kuzikora barangiza bakazimuha akazikosora. Iyo arangije kuzikosora, agenda agaragaza ibitanzo kuri buri nyandiko mvugo. Nyuma asobanurira abanyeshuri amwe mu makosa yagaragaye cyane, agafatanyana na bo kuyakosora. Ahitamo imwe mu nyandiko mvugo ikoze neza, nyirayo akayisomera bagenzi be mu ishuri bagenda bagereranya n’izo bakoze. Iyo hari amakosa akiboneka muri iyo nyandiko mvugo, umwarimu afatanyana n’abanyeshuri kuyakosora.

Isomo rya kane: Amazina y’amatirano

Intego zihariye

Ahereye ku mwandiko yahawe, nyuma y’iki gice umunyeshuri araba ashobora:

-Gutahura no gusobanura inkomoko y’amazina y’amatirano.

- Gukurikiza amategeko mu mikoreshereze y’amazina y’amatirano.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu n’igitabo k’ikibonezamvugo.

1. Intangiriro

2. Uko amasomo atangwa

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma igika kirimo amazina y’amatirano cyavuye mu mwandiko “Ubufatanye bwaduteje imbere” bitegereza amagambo yanditse atsindagiye maze akabasaba gukora ubushakashatsi batahura indimi akomokamo, amategeko agenga itira ry’amagambo hanyuma akanabasaba kugaragaza intego zayo.

Igikorwa:

Soma iki gika cyavuye mu mwandiko “Ubufatanye bwaduteje imbere” witegereza amagambo yanditse atsindagiye maze ukore ubushakashatsi utahure indimi akomokamo, amategeko agenga itira ry’amagambo hanyuma unagaragaze intego zayo.

Ageze mu Kagari ka Rebero, yasanze abaturage bakataje mu bikorwa byo kwiteza imbere. Ibyo bamaze kugeraho birashamaje. Hamwe yakiriwe n’uruyange rw’ibishyimbo bya mushingiriro, ahandi ibirayi by’imishishe bihinze mu mirima migari kubera guhuza ubutaka. Ahandi yahasanze ibikorwa by’amakoperative y’ubworozi bw’inka za kijyambere n’andi matungo ndetse n’ubuhinzi bw’imboga n’imbuto zinyuranye nk’amashu, karoti, inanasi, amapapayi n’ibindi

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinonosora abikorera ubugororangingo.

Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe

1. Inshoza y'amazina y'amatirano

Amazina y'amatirano ni amazina ururimi rwatiye mu ndimi z'amahanga.

Ingero: amashu, ibirometero, amakoperative, karoti.

- Izina **"amashu"** ryatiye ku Gifaransa ku ijambo **"choux"**.
- Izina **"amakoperative"** ryatiye ku Gifaransa ku ijambo **"cooperative"**.
- Izina **"inanasi"** ryatiye ku Gifaransa ku ijambo **"ananas"**.
- Izina **"karoti"** ryatiye ku Gifaransa ku ijambo **"carotte"**.

2. Amategeko agenga itira ry'amagambo

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ni ukuvuga ko utira ijambo utari ufite ubusanzwe mu rurimi rwawe. Iyo atari ibyo uba ukoze ikosa ryo kuvanga indimi mu gihe bitari ngombwa, bitewe n'impamvu zinyuranye: ubwirasi, kugaragaza ko wize, kwereka undi ko ururimi azi na we uruzi ...

Ijambo ritiwe rigenekerezwa ku miterere y'Ikinyarwanda, rigafata amasaku nk'ay'Ikinyarwanda, ryaba ari izina rikagenerwa inteko, ryaba ari inshinga ikagenerwa umuzi.

Hari amategeko abiri agenga itira mu rurimi rw' Ikinyarwanda:

Amategeko ajyanye n'inshinga n'amategeko ajyanye n'izina.

a) Amategeko ajyanye n'inshinga

Mu gutira inshinga, inshinga zose zatiwe zigomba gukurikiza imiterere y'inshinga z'Ikinyarwanda. Ni ukuvuga ko izo nshinga zigomba gufata **indangashinga ku** kandi zikanagira **umusozo -a** nk'uko inshinga zisanzwe mu Kinyarwanda zibigira.

Ingero:

- Kusoma: gusoma
- Téléphoner: guterefona
- S'arranger: kwiyananira

b) Amategeko ajyanye n'izina

Iyo amazina y'amatirano yinjiye mu Kinyarwanda, afata intego y'amazina gakondo y'Ikinyarwanda, ni ukuvuga akenshi afata indomo (D), indanganteko (RT), (C). Bityo agafata n'inteko.

Urugero:

Izina	Inteko	D	RT	C
Ishati	nt. 9	i-	∅-	-shati
Umushoferi	nt.1	u-	mu-	-shoferi
Ishuri	nt.5	i-	∅-	-shuri
Ipantaro	nt.9	i-	∅-	-pantaro
Isaha	nt.9	i-	∅-	-saha
Umuswari	nt.3	u-	mu-	-swari
Ikiringiti	nt.7	i-	ki-	-ringiti

akabati	nt12	a-	ka-	-bati
---------	------	----	-----	-------

Ikitonderwa

Hari andi mazina y'amatirano yinjira mu Kinyarwanda, ntashobore kugira indomo n'indaganteko ahubwo akagira igicumbi gusa (ø- ø-C). Bene ayo mazina akunze kuba ari mu nteko ya 9 agafata ubwinshi mu nteko ya cumi cyangwa mu nteko ya gatandatu.

Ingero

Téléphone → terefoni (imwe)/ za terefoni (nyinshi): ø- ø-terefoni

Television → tereviziyo (imwe) / za tereviziyo (nyinshi): ø- ø-tereviziyo

Radio → radiyo (imwe)/ za radiyo (nyinshi): ø- ø- radiyo...

Bene aya magambo yemera kandi gufata ubwinshi mu nteko ya gatandatu. Iyo yafashe ubwinshi mu nteko ya gatandatu agira indomo n'indaganteko.

Terefoni/amaterefoni: ø- ø-terefoni/ a-ma- terefoni

Tereviziyo/amatereviziyo: ø- ø-tereviziyo/ a-ma-tereviziyo

Radiyo / amaradiyo: ø- ø- radiyo/ a-ma-radiyo...

Amwe mu magambo Ikinyarwanda cyatiye n'indimi cyayatiyemo

Ururimi	Ijambo muri urwo rurimi	Ijambo ry'Ikinyarwanda
Icyongereza	Driver	umuderevu
	shirt	ishati
	Dollar	amadorari
	Cupboard	akabati
	Socks	amasogisi
Igifaransa	Pneu	ipine
	Voiture	ivatiri
	Camion	ikamyo
	Chômeur	umushomeri
	Papaye	ipapayi
	Chauffeur	Umushoferi
	Ananas	Inanasi
	Traiter	Gutereta
	Cahier	Ikayi
	Choux	Ishu
	photo	Ifoto
Igiswayire	Kijiko	Ikiyiko
	Kitabu	Igitabo
	Kazi	Akazi
	Sahani	Isahani
	Ukuta	Urukuta
	Ndoo	Indobo
	Ndege	Inde

Imyitozo n'ibisubizo ku mazina y'amatirano

Soma umwandiko “Ubuzima bw’ishuri” ukuremo amazina y’amatirano unayasesengure.

Umwitozo

Soma umwandiko “Ubuzima bw’ishuri” ukuremo amazina y’amatirano unayasesengure.

Ubuzima bw’ishuri

Iwacu turi abana babiri. Ni nge na musaza wange nkurikira. Ni we tujyana ku ishuri. Mba nambaye ijipo ya kaki n’ishati y’umweru, inkweto z’umukara n’amasogisi y’umweru, umukufi mu ijosi hamwe n’isaha ku kuboko ndeberaho igihe. Musaza wange we aba yambaye ipantaro ya kaki n’ishati yera, inkweto z’umukara n’amasogisi ayo ari yo yose ashaka dore ko aye aba atagaragara ahishwe n’ipantaro. Mba mpetse ku mugongo igikapu kirimo ibikoresho by’ishuri birimo amakayi, amakaramu, ibitabo, impapuro tubarizwaho, umuswari n’ibindi.

Mu nzira tunyuramo, tugenda tubisikana n’ibinyabiziga byinshi birimo imodoka, amapikipiki n’amagare. Tuba kandi tunyuranamo n’abantu b’uruvunganzoka. Tugenda dusaba rifuti twagira amahirwe tugahura n’umushoferi mwiza akadutwara. Mu gihe mba numva nakwihuta nkagera ku ishuri kare, musaza wange we aba yumva yagenda yirira iraha gusa. Dore ko aba yafashe terefoni mu ntoki, yacometse uturangururamajwi twayo mu matwi.

Iyo tugeze ku ishuri rero, isaha iragera tukinjira tugatega umwarimu amatwi akatwigisha. Twiga amasomo menshi arimo ay’indimi, amasiyansi n’ay’ubumenyamuntu. Mu iyobokamana dufite umupadiri utwigisha dukunda cyane. Aduterera ibiparu byinshi bisekeje tukanyurwa n’isomo.

Ibisubizo

Izina	D	RT	C
Ishati	i-	∅-	-shati
igikapu	i-	ki-	-kapu
Ishuri	i-	∅-	-shuri
Ipantaro	i-	∅-	-pantaro
Isaha	i-	∅-	-saha
amakayi	a-	ma-	-kayi
Amakaramu	a-	ma-	-karamu
Imodoka	i-	∅-	-doka
amasiyansi	a-	ma-	siyansi
ibitabo	i-	bi-	-tabo

Umushoferi	u-	mu-	shoferi
umuswari	u-	mu-	swari
terefoni	∅-	∅-	terefoni
amasomo	a-	ma-	somo
impapuro	i-	n-	papuro

5.5. ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANU

Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatanu
<ul style="list-style-type: none"> -Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko. -Ubushobozi bwo gusesengura amazina y'amatirano. -Ubushobozi bwo gutegura no kuyobora inama. - Ubushobozi bwo gukora inyandiko mvugo.

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa gatanu buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

1. Inama yakozwe mu Mudugudu wa Tuzamurane yakozwe nyuma y'ikihe gikorwa Inama yakozwe nyuma y'igikorwa cy'umuganda rusange.

2. Gahunda y'inama y'uwo munsu yari iyihe?

Inama y'uwo munsu yari igamije gushakira hamwe icyo bakoresha inkunga y'ubudehe bahawe.

3. Ni ibihe bitekerezo bitandukanye byatanzwe mu nama ku gikorwa gikenewe mu

Mudugudu?

Gufasha abatishoboye, gusubiza abana mu ishuri, gushyiraho amatara yo ku muhanda, kuzana amazi...

4. Ni ikihe gikorwa kemejwe mu nama?

Kuzana amazi mu Mudugudu.

5. Ni akahe kamaro k'inama zikorwa nyuma y'umuganda?

Zifasha abaturarwanda kumenyera amakuru rimwe kuri gahunda runaka ya leta.

Zifasha abaturage gukemura ibibazo baba bafite mu Mudugudu.

6. Vuga akamaro k'umuganda ku baturage no ku gihugu?

Akamaro k'umuganda ku baturage utuma bikorera ibikorwa bibafitiye akamaro kandi

vuba. Ibyo ni nko gukora imihanda, amateme, kurwanya isuri, kubaka

amashuri...

7. Umuganda ufite akamaro kanini mu kubungabunga ibidukikije. Sobanura

wifashishije ingero.

Umuganda ufite akamaro kanini mu kubungabunga ibidukikije urugero nk'iyi urwanyije isuri uba ubungabunze ibidukikije kuko inkangu zangiza byinshi harimo ubuzima bw'abantu buhatikirira, amazu, imirima n'imyaka y'abaturage n'ibindi.

II. Inyunguramagambo

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ukurikije inyito afite mu mwandiko

a) Ubudehe

Umuturanyi wange inzu ye yaraguye none **ubudehe** bwaramugobotse arayisana.

b) Umuganda

Umuturage wese afite inshingano yo gukora **umuganda**.

c) Kuremera abatishoboye

Leta y'u Rwanda **iremera** abaturage iha **abatishoboye** inka.

d) Inkomati

Irinde kujya mu **nkomati** kuko ushobora kuhakomerekerera.

e) Inkunga

Si byiza kwizera **inkunga** y'abandi kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

f) Ubwitabire

Ubwitabire bw'abanyeshuri bwariyongereye muri iki gihe.

III. Ibibazo ku mazina y'amatirano

Garagaza uturemajambo tw'amazina y'amagambo y'amatirano akurikira.

a) Indobo: i-n-dobo b) Indege: i-n-debe c) Ishu: i-ø-shu d) Imashini: i-ø-mashini

e) Akabati: a-ka-bati f) Guterefona: ku-terefon-a g) Imodoka: i-ø-modoka

h) Ikaramu: i-ø-karamu i) Isima: i-ø-sima j) Idorari: i-ø-dorari

k) Isakaramentu: i-ø-sakaramentu l) Guceza: ku-cez-a

IV. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. Umuyobozi w'ishuri arateganya gukoresha inama y'abarimu. Erekana iby'ingenzi yakwitaho kugira ngo iyo nama igende neza.

Kugira ngo inama izagende neza umuyobozi w'ishuri yakurikiza intambwe zikurikira.

Gutegura inama
 Gutumiza inama
 Gutegura ibikoresho n'aho inama izabera
 Kuyobora inama

2. Vuga nibura ibintu bitatu umuntu yakubahiriza mu kuyobora inama

Mu kuyobora inama, umuntu yakwita kuri ibi bikurikira.

Gutanga ijamba ku barisabye.
 Kugarura abashaka gutana no gutandukira.
 Kwirinda kuba umunyagitugu.

5.6. Imyitozo nyagurabushobozi na nyagurabushobozi

Umwitozo nzamurabushobozi

1. Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo akurikira.

- | | | | | | |
|----------------|--------------|------------|----------------|--------------|------------|
| a) Isaha: | i-ø-saha | Nta tegeko | b) Isafuriya: | i-ø-safuriya | Nta tegeko |
| c) Umushoferi: | u-mu-shoferi | Nta tegeko | d) Abashomeri: | a-ba-shomeri | Nta tegeko |
| e) Amatara: | a-ma-tara | Nta tegeko | | | |

2. Garagaza iby'ingenzi bigomba gukurikizwa mu gutegura inama.

Iby'ingenzi umuyobozi w'inama ategura ni ibi bikurikira:

Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.

Gutegura icyumba k'inama (intebe n'ameza, isuku).

Gutegura icyumba k'inama ukurikije aho abazaza mu nama bazicara n'uko bazicara mu nama: nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga, aho abayobozi bicara.

Guteganya ibikoresho byifashishwa: ikibaho, amakaye, amakaramu, n'ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira, indangururamajwi, kwitabaza ikoranabuhanga n'ibindi.

3. Garagaza kandi unasobanure ibintu by'ingenzi ukora inyandiko mvugo agomba kwitaho.

Umwarimu areba niba umunyeshuri akurikiranya neza ibyitabwaho mu gukora inyandiko mvugo nk'uko yabisobanuriwe.

Imyitozo nyagurabushobozi

1. Hanga akandiko kagufi k'imirongo 20 ushyiremo amazina y'amatirano atandukanye, ugaragaze indimi yakomotsemo kandi nurangiza ugaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi byayo.

Umwarimu areba niba umwandiko wakozwe urimo amazina y'amatirano kandi ko yayashakiye inkomoko n'itego neza.

2. Uri umunyeshuri uhagarariye abandi mu kigo, tegura inama kandi uyiyoze ku nsanganyamatsiko y'imyitwarire n'imibereho y'abanyeshuri mu kigo wigaho.

Umwarimu areba niba umunyeshuri akurikiza ibice byose byizwe byo gutumiza, gutegura no kuyobora inama.

3. Tandukanya inama isanzwe n'inama idasanzwe.

Umwarimu areba niba umunyeshuri azi gutandukanya inama isanzwe n'inama idasanzwe mu buryo bwo kuzitegura, kuzitumiza no kuziyobora.

3. Wubahiriza amabwiriza agenga imyandikire y'inyandiko mvugo twabonye andika inyandiko mvugo y'inama y'abanyeshuri n'umuyobozi w'ishuri wigaho.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yandika yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'inyandiko mvugo.

4. Hanga akandiko kagufi k'imirongo 10 ushyiremo amazina y'amatirano atandukanye, maze nurangiza ugaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi byayo.

Umwarimu areba ko umwandiko umunyeshuri yakoze urimo amazina y'amatirano akoreshejwe neza kandi ko intego n'amategeko yabikoze uko bikwiye.

UMUTWE WA GATANDATU: ITERAMBERE

VI.1. UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE

Gusesengura inkuru ngufi no gukora raporo.

VI.2. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

Inyito y'iterambere

Gukora inyandiko mvugo

VI.3. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu arandika ku kibaho ibibazo bibiri asabe abanyeshuri bicaranye ku ntebe gusubiza ibyo bibazo bibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa :

Fatanya na mugenzi wawe gusubiza ibibazo bikurikira:

1. Ni ryari bavuga ko umuntu ari umukire?

Bavuga ko umuntu ari umukire igihe afite ibiribwa bihagije, atuye mu nzu bwite ijyanye n'igihe, afite imitungo myinshi irimo imodoka, amasambu cyangwa amashyamba.

2. Umuntu ufite ibyo byose murondoye kandi mbere yari umukene bavuga ko yageze ku ki?

Umuntu ufite ibyo byose murondoye kandi mbere yari umukene bavuga ko yageze ku iterambere.

Umwarimu atega amatwi ibisubizo by' abanyeshuri akabafasha kubinoza.

VI.4. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe

Umutwe wa gatandatu: Iterambere		Umubare w'amasomo: 18
Amasomo	Intego rusange	Umubare w'amasomo
Umwandiko: Yahaboneye isomo		
Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko	Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe. Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.	Amasomo 2
Isomo rya kabiri: gusesengura umwandiko	Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.	Isomo 1
Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro	Kubarira bagenzi be inkuru yasomye mu bitabo by'inkuru ngufi ashize amanga.	Amasomo 3
Inkuru ngufi		
Isomo rya kane: Inkuru ngufi	- Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ngufi. - Guhanga inkuru gufi.	Amasomo 3
Raporo		
Isomo rya gatanu: Raporo	- Gutahura inshoza n'uturango by'inkuru ngufi. - Gukora raporo.	Amasomo 3
Isomo rya gatandatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro.	Guhanga no kubarira abandi inkuru zo mu nkuru ngufi yahimbye.	Isomo 3
Isuzuma		
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	Gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe wa gatandatu.	Amasomo 2
Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Gusubiza ibibazo by'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	Isomo 1

6. 4.1. Umwandiko: Twese biratureba

Isomo rya mbere: Gusoma, gusobanura no kumva umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:
<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n’isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. - Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, inkoranyamagambo , igitabo k’inkuru ngufi, n’izindi mfashanyigisho zifatika.

1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n’umwandiko *“Yahaboneye isomo”* bagiyeye gusoma akayibabazaho ibibazo.

Urugero rw’ibibazo yabaza n’urugero rw’ibisubizo :

a) Mwitgereje iyi shusho murabonaho iki?

Turabonaho umugabo uhagaze ku rwego ugiye gusuka imyaka mu kigega, umugore uhagaze imbere y’umutiba wuzuye imyaka, umugabo ufashe mu ntoki igikoresho arimo kudahisha imyaka iri ku mbuga ayizana mu mutiba, igitebo cyuzuye myaka, urugo ruriho imbariro n’ibiti by’inganzamarumbo.

b) Muhereye ku byo mubona kuri ariya mashusho muratekereza ko umwandiko uyakurikiye uza kuza kuvuga ku yihe nsanganyamatsiko?

Duhereye ku byo tubona kuri ariya mashusho turatekereza ko umwandiko uyakurikiye uza kuza kuvuga ku nsanganyamatsiko iterambere.

Igikorwa cya mbere : Gusoma

Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa, hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo:

Ni abahe banyarubuga b’ingenzi bavugwa mu mwandiko?

Abavugwa mu mwandiko ni Kamana na Gasana.

Gira icyo uvuga kuri umwe muri bo.

Kamana bari bariteje imbere; barangwaga no gukunda umurimo, gukoresha neza ibyo batunze kandi bakamenya kuzigama.

Iyo abana be bavaga ku ishuri, bakoraga imirimo inyuranye yo mu rugo barangiza bagasubiramo amasomo yabo.

Gusoma mu ijwi riranguruye.

Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho badasoma neza kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Igikorwa cya kabiri: Gusobanura amagambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye. Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Itsinda rimwe rimurike ibyo ryateguye, amatsinda asigaye agende yuzuzwa ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:

a) Gusobanura amagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.

a) Urugaryi: igihe cy'umwaka w'ihinga gihera muri Mutarama kikagera muri Werurwe. Igihe gito k'izuba.

b) Kwiyuha akuya: gukorana umurava umurimo uvunaye.

c) Kugarizwa (n'inzara): kwibasirwa n'inzara.

d) Kuboneza: kugenda cyangwa kuromberera inzira imwe.

2. Shaka amagambo yakoreshejwe mu mwandiko avuga kimwe n'amagambo atsendagiye muri izi nteruro:

a) Agezeyo, **arakomanga** nuko bamuha ikaze.
Agezeyo, **aravunyisha** nuko bamuha ikaze.

b) Bwacya **bagakomeza** imirimo yabo.
Bwacya **bakarimbanya** imirimo yabo.

3. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B

uruhushya A	uruhushya B
--------------------	--------------------

Guca inshuro	Guhingira ibiribwa.
Kudamarara	Gutuza ntihagire ikindi kintu ukorera urugo rwawe.
Kuboneza	Kwerekereza ahantu runaka.

b) Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. Muri uyu mwandiko baratubwiramo imiryango ibiri. Tandukanya imibereho yayo.

Umwe urakize kandi ufite umuco wo kuzigama, undi urakennye kandi urasesagura.

2. Iterambere ryo mu muryango wa Kamana rikomoka ku ki?

Rikomoka ku gukunda umurimo no kugira umuco wo kuzigama.

3. Ni iyihe ndangagaciro dusanga muri uyu mwandiko iranga Abanyarwanda?

Ni indangagaciro yo gufashanya no kugirana inama.

4. Ni ikihe gihe k'ihinga kivugwa mu mwandiko? Garagaza nibura ibindi bihe bibiri by'ihinga bitavuzwe mu mwandiko.

Garagaza nibura ibindi bihe bibiri by'ihinga bitavuzwe mu mwandiko. Muri uyu mwandiko haravugwamo Urugaryi. Ibindi bihe ni icyi, Umuhindo n'Itumba.

5. Sobanura ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko.

Ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko ni ukwiteza imbere mu buryo bunyuranye.

6. Iyi nkuru irangira ite?

Iyi nkuru irangira umuryango wa Gasana wateye imbere kubera ko wagiriwe inama yo gukunda umurimo no kugira umuco wo kuzigama

c) Imyitozo

Koresha aya magambo akurikira mu nteruro ziboneye.

Urugaryi: mu gihe cy'urugaryi havamo izuba rike.

Kwiyuha akuya: Dusigaye tubona icyo kurya ari uko tumaze kwiyuha akuya.

Kugarizwa: U Rwanda rwugarijwe n'ibibazo by'ibura ry'imvura.

Kuboneza: Aho kuguma mu yahisemo kuboneza yigira gutembera.

Isomo rya kabiri: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kuvumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka n'insanganyamatsiko bikubiye. - Guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro:

Baza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

Urugero rw’ibibazo yababaza n’ibisubizo byatangwa

Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga witwa “Yahaboneye isomo.”

Inkuru yavugaga ku ki?

Inkuru yavugaga ku iterambere rya Kamana na Gasana.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe kongera gusoma umwandiko baheruka kwiga hanyuma ubasabe gukora igikorwa gikurikira:

Igikorwa:

Ongera usome umwandiko hanyuma usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Gendagenda mu ishuri ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe. Fasha abafite ibibazo byihariye.

Igihe wabahaye kirangiye, saba itsinda rimwe rimurika ibyo ryakoze. Yobora andi matsinda mu bikorwa byo gukora ubugororangingo anongeramo ibitavuzwe n’iryo tsinda hanyuma ibisubizo by’ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw’ibibazo n’ibisubizo byanogejwe:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

Ni iterambere rishingiye ku muco wo gukunda umurimo n’uwo kuzigama.

2. Garagaza ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka dusanga mu mwandiko.

Ingingo z’ingenzi	Ingingo z’ingereka
Imiterere y’imiryango ya Kamana n’uwa Gasana. Gukunda umurimo.	Gufashanya. Kuremerana.
Akamaro k’umuco wo kuzigama. Ingaruka zo kutitabira umurimo no gusesagura.	Kugirana inama. Kumvira no gukurikiza inama.

3. Gereranya imyitwarire y’abanyarubuga n’ubuzima bw’aho utuye.

Umwarimu areba ibisubizo abanyeshuri batanga, abafashe kubinonosora.

4. Uyu mwandiko ukwigishije iki?

Umwarimu arareba ibisubizo binyuranye by'abanyeshuri abafashe kubinonosora.

Umukoro:

Jya mu isomero ry'ishuri utire igitabo k'inkuru ngufi uhitemo inkuru imwe uyisome maze uzayibarire bagenzi bawe mu ishuri.

Isomo rya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye

Ahereye ku nkuru yakuye mu gitabo yasomye umunyeshuri araba ashobora: Kubarira bagenzi be inkuru yasomye mu bitabo by'inkuru ngufi ashize amanga.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu,igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa ibyivugo n'imiterere yabyo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Umwandiko duheruka gusesengura uvuga ku yihe nsanganyatsiko?

Umwandiko duheruka gusesengura uvuga ku nsanganyatsiko y'iterambere?

Ni irihe somo wakuye muri uwo mwandiko?

Isomo wakuye muri uwo mwandiko ni ukugisha inama no kurebera ku bandi bateye imbere nange ngatera ikirenge mu cyabo.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri kujya imbere ya bagenzi be ababarire inkuru yasomye.

Igikorwa:

Jya imbere imbere ya bagenzi bawe ubabarire inkuru wasomye ushize amanga kandi wubahiriza n'isesekaza.

Umwarimu azaganzura niba ubara inkuru yubahiriza injyabihe y'ibivugwa kandi avuga ashize amanga.

6.4.2. Inkuru ngufi

Isomo rya kane: Inkuru ngufi

Intego zihariye

- Gutahura inshoza n’uturango by’inkuru ngufi.
- Guhanga inkuru ngufi akurikiza uturango twayo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’ubuvanganzo nyarwanda kirimo ihange ku nkuru ngufi n’izindi mfashanyigisho.

1. Intangiriro

Umwarimu aratangira abaza abanyeshuri niba bakunda kumva inkuru. Nibamara kumusubiza ababarire inkuru yasomye cyangwa yahimbye mu gihe cy’umunota umwe hanyuma ababaze ikibazo kiganisha ku burebure bw’iyo nkuru ye.

2. Uko amasomo atangwa

Umwarimu araha abanyeshuri iki gikorwa:

Igikorwa:

Ongera usome inkuru “Yahaboneye isomo” witegereza uko inkuru ibaze n’uko yubatswe kuva ku ntangiro kugera ku ndunduro, uburebure bwayo, ingano y’abanyarubuga, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza n’uturango tw’inkuru ngufi.

Ibisubizo byanogejwe byava mu bushakashatsi

1. Inshoza y’inkuru ngufi

Inkuru ngufi ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro; ariko mu buryo bworoheje butarimo isesengurabitekerezo ryimbitse, ridacukumbura insanganyamatsiko nyinshi. Umubarankuru yivugira inkuru z’ibyo yabayemo cyangwa yiboneye ubwe akabirondorera abandi. Bishobora kuba ari ukuri cyangwa ibihimbano.

2. Uturango tw’inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa n’ibarankuru, abakinankuru, akabuga nkuru, uburebure bwayo, imvugo y’ibiganiro n’imyubakire yayo.

a) Ibarankuru

Ibarankuru ni imitunganyirize y’umwibariro mu mbaro yawo. Ni uburyo bwo kugeza ku bandi ibyabaye cyangwa ibyo utekereza. Hari uburyo bubiri bw’ingenzi bwo kubara inkuru: ibarankuru ribwira n’ibarankuru ryerekana.

– Ibarankuru ribwira

Mu ibarankuru ribwira, umubarankuru aba agaragara mu nkuru. Uyisoma akamenya ko ifite uyibara, ushobora kuba umwe cyangwa benshi. Ibarankuru ribwira ryibanda ku gukoresha inshamake ku buryo ibyamaze igihe kirerkire bivugwa mu magambo make.

– Ibarankuru ryerekana

Mu ibarankuru ryerekana, inkuru irigaragaza ubwayo ku buryo butaziguye, igasa nk’aho

yibara ubwayo nta mubarankuru ubyivanzemo. Hakunze gukoreshwa iganira cyangwa udukino dufasha umusomyi kwihera amaso, akamera nk'ureba ibiba mu nkuru nk'ureba ikinamico cyangwa firimi. Mu kubara inkuru hakoreshwa indagihe mbarankuru igihe ubara inkuru avuga ibikorwa byagiye bikurikirana.

b) Abanyarubuga (Abakinankuru)

Mu nkuru ngufi havugwamo abakinankuru bake barimo umukinankuru mukuru umwe. Umukinankuru mukuru ni we uba ari ipfundo ry'inkuru. Ni we ikigamijwe cyangwa intego y'inkuru iba ishingiyeho. Uyu ni we insanganyamatsiko rusange ivugwa mu nkuru iba ishingiyeho. Mu nkuru ngufi kandi habamo abakinankuru bungirije n'abakinankuru ntagombwa.

c) Akabuga nkuru (Akarere)

Inkuru ngufi irangwa no kuba hari ahantu ibera mu gihe runaka. Irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabuga nkuru (akarere). Ahantu inkuru ibera hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. Ni ukuvuga ko mu nkuru ngufi umuhanzi ashobora gukoresha akabuga nkuru k'ahantu habayeho cyangwa akabuga nkuru gahimbano.

d) Uburebure

Inkuru ngufi irangwa no kuba ari ngufi, ntikunze kurenza impapuro makumyabiri.

e) Imvugo y'ibiganiro (imvugano)

Inkuru ngufi irangwa nanone n'imvugo y'ibiganiro (imivugano) aho usanga hakoreshwa cyane ibinyazina ngenga bigaragaza uvuga n'ubwirwa (ngenga ya mbere n'ya kabiri mu bumwe cyangwa mu bwinshi) amagambo agaragaza igihe n'ahantu : hano, none, ejo, mu minsi ibiri iri imbere, mu mwaka utaha... amagambo agaragaza ibitekerezo by'uvuga n'uruhande abogamiyemo, n'ibindi. Ubwo buryo bwo kuvuga cyangwa imyandiko ikozwe muri ubwo buryo, bugaragazwa mbere na mbere n'ibihe inshinga zitondaguwemo : indagihe, impitagihe, n'inzagihe.

f) Imyubakire y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi iba yubakiwe ku nkuru imwe rukumbi. Umugendo w'inkuru ngufi uba ugiye umujyo umwe. Ubara inkuru ayikurikiranya nk'uko yagenze mu bikorwa ntagenda asobekeranya ibikorwa.

Umukoro

a) Tira igitabo k'inkuru ngufi mu nzu y'isomero, uzagisome ubwire bagenzi bawe ibikubiyemo n'imiterere y'iyi nkuru ngufi wasomye.

b) Hanga inkuru ngufi nibura ku mapaji abiri ku nsanganyamatsiko wihitiyemo hagaragaremo uturango tw'inkuru ngufi.

Umwarimu aragera abanyeshuri igihe gihagije cyo gukora uyu mukoro anagene igihe cyo kuzamurika ibyo bagezeho.

Umukoro ku nkuru ngufi n'uburyo wakorwa

1. Tira igitabo k'inkuru ngufi mu nzu y'isomero, uzagisome ubwire bagenzi bawe

ibikubiyemo n’imiterere y’iyo nkuru ngufi wasomye.

Ku mwitozo wa mbere umwarimu asaba abanyeshuri kuwukorera mu matsinda, akabaha igihe gihagije cyo kuwukora. Iyo igihe yabageneye kirangiye, umwarimu asaba abanyeshuri kubwira bagenzi babo ibyari bikubiye mu nkuru basomye no kuyibajorerera agendeye ku turango tw’inkuru.

2. Hanga inkuru ngufi nibura ku mapaji abiri ku nsanganyamatsiko wihitiyemo hagaragaremo uturango tw’inkuru ngufi.

Ku mwitozo wa kabiri, umwarimu abwira abanyeshuri guhanga inkuru ngufi buri wese ku giti ke. Abaha igihe cyo kuzihimba barangiza bakazimuha akazikosora. Iyo arangije kuzikosora agenda agaragaza ibitanzo kuri buri nkuru. Nyuma asobanurira abanyeshuri amwe mu makosa yagaragaye cyane agafatanyaga na bo kunonosora uko yakosorwa. Ahitamo imwe mu nkuru ngufi ikoze neza nyirayo akayisomera bagenzi be mu ishuri bagenda bagereranya n’izo bakoze.

6.4.3. Raporo

Isomo rya gatanu: Raporo

Intego zihariye
- Gutahura inshoza n’uturango bya raporo. - Guhanga raporo akurikiza uturango twayo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, n’izindi mfashanyigisho.

I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwinjira mu isomo.

Iyo umuntu amutumye ahanu, ni iki agomba gukora avuyeyo?

Iyo umuntu amutumye ahanu, iyo avuyeyo agomba gusohozwa ubutumwa.

Ubwo butumwa umuntu asohozwa ku wamutumye babwita bate mu gihe butanzwe mu nyandiko?

Mu gihe butanzwe mu nyandiko, ubwo butumwa umuntu asohozwa ku wamutumye babwita raporo.

II. Uko isomo ryigishwa

Igikorwa:

Soma umwandiko ukurikira witegereza imiterere yawo maze utahure ubwoko bwawo, inshoza yawo, imbata yawo n’uko ukorwa.

Akarere ka Ngenda
Agasaduku k'iposita 50 Gitaka

Raporo ku bikorwa by'umuganda wo ku wa 12 Ugushyingo 2017

Nk'uko byemeranijweho mu nama duheruka gukorana n'ubuyobozi bw'Akarere, hakifuzwa ko ibikorwa by'umuganda w'uku kwezi byazakorwa hubakwa ubwiherero bw'abatishoboye, Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Gitaka, mpisemo kubaha iyi raporo kugira ngo mugire umwanzuro mwabitangaho.

Mu murenge nyobora hari abatishoboye 20, muri bo abatari bafite ubwiherero bari 15. Mu bikorwa by'umuganda w'uku kwezi twashoboye kubakira 7 gusa. Birumvikana ko abasigaye kubakirwa ari 8. Ikifuzo ni uko na bo twazareba uko tububakira bityo abadafite ubwiherero bose bakabugira. Nk'Umuyobozi w'Umurenge wa Ntora, Akagari ka Muguramo kabarizwamo, mbahaye iyi raporo kugira ngo muyigane ubushishozi, mugire umwanzuro mufata watuma abadafite ubwiherero babugira.

GASANGWA Jean

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ntora

Ibisubizo byanogejwe:

1. Inshoza ya raporo

Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejweho.

2. Imbata ya raporo n'uko ikorwa

Raporo, igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga intangiriro, igihimba n'umusozo.

- **Intangiriro:** muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.
- **Igihimba:** muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro azakumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.
- **Umusozo:** muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka. Raporo igomba kugira amazina n'umukono

by'awayikoze.

Umwitoto n'igisubizo kuri raporo

Tandukanya raporo n'inyandiko mvugo y'inama.

Inyandiko mvugo	Raporo
Ivuga ibyabereye mu nama.	Ivuga uko igikorwa cyagenze.
Uyikora yandika muri make uko byagenze nta bitekerezo bye yongeyemo.	Uyikora yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye agaragaza uko abona ibyo akorera raporo.
Imyanzuro yandikwa si iy'umwanditsi, iba yatanzwe n'uyoboye inama afatanyije n'abateraniye mu nama.	Irangira uyandika atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa.

UMUKORO N'UKO WAKORWA

Ishyire mu kigwi cy'umuntu woherejwe gukurikirana ibikorwa by'ubudehe mu Murenge runaka, maze ubikorere raporo uzashyikiriza Umuyobozi w'Akarere.

Umwari mu abwira abanyeshuri gukora iyo raporo bubahiriza uturango twayo batitaye ku kuri kw'ibivugwamo. Abaha igihe cyo kuyikora barangiza bakazimuha akazikosora. Iyo arangije kuzikosora agenda agaragaza ibitanzwe kuri buri raporo. Nyuma asobanurira abanyeshuri amwe mu makosa yagaragaye cyane agafatanyije n'abanyeshuri kunonosora uko yakosorwa. Ahitamo imwe muri zo ikoze neza nyirayo akayisomera bagenzi be mu ishuri bagenda bagereranya n'izo bakoze.

Isomo rya gatandatu: Umwitoto w'ubumenyi ngiro

Intego zihariye
Ahereye ku nsanganyamatsiko yihaye, umunyeshuri araba ashobora: Guhanga no kubarira abandi inkuru zo mu nkuru ngufi yahimbye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu,igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'inkuru ngufi n'izindi mfashanyigisho zifatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo byo kwiyibutsa inkuru ngufi n'imiterere yayo.

Urugero rw'ibibazo yababaza:

Inkuru ngufi ni iki?

Inkuru ngufi ni igihangano gishingiye ku kubarira abandi ibyabaye ubivuye imuzingo ukagera ku ndunduro; ariko mu buryo bworoheje butarimo isesengurabitekerezo ryimbitse

Ni iki wibuka ku banyarubuga b'inkuru ngufi?

Abanyarubuga b'inkuru ngufi baba ari bake kandi uw'ingenzi inkuru ishingiyeho aba ari umwe.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri kuja imbere ya bagenzi be abamurikire ikivugo k'iningwa cyangwa cy'umwato yahanze.

Igikorwa:

Hanga inkuru ngufi wubahiriza uturango twayo.

Umwarimu azagenzura ko inkuru zahimbye zujuje ibisabwa. Igihe yabahaye nikirangira, buri munyeshuri azajya imbere ya bagenzi ayibabarire maze bafatanyirize hamwe gutoranya inkuru zihimbye neza kandi ziryoheye amatwi.

6.5. ISUZUMA RISOZA UMUTWE WA GATANDATU

Ibigererwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Ubushobozi bwo gusoma atajijinganya.

-Ubushobozi bwo gusesengura inkuru ngufi na raporo.

-Ubushobozi bwo guhanga no kwandika inguru ngufi no gukora raporo.

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa gatandatu buri wese ku giti ke.

Urugero rw'ibibazo by'isuzuma:

Kumva umwandiko

1. Ni izihe gahunda zitandukanye leta yashyizeho mu rwego rwo guteza imbere abaturage?

Ubudehe, Gira Inka Munyarwanda, gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka ikenda na cumi n'ibiri, ishyingirwaho ry'ibigo by'imari biciriritse...

2. Ni iki umubarankuru yigiye ku muryango wa Bugingo na Nyiramucyo?

Inama umubarankuru yigiye kuri uriya muryango ni uko amafaranga make ushobora kuyazigama akagwira akazakubera igishoro cyangwa akaguhesha inguzanyo

3. Gukorana n'amabanki bimarira iki umuntu?

Bimufasha kwizigama no kubona inguzanyo bityo akabasha kwiteza imbere

4. Vuga ingamba umuntu yafata kugira ngo abashe kuzigama.

Kwirinda gusesagura.

Kwigomwa bimwe mu bintu bitari ngombwa byagutwaraga amafaranga.

Kudategereza ko ugwiza amafaranga kugira ngo ubone kuzigama.

5. Ni ba nde bagerwaho n’ibyiza byo kwihangira umurimo?

Abagerwaho n’ibyiza byo kwihangira umurimo ni umuryango, inshuti, abaturanyi n’igihugu muri rusange.

6. Sobanura bimwe mu bigize iterambere bigaragara mu mwandiko.

Bimwe bigaragaza iterambere rivugwa mu mwandiko:

Kugura imodoka, gucuruza imyaka, guhanga imishinga inyuranye no guha abandi akazi.

7. Ese gahunda yo kuzigama abanyeshuri na bo irabareba? Sobanura.

Kuzigama n’abanyeshuri birabareba kuko na bo baba bakeneye kwiteza imbere. Ni ukuvuga ko igihe cyose babonye amafaranga ayo ari yo yose agomba kwibuka ko kuzigama ari ingenzi.

II. Inyunguramagambo

1. Uzuzi izi nteruro ukoresheje ijamba rikwiye:

a) Ibigo by’..... iciriritse n’..... bifasha ababyisunga kwiteza
Ibigo by’**imari** iciriritse n’**amabanki** bifasha ababyisunga kwiteza imbere.

b) Ubufatanye bw’umugabo n’..... mu rugo bubageza kuri byinshi.
Ubufatanye bw’umugabo n’**umugore** mu rugo bubageza kuri byinshi.

c) Kubika amafaranga mu ntibikigezweho ubu.
Kubika amafaranga mu **ruko** ntibikigezweho ubu.

2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n’ayo mu ruhushya B ku buryo abyara interuro mbonezamvugo.

uruhushya A	uruhushya B
Umuryango	witeza imbere ubera abandi ikitegererezo.
Gutinya	bituma tudakorana n’amabanki.
Kubika	makemake bikubera igishoro.
Amafaraanga	abitse mu rugo arangirika .
Gutunga	byinshi si ko kuzigama.

III. Ubuvanganzo

Ongera usome umwandiko “Ubwenge burarahurwa” utahuremo tumwe mu turango

tw'inkuru ngufi tugaragaramo.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri bashubije akabinonosora abafasha gutahuramo tumwe mu turango tw'inkuru ngufi tugaragaramo.

Urugero

Harimo umubarankuru.

Imvugo y'ibiganiro.

Aho inkuru ibera.

IV. Ubumenyi bw'ururimi

1. Tandukanya raporo n'inyandiko mvugo.

Aho bitandukaniye ni uko ukora inyandiko mvugo yandika muri make uko byagenze nta bitekerezo bye yongeyemo naho ukora raporo we yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka.

2. Ishyire mu kigwi cy'umuporisi wagiye kureba ahabereye impanuka maze ukore raporo y'iyo mpanuka uyohereze umukuru wa porisi.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo abagaragariza neza uturango twa raporo.

3. Ugendeye ku turango tw'inyandiko mvugo, kora inyandiko mvugo y'inama wigeze kwitabira.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo abagaragariza neza uturango tw'inyandiko mvugo batubahirije mu bisubizo byabo.

6.6. Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi

UMWITOZO NZAMURABUSHOBOZI

1. Garagaza uturango tw'inkuru ngufi unasobanure muri make buri karango.

Umwarimu areba niba umunyeshuri asobanukiwe neza n'inshoza n'uturango tw'inkuru ngufi uko biri mu gitabo cy'umunyeshuri.

2. Garagaza ibice by'ingenzi bigize inyandiko mvugo cyangwa ibigize raporo.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo bagaragaza neza ibice by'ingenzi by'inyandiko mvugo.

UMWITOZO NYAGURABUSHOBOZI

1. Hitamo ugikowa kimwe muri ibi bikurikira, ugikore.

a) Kora inyandiko mvugo y'inama y'Umuyobozi w'ishuri yagiranye n'abanyeshuri, umuyobozi wungirije ushinze amasomo n'abayobozi bashinze imyitwarire. Iyo nama ifite ku murongo w'ibygwa ingingo zikurikira: itangira ry'igihembwe, imitsindire y'igihembwe gishize, imyitwarire muri rusange n'ingamba z'igihembwe gitangiye.

b) Uri umunyeshuri uhagarariye abandi, wagiye mu mahugurwa y'abanyeshuri bahagarariye abandi arebana no kurwanya ibiyobyabwenge mu mashuri. Kora raporo y'ayo mahugurwa uyihe umuyobozi w'ishuri.

Umwarimu areba ibyo abanyeshuri basubije akabafasha kubinonosora ku buryo abagaragariza neza uturango n'ibice by'ingenzi by'inyandiko mvugo cyangwa ibya raporo batubahirije.

2. Hanga inkuru ngufi nibura ku mapaji abiri ku nsanganyamatsiko irebana n'iterambere kandi ugaragazemo uturango tw'inkuru ngufi.

Umwarimu areba ko umunyeshuri yahanze inkuru nziza kandi yujuje uturango twose.

6.7. Amasomo y'inyongera



TWIYUNGURE AMAGAMBO

Abatasi: abantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

Amabengeza: ubwiza buhebuje butarambirana kureba.

Amakenga: ubwoba umuntu aterwa n'uko akeka ko ibintu bitameze neza.

Amakoro: amaturo bahaga umwami agizwe n'ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n'ibindi.

Amareshyamugeni: amagambo meza aryoheye amatwi ariko adahuye n'ingiro.

Amashyushyu: ubushake bwinshi bwo kobona cyangwa gukora ikintu ukumva utatuza utabigezeho.

Amazimano: amafunguro bakiriza umushyitsi.

Arakobana: umubiri we uripfunyapfunyika.

Arambirana isuri: aje yitwaje ingabo y'isuri.

Ayera: amata. Umusizi yakoresheje imvugo ishushanya kubera ibara ryayo.

Babisamiraho: batwara inda nyamara banywa imiti yo kuboneza urubyaro.

Baragaga: batangaga ibyabo babiha abana babyaye.

Bimukembere aho: bimurire aho/ bimukataguremo ibice.

Guca akabogi: kwicara ukiyoroshya ukaganira n'inshuti.

Gucuma akarenge: gutera intambwe imbere.

Gufora : gukurura umuheto ngo uhe umwambi umurego witegura kurasa.

Guhiga: kugaragaza ibikorwa uzakora.

Guhuga: kurangara.

Guhurura: kuza birukanka akenshi batazi n'icyabaye

Gukubanga: kwigarurira.

Gukura ubwatsi: gushimira uwakugiriye neza.

Gutatamura imyato: gutondagura ikivugo kirekire kirimo ibigwi n'ibirindiro.

Guteka ijabiro: kwicara ku ntebe y'inteko by'umwami.

Icondo : igice k'inyuma k'ingabo giturumbuye.

Icyuho: urwaho cyangwa umwanya watuma umuntu agerwaho n'ikibi.

Igifunga : umukondo w'ingabo uyitwaza afata.

Igihengeri: igikomere kinini.

Igisingo: ikamba ry'umwami.

Ijabiro: aho umwami cyangwa umugabekazi abonanira na rubanda cyangwa bakirira ingabo. **Aho umwami yashingaga inteko hose ingabo.**

Ikibatsi : umuriro ugurumana uzamuka ari ikirimi kimwe.

Ikirezi: akazu kameze nk'igufwa kitwikirwa n'udukoko tumwe na tumwe two mu nyanja. Bagakora neza bakakambara nk'umurimbo wo mu ijosi. Ikintu kiza cyane.

Imbungiramihigo: umutwe w'ingabo.

Imirera: ingabo bakingisha imyambi ku rugamba.

Imisakura : imyambi.

Imodoka igitirimuka: imodoka igihaguruka.

Imoko: Isonga y'ibere ry'umugore akaba ari na yo umwana akururamo amashereka.

Imparirwakurusha: indashyikirwa.

Impuha: inkuru z'impimbano zuzuye ibinyoma.

Impumu: ukuzibiranywa n'umwuka ugahumeka vubavuba kandi bikuruhije.

Indahekana: abana babyawe bakurikiranye mu gihe gito, ku buryo usanga baba baja kungana.

Inkaba: amaraso menshi cyane.

Inkatazakureka : umuntu urasana ingoga, urasa vubavuba.

Inkekwe: umuriro waka cyane.

Inkera: igitaramo gikesha ijoro.

Inkongi : umuriro ugurumana.

Inkora: inzira nini igaragaza aho inyamaswa cyangwa abantu benshi banyuze.

Inkotanyi cyane: izina ry'igisingizo rya Kigeli wa IV Rwabugiri.

Inkuba zesereza : imbaraga n'urusaku by'umwambi bigereranywa n'iby'inkuba.

Inkuku : ingabo nto(yo gukinga imyambi ku rugamba).

Intabire: ubutaka buhinzwe vuba ariko bukaba butaraterwamo imyaka.

Intambara nyirema : urugamba ndutangira.

Intanage : imyambi.

Intore: umuntu batoranyije mu bandi bamutegurira umurimo runaka.

Ishyamba ry'umwimirizi: ahantu harinzwe.

Isomo rimbanyije: isomo rigeze aharyoshye.

Isuri: ubwoko bw'ingabo iboshye mu migozi bita insuri. Yabaga ari nto.

Iyo gihera: kure cyane/ iyo igihugu giterwa inkingi

Kuboneza: kugenda.

Kugarizwa (n'inzara): kwibasirwa n'inzara.

Kugishisha inka: kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

Kumuca iryera: kumubona.

Kumuhundagazaho: kumuha cyangwa kumugwizaho.

Kunyaga: gutwara imitungo y'undi ku mbaraga.

Kuramvura ingoma: kuyibaza.

Kurega inkokora : gukurura umwambi ukuboko kukarambuka neza.

Kurekera : kurekura umwambi urasa.

Kuririra mu myotsi: kugirira ibyago ahantu babyongera.

Kuvogera umugezi: kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

Kuvunyisha: gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

Kwibaruka: kubyara.

Kwisenya: kugwa hasi nta kwiramira.

Kwiyuha akuya: gukorana umurava umurimo uvunaye.

Mu bushorishori: mu kirere hejuru cyane.

Mu gihumbi: umwanya wo ku mubiri w'umuntu uri hagati y'inshyi z'amaboko zombi.

Mu kangaratete: mu makuba, mu bibazo.

Mu rubega: igice k'ingabo kigana aho irangirira.

Muhandangabo: umuntu ugora ingabo bahanganye.

Nakivogereye : nkidedemyamo hagati, nakigezemo rwagati.

Ndiremamo inkora: nshamo inzira nini.

Nikoranye : nitwaje.

Nimuhebere urwaje: nimureke ibiba bibe kubera ko mudashobora kubyigobotora cyangwa kubyikuramo.

Nk'ukubiswe n'iyu hejuru: nk'ukubiswe n'inkuba (aragereranya imbaraga z'umwambi n'imbaraga inkuba ikubita ifite).

Nkanga umurindi hasi : nkubita umugeri hasi bitewe no kwizihirwa.

Ntiasukirwa amazi: ahita yuma/ahita apfa.

Nyakotsi: ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

Nywuhimbajemo : ngiye nshyiramo imyambi ku buryo bwungikanya.

Rugombangogo : umuntu wica gusa ab'ibihangange mu bo bahanganye.

Rwangizamirera: umuntu urasa agasatura (akamena) ingabo y'umukinzi.

Sinahagararwa hagati: sinavogerwa.

Ubute: ubunebwe.

Umuce: igikoresho kiboshye nk'ikirago ariko gito kigenewe kwicarwaho.

Umuhinza : umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamuturama amakoro na we akabaha imvura, akabahahiriza ibyonnyi akanabatsirikira ibiza.

Umuhinza: umuntu wigize umutware mu gace runaka, akigira ikigenge.

Umuhunde: ubwoko bw'abantu batuye mu Buhunde (Kongo).

Umukore : umuheto.

Umunega : icumu.

Umurera : ingabo.

Umurindi: urusaku rw'amaguru y'abantu cyangwa inyamaswa zigenda.

Umuseke ugitamuruka mu cyoko: mu rukerera, butangiye gucyu.

Umuwaburayi: umwana wavutse.

Umuyonga: ivu.

Umuze: ugusogobwa (gucika intege) k'umuntu bitewe n'indwara y'igihe kirekire.

Umwera (umwêêrâ): ukweruruka k'umubiri udasize.

Umwera (umweêra): umuntu ufite uruhu rwera; umuzungu.

Umwete: umurava.

Umwimirizi: umukumirizi/ umuntu ubuza abantu kwinjira.

Urugaryi: igihe cy'umwaka w'ihinga gihera muri Mutarama kikagera muri Werurwe . Igihe gito k'izuba.

Uruhando: urubuga.

Uwantaagiye: uwambangiye

umuheto. **Yakongotse:** yahiye

yarangiye. **Yarahozagaye:**

yarabyibushye cyane.

Yatariranye: yabyimbye kubera amashereka menshi.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJE

IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA N'ÏKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), Inkoranya y'Ïkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008). Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ïkinyarwanda, Kigali.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2015). Imikoreshereze y'Ïkinyarwanda: Ntibavuga- bavuga. Imfashanyigisho ibanza. Kigali.

NSANZABERA, J.D.(2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye. Kigali

JACOB I. (1985). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S, Butare.

JACOB I. (1983). Dictionnaire Rwandais-Français en 3 volumes, Tome premier, Kigali.

Mgr BIGIRUMWAMI, A. (1984). Imihango n’Imigenzo n’Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.

MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2015). Teacher Training Manual Phase I, Kigali.

MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2016), Teacher Training Manual Phase II, Kigali.

RWANDA EDUCATION BOARD (2015). Integanyanyigisho y’Ikinyarwanda mu mashami ikinyarwanda kigishwamo nk’isomo bihitiyemo, Kigali.

UNICEF (1996). Dukunde amahoro, UNESCO.

MUTAKE, Th., 1991, Ikinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y’itondaguranshinga risanzwe, Kigali: les edition de la Régis de l’imprimerie Scolaire. COUPEZ, A. 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butaré : INRS.

IGIRANEZA T.,1990, Isomo ry’ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y’inshinga nyarwanda, Kigali.

BIZIMANA, S., 2002, Imiteêrere y’ikinyarwaanda II, IRST, Butare.

MBONIMANA, G. na Nkejabahizi, J.C. 2011, Amateka y’ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya.
